

REPUBLIC OF RWANDA

SUPREME COURT P.o. Box. 2197 KIGALI www.judiciary.gov.rw



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 3 - 2020 Nyakanga, 2020



RWANDA LAW REPORTS

Law Report V. 3 - 2020 July, 2020





ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 3 - 2020 Nyakanga, 2020



RWANDA LAW REPORTS

Law Report V. 3 - 2020 July, 2020



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

IKINYARWANDA

ISHAKIRO

ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZAiii
KOMITE YEMEZA IMANZAiv
IRIBURIROvii
IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYOviii
INYITOviii
AMATEGEKO YASHINGIWEHOix
IMANZA ZIFASHISHIJWExi
AMAGAMBO MPINExiii
MT LAW OFFICE Ltd v. PELLA RWANDA RESOURCES Ltd
1
MUKAGIFUNDU N'UNDI v. UWAMARIYA N'UNDI11
NDEREYEHE v. NYIRAMAHINGURA N'ABANDI23
UBUSHINJACYAHA v. DUSENGIMANA35
UBUSHINJACYAHA v. MUKARUYANGE49
NDAHUNGA v. MUKAKALISA N'UNDI75
HABIMANA N'UNDI v. ASIIMWE N'ABANDI95
MUNYANEZA N'UNDI v. ACCESS BANK Ltd133
UMUJYI WA KIGALI v. MACO MUSONI151

ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

NINAHAZWA Roselyne

KOMITE YEMEZA IMANZA

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse: Perezida wa Komite,

Umucamanza mu Rukiko

rw'Ubujurire

Dr. MUHIRE G. Yves : Visi Perezida wa Komite.

Umwalimu muri

Kaminuza y'u Rwanda

BUKUBA Claire : Umwanditsi wa Komite,

Umugenzuzi w'Inkiko

Dr. KARIMUNDA M. Aimé : Perezida w'Urukiko

rw'Ubujurire

RUKUNDAKUVUGA F. Regis : Umucamanza mu Rukiko

rw'Ikirenga

NDAHAYO Xavier : Perezida w'Urukiko Rukuru

RUTAZANA Angeline : Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko

KALIWABO Charles: Umucamanza w'

Urukiko rw'Ubujurire

Dr. KAYIHURA Didas : Umuyobozi wa ILPD

BWIZA N. Blanche : Umugenzuzi w'Inkiko

KIBUKA Jean Luc : Umucamanza w'Urukiko

Rukuru rw'Ubucuruzi

HABARUREMA Jean Pierre : Umushinjacyaha ku

Rwego rw'Igihugu

BUNYOYE Grace : Umushinjacyaha ku

Rwego rw'Igihugu

KABIBI Specioza : Intumwa ya Leta

MUREREREHE Saouda : Umucamanza mu Rukiko

Rukuru

Lt. col. MADUDU A. Charles : Umucamanza mu Rukiko

rwa Gisirikare

UWANTEGE Yvette : Umwanditsi Mukuru mu

Rukiko rw'Ubujurire

GIRANEZA Clémentine : Umucamanza mu Rukiko

Rwisumbuye

BAGABO Faustin : Avoka mu Rugaga

rw'Abayoka

IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Urwego rw'Ubucamanza runejejwe no gutangaza Volime ya gatatu y'Icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko mu mwaka wa 2020.

Dukomeje kubashimira, ko mudahwema kutugezaho ibitekerezo byanyu, munatwereka aho mwifuzako hanozwa kurushaho. Ibi bizatuma turushaho kubagezaho Icyegeranyo gikozwe neza kandi gifitiye akamaro abantu b'ingeri zitandukanye bahura n'ibibazo by'amategeko mu mwuga wabo.

Muri iyi Volime y'Icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko murasangamo, imanza icyenda (9) zirimo eshanu (5) zerekeranye n'imiburanishirize y'imanza, mu gihe izindi enye (4) zaburanishijwe mu mizi ari izi zikurikira : urubanza rumwe (1) rw'imbonezamubano, imanza ebyiri (2) z 'ubucuruzi, n'urundi rumwe (1) rw'ubutegetsi.

Tuboneyeho kubibutsa ko imanza ziri muri iki cyegeranyo ziboneka no ku rubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga munyuze kuri http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do.

Dukomeje gushishikariza abantu bose bifashisha amategeko mu kazi kwitabira gukoresha iki Cyegeranyo.

Dr NTEZILYAYO Faustin Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO

Iki cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire zikoreshwa hakurikijwe inyito ivugwa hasi.

INYITO

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo: [2020] 3 RLR

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

Itegeko N° 22/2018 yo ku wa 29/04/2018 ryerekeye
imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi,
ingingo ya 10
ingingo ya 12 n'iya152155
Itegeko N° 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, ingingo ya 1515
Itegeko N° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'abahesha b'inkiko ingingo ya 38103
Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 ryerekeye amasezerano, ingingo ya 113137
Itegeko N°17/2011 ryo ku wa 12/05/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa, ingingo ya 36104
Itegeko N°13/2010 ryo ku wa 07/05/2010 rihindura kandi ryuzuza Itegeko N°10/2009 ryo ku wa 14/05/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa, ingingo ya 3104
Itegeko $N^{\circ}15/2004$ ryo ku wa $12/06/2004$ ryerekeye ibimenyetso n'itangwa ryabyo mu manza,
ingingo ya 4,65 n'iya 11939
ingingo ya 108 n'iya 11955
ingingo ya 3103
ingingo ya 2155
Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru N° 03/2010/Org yo ku wa 16/11/2010 agenga ibyerekeye gukoresha, kugurisha muri cyamunara ndetse no kwegukana ingwate, ingingo ya 9104
cyamunara naeise no kwegukana ingwaie, ingingo ya 9104

Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/ imiterere, imikorere n'Ububasha by'Urukiko rw'Iki ingingo ya 28, igika cya 2, agace ka 7 n'igika ingingo ya 78 n'iya 79	irenga, 1 cya 44
Itegeko Ngenga N°01/2012/OL ryo kuwa 02/05/201 Igitabo cy'amategeko ahana, ingingo ya 573	326 n'iya
Itegeko $N^{\circ}21/2012$ ryo ku wa $14/06/2012$ imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi,	iz'ubucuruzi,
ingingo ya 10	
ingingo ya 176	
ingingo ya 320	55
Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamu rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 22	bano kandi y'umutungo a 17,21 n'iya
Itegeko Teka ryo kuwa 30/07/1888, rigenga d	amasezerano
cyangwa imirimo nshinganwa,	104
ingingo ya 258	
ingingo ya 552, n'iya 573	
ingingo ya 260, igika cya 1	

IMANZA ZIFASHISHIJWE

Murorunkwere n n'Urukiko rw'Ikii			
Nzamubara na 1 n'Urukiko rw'Ikit		-	
Ubushinjacyaha n'Urukiko rw'Iki	•	-	

AMAGAMBO MPINE

1. Amasezerano – Amasezerano y'inguzanyo – Amasezerano y'ubwishingizi – Umwishingizi akomeza kuryozwa inshingano zo kwishyura umwenda kugeza habonetse impamvu mu ziteganywa n'amategeko zizimya ubwishingire

MUNYANEZA N'UNDI v. ACCESS BANK Ltd.....135

Amasezerano – Amasezerano y'inguzanyo – Amasezerano y'ubwishingizi – Umwishingizi ntiyakwitwaza ivugururwa ry'amasezerano y'inguzanyo y'ibanze mu gihe iryo vugurura ritahinduye ishingiro ry'ubwo bwishingire.

MUNYANEZA N'UNDI v. ACCESS BANK Ltd...135

Amasezerano y'ubugure – Umutungo utimukanwa – Ugushyikiriza (délivrance) – Gutanga ibintu byimukanwa byagurishijwe bikajya mu bubasha no mu butunzi bw'umuguzi (délivrance) biba iyo habaye itangwa nyakuri ry'ikintu, cyangwa hatanzwe imfunguzo z'inyubako birimo, cyangwa se hakurikijwe ukwemera kw'abagiranye amasezerano, iyo ugutangwa kw'ikintu kudashobora kuba umunsi w'igurisha cyangwa se niba ugura yari asanzwe agifite ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose.

UMUJYI WA KIGALI v. MACO MUSONI......153

2. Amategeko imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano

 Ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Ababuranyi – Ababuranyi bose barebwa n'urubanza rusabirwa gusubirishwamo ku impamvu z'akarengane bagomba guhamagazwa kabone n'ubwo bataba baranditse babisaba urwego rubishinzwe

	MUKAGIFUNDU N'UNDI v. UWAMARIYA N'UNDI13
	Gutambamira urubanza — Inyungu — Inyungu z'utanga ikirego cyo gutambamira urubanza, zigomba kuba zitandukanye n'iz'ababuranye urubanza rutambamirwa. NDEREYEHE v. NYIRAMAHINGURA N'ABANDI
	Kwiregura – Uwireguza impamvu itunguranye kandi idashobora kwirindwa (cas de force majeure) – Uwireguza impamvu itunguranye kandi idashobora kwirindwa (cas de force majeure) agomba kugaragaza ko ingaruka zayo zidashoboraga kwirindwa UMUJYI WA KIGALI v. MACO MUSONI
3.An	nategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha — Ibimenyetso mu manza nshinjabyaha — Nta muntu ugomba kwemezwa ko ahamwe n'icyaha nyuma y'urubanza atari uko Ubushinjacyaha bugaragaje ibimenyetso bidatera ugushidikanya uko ari kose. UBUSHINJACYAHA v. DUSENGIMANA
	Inyito y'icyaha — Guhindura inyito y'icyaha ni uburenganzira n'inshingano umucamanza afite mu gihe asanga ibikorwa uregwa akurikiranyweho bidahuye n'inyito byahawe, hakurikijwe ihame ry'uko umucamanza aregerwa ibikorwa bigize icyaha — Igihe cyose icyemezo cy'Urukiko kitaraba ndakuka, inyito y'icyaha ishobora guhinduka, ariko uregwa agahabwa igihe cyo kugira icyo abivugaho. UBUSHINJACYAHA v. MUKARUYANGE
4. A	Amategeko agenga ububasha bw'Inkiko – Ububasha bw'Urukiko mu bujurire bwa kabiri – Nubwo nta ndishyi

zingana n'iziteganywa n'Itegeko zagenwe mu manza zaciwe mu nkiko zibanza, hakaba nta n'impaka zabaye ku gaciro k'ikiburanwa muri izo nkiko, nta kibuza ko izo mpaka zabyutswa bwa mbere ku rwego rw'ubujurire kugira ngo hasuzumwe niba ubujurire bwa kabiri buri cyangwa butari mu bubasha bw'urwo rukiko hashingiwe ku gaciro k'ikiburanwa.

MT LAW OFFICE Ltd v. PELLA RWANDA RESOURCES Ltd.....1

5. Amategeko agenga umuryango — Umutungo w'umuryango — Imicungire y'umutungo w'umuryango — Ni ihame ku bashyingiranywe kugirana ubwumvikane mbere yo kugurisha umutungo utimukanwa bahuriyeho cyangwa kuwutangaho ubundi burenganzira.

NDAHUNGA v. MUKAKALISA N'UNDI......77

6. Ingaruka z'ugutesha cyamunara agaciro – Iyo cyamunara iteshejwe agaciro, ibintu bisubira uko byari bimeze mbere yuko cyamunara iba.

HABIMANA N'UNDI v. ASIIMWE N'ABANDI......97

7. Ingwate – Impaka zirebana n'igenagaciro ry'ingwate – Mu gihe habaye kutemeranya ku igenagaciro ry'ingwate hagati y'uwatanze ingwate n'ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate, ku busabe bw'ukeka ko yarenganye hakorwa irindi genagaciro.

HABIMANA N'UNDI v. ASIIMWE N'ABANDI.....97

Iyo ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate yihaye inshingano z'Umwanditsi Mukuru atabiherewe ububasha n'uwo Amabwiriza ateganya aba arengereye inshingano ze.

HABIMANA N'UNDI v. ASIIMWE N'ABANDI......97

ICYEGERANYO	CY'IRYEMEZO	RY'INKIKO
IC I LULINAIN I U	G I ID I LIVILZO	DINKK

X	V1	

8.	Uburyozwe – Uburangare – Ushinzwe kurinda n'ukwita ku
	bintu aryozwa ibyangijwe nibyo ashizwe kwitaho mu gihe
	biba byatewe n'uburangare bwe
	UMUJYI WA KIGALI v. MACO MUSONI153

IMANZA ZEREKERANYE N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA

IMANZA ZEREKERANYE N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, IZ'UBUCURUZI, IZ'UMURIMO N'IZ'UBUTEGETSI

MT LAW OFFICE Ltd v. PELLA RWANDA RESOURCES Ltd

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCAA 00003/2018/SC (Mutashya, P.J., Nyirinkwaya na Gakwaya, J.) 13 Mata 2018]

Amategeko agenga ububasha bw'Inkiko — Ububasha bw'Urukiko mu bujurire bwa kabiri — Nubwo nta ndishyi zingana n'iziteganywa n'Itegeko zagennwe mu manza zaciwe mu nkiko zibanza, hakaba nta n'impaka zabaye ku gaciro k'ikiburanwa muri izo nkiko, nta kibuza ko izo mpaka zabyutswa bwa mbere ku rwego rw'ubujurire kugira ngo hasuzumwe niba ubujurire bwa kabiri buri cyangwa butari mu bubasha bw'urwo rukiko hashingiwe ku gaciro k'ikiburanwa.

Incamake y'ikibazo: MT Law Office Ltd yagiranye na Pella Rwanda Resources Ltd amasezerano y'ubwunganizi. Pella Rwanda Resources Ltd yemera kuzishyura MT Law Office Ltd igihembo cy'ubwunganizi mu mategeko kingana na 1.200.00 USD, bumvikana ko mu gihe bagirana amakimbirane ibibazo byabo byakemurwa mu bwumvikane mu gihe cy'iminsi 10, byananirana bakiyambaza ubukemurampaka.

MT Law Office Ltd yareze Pella Rwanda Resources mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge kuba itarubahirije inshingano zayo zo kwishyura, ikanga n'uko bakemura ikibazo mu bwumvikane, maze ishyiraho umukemurampaka wo ku ruhande rwayo, isaba Urukiko gushyiraho undi mukemurampaka wo ku rundi ruhande bityo bagafatanya gushyiraho uwa gatatu.

Nyuma yo kudaha ishingiro inzitizi y'iburabubasha bw'urwo Rukiko, rwemeje ko ikirego gifite ishingiro, maze rushyiraho umukemurampaka wa kabiri wo ku ruhande rwa Pella Rwanda Resources Ltd.

Pella Rwanda Resources Ltd ntiyishimiye icyo cyemezo, ikijuririra mu Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, urwo rukiko rwasanga rutari rufite ububasha bwo kuburanisha urwo rubanza kuko ibikorwa bijyanye n'umwuga w'ubwunganizi mu nkiko atari ibikorwa by'ubucuruzi

MT Law Office Ltd yahise iregera Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, Pella Rwanda Resources Ltd yongera kuzamura inziti yo kutakira ikirego ariko Urukiko rwemeza ko idafite ishingiro, maze ruca urubanza, rwemeza ko ikirego gifite ishingiro, rushyiraho umukemurampaka wa kabiri wo ku ruhande rwa Pella Rwanda Resources Ltd.

Pella Rwanda Resources Ltd yahise ijurira mu Rukiko Rukuru, MT Law Office Ltd nayo isaba ko ubujurire bwa Pella Rwanda butakirwa Resources Ltd kuko vajuririye icvemezo cy'ubukemurampaka kitajuririrwa, Urukiko Rukuru ruza kwemeza ko iyo nzitizi nta shingiro ifite kuko urubanza ari urw'imbonezamubano, ku bijyanye n'ubujurire bwa Pella Rwanda Resources Ltd ruvuga ko Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rutagombaga gushyiraho umukemurampaka gukemura ikibazo cy'imbonezamubano, ko ahubwo rwagombaga kuburanisha urubanza, maze rutegeka ko ikirego gisubizwa mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ngo rukiburanishe mu mizi.

MT Law Office Ltd yajuririye Urukiko rw'Ikirenga, Pella Rwanda Resources Ltd nayo itanga inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga mu bujurire bwa kabiri kuko ikiburanwa kidafite agaciro k'amafaranga ateganywa n'Itegeko kandi nta

n'indishyi zingana nibura na 50.000.000 Frw zagenwe mu manza zaciwe mu nkiko zibanza ndetse ko nta mpaka zishingiye ku gaciro k'ikiburanwa zabaye mu nkiko zibanza.

Mu kwiregura kuri iyo nzitizi, MT Law Office Ltd ivuga ko yareze isaba ko hashyirwaho umukemurampaka wa kabiri, ibyo bitashoboka, urukiko rugasuzuma mu mizi ikibazo cy'umwenda yishyuza ungana na 900.000 USD, ahwanye na 765.024.365 Frw, ushingiye ku masezerano bagiranye, maze Pella Rwanda Resources Ltd igategekwa kwishyura ayo mafaranga, inyungu z'ubukererwe n'indishyi zinyuranye, ko rero basanga urubanza ruri mu bubasha bw'uru Rukiko.

Incamake y'icyemezo: 1. Nubwo nta ndishyi zingana n'iziteganywa n'Itegeko zagennwe mu manza zaciwe mu nkiko zibanza, hakaba nta n'impaka zabaye ku gaciro k'ikiburanwa muri izo nkiko, nta kibuza ko izo mpaka zabyutswa bwa mbere ku rwego rw'ubujurire kugira ngo hasuzumwe niba ubujurire bwa kabiri buri cyangwa butari mu bubasha bw'urwo Urukiko bwarwo mu bujurire bwa kabiri hashingiwe ku gaciro k'ikiburanwa

Inzitizi y'iburabubasha nta shingiro ifite. Urubanza ruzakomeza mu mizi. Amagarama y'Urubanza abaye asubitswe.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'Ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 28, igika cya 2, agace ka 7 n'igika cya 4.

Imanza zifashishijwe:

Murorunkwere na Utamuriza, RCAA 0075/09/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 20/05/2011.
Nzamubara na Ntawukuriryayo, RCAA 0097/10/CS rwaciwe

zamubara na Ntawukuriryayo, RCAA 009//10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 06/05/2011

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] MT Law Office Ltd yagiranye na Pella Rwanda Resources Ltd amasezerano yiswe "Agreement for Perfomance related to remuneration". Muri aya masezerano, Pella Rwanda Resources Ltd yemeye ko izishyura MT Law Office Ltd igihembo gishingiye ku bintu bitatu aribyo : "Finder's fees, Legal Fees and Consulting fees", kingana na 1.200.00 USD, bumvikana ko mu gihe bagiranye amakimbirane bazakemura ibibazo mu bwumvikane mu gihe cy'iminsi 10, byananirana bakiyambaza ubukemurampaka.
- [2] MT Law Office Ltd yabanje kurega Pella Rwanda Resources Ltd mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, ivuga ko yagiranye nayo amakimbirane ashingiye ku kutubahiriza inshingano zayo zo kwishyura nk'uko babisezeranye mu masezerano, yanga ko bakemura ikibazo mu bwumvikane, ishyiraho umukemurampaka wo ku ruhande rwayo, isaba ko urukiko rumushyiraho, agafatanya n'uwo yashyizeho bagashyiraho uwa gatatu.
- [3] Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwaciye urubanza N° RCOM 00437/2016/TC/NYGE ku wa 24/05/2016.

Ku bijyanye n'inzitizi yo kutakira ikirego yazamuye na Pella Rwanda Resources Ltd ivuga ko MT Law Office Ltd yaregeye Urukiko rw'Ubucuruzi kandi ikirego cyayo ari icy'imbonezamubano gishingiye ku masezerano y'akazi k'ubwunganizi, urwo Rukiko rwemeje ko itakiriwe kuko abagiranye amasezerano ari ibigo by'ubucuruzi, n'ibikorwa biteganyijwe mu masezerano bagiranye akaba ari ibikorwa by'ubucuruzi. Ku bijyanye n'imizi y'urubanza, urwo Rukiko rwemeje ko ikirego cya MT Law Office Ltd gifite ishingiro, maze rushyiraho umukemurampaka wa kabiri wo ku ruhande rwa Pella Rwanda Resources Ltd.

- Pella Rwanda Resources Ltd yajuririye Urukiko Rukuru [4] rw'Ubucuruzi, mu rubanza N° RCOMA 00329/2016/CHC/HCC rwaciwe ku wa 16/09/2016, rwemeza ko ibikorwa bijyanye n'umwuga w'ubwunganizi nkiko mu atari ibikorwa by'ubucuruzi, ruvanaho urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, ko icyo kibazo cyo gushyiraho umukemurampaka cyaregerwa inkiko ziburanisha imanza z'imbonezamubano.
- [5] Nyuma y'aho urwo rubanza ruciriwe, MT Law Office Ltd yaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, ikiregerwa ari ugushyiraho umukemurampaka wa kabiri mu rwego rwo kubahiriza amasezerano yagiranye na Pella Rwanda Resources Ltd, bitashoboka, hagasuzumwa ikibazo bafitanye, maze Pella Rwanda Resources Ltd igategekwa kuyishyura umwenda iyibereyemo n'indishyi zinyuranye.
- [6] Muri urwo Rukiko, Pella Rwanda Resources Ltd na none yazamuye inziti yo kutakira ikirego cya MT Law Office Ltd ivuga ko ikirego cyagakwiye gusuzumwa n'inkiko z'ubucuruzi.

- [7] Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwaciye urubanza N° RC 00026/2017/TGI/GSBO ku wa 31/05/2017, rwemeza ko ikirego cya MT Law Office Ltd cyakiriwe kandi ko gifite ishingiro, rushyiraho umukemurampaka wa kabiri wo ku ruhande rwa Pella Rwanda Resources Ltd.
- [8] Pella Rwanda Resources Ltd yajuririye Urukiko Rukuru. Muri urwo Rukiko, MT Law Office Ltd nayo yatanze inzitizi ivuga ko ikirego cy'ubujurire cya Pella Rwanda Resources Ltd kidakwiriye kwakirwa, hashingiye ku ngingo ya 13 y'Itegeko N° 05/2008 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye Ubukemurampaka, kuko yajuririye icyemezo cy'ubukemurampaka kitajuririrwa.
- [9] Urukiko Rukuru rwaciye urubanza N°RCA 00189/2017/HC/KIG ku wa 06/12/2017, rwemeza ko inzitizi yatanzwe na MT Law Office Ltd isaba Urukiko Rukuru kutakira ubujurire bwa Pella Rwanda Resources Ltd nta shingiro ifite kuko iyishingira ku ngingo ya 13 y'Itegego N° 05/2008 ryo kuwa 14/02/2008 rigena ubukemurampaka mu manza z'ubucuruzi, mu gihe uru rubanza ari urw'imbonezamubano nk'uko byemejwe mu rubanza n° RCOMA 00329/2016/HCC rwamaze kuba itegeko.
- [10] Urwo Rukiko kandi rwemeje ko ubujurire bwa Pella Rwanda Resources Ltd bufite ishingiro, rutegeka ko urubanza N°RC 0026/2017/TGI/GSBO rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rushyiraho umukemurampaka ruvanweho kuko rutagombaga gushyiraho umukemurampaka, ahubwo rwagombaga kuburanisha urubanza, rutegeka ko ikirego gisubizwa mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ngo rukiburanishe mu mizi
- [11] Mu gufata iki cyemezo, Urukiko Rukuru rwasobanuye ko Itegeko N° 51/2010 ryo ku wa 10/01/2010 rishyiraho Ikigo

Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali rikanagena imitunganyirize, imikorere n'ububasha bwacyo, iteganya, mu ngingo yayo ya 5, ko ububasha bw'ikigo burebana n'impaka zo mu rwego rw'ubucuruzi mu Rwanda, ko rero umukemurampaka washyizweho n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo nta bubasha afite bwo kuba yakemura impaka zirebana n'ikibazo cy'imbonezamubano.

- [12] Urukiko rwasobanuye kandi ko nta tegeko rirajyaho ryihariye rigena ibijyanye n'ubukemurampaka mu manza zitari iz'ubucuruzi nyuma y'uko hashyizweho Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, aho ivuga, mu ngingo yayo ya 367, ko *hazashyirwaho* itegeko ryihariye rigena ibijyanye n'ubukemurampaka.
- [13] Mu kwemeza ko ikirego gisubizwa mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ngo rukiburanishe mu mizi, Urukiko rwasobanuye ko rushingiye ku ngingo ya 26 y'Amabwiriza ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.
- [14] MT Law Office Ltd yajuririye Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/12/2017, Pella Rwanda Resources Ltd nayo yatanze inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.
- [15] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 06/03/2018, MT Law Office Ltd iburanirwa na Me Rwagatare Janvier, Me Rwenga Etienne na Me Mbaga Tuzinde Mbonyimbuga, naho Pella Rwanda Resources Ltd iburanirwa na Me Moïse Nkundabarashi na Me Kayigirwa Télèsphore, ababuranyi bajya impaka ku nzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga yabyukijwe na Pella Rwanda Resources Ltd.

II. IKIBAZO KIGOMBA GUSUZUMWA N'ISESENGURA RYACYO

Kumenya niba urubanza rutari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga hashingiye ku gaciro k'ikiburanwa

- [16] Ababuranira Pella Rwanda Resources Ltd bavuga ko uru rubanza rutari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga mu bujurire bwa kabiri kuko ububasha bwarwo butareberwa mu nyandiko itanga ikirego nk'uko MT Law Office Ltd ishaka kubyumvikanisha mu mwanzuro wayo w'ubujurire, ahubwo bureberwa ku ndishyi zagenwe zingana nibura na miliyoni mirongo itanu cyangwa ku gaciro kagenwe n'umucamanza, igihe habaye impaka, kangana nibura n'ayo mafaranga nk'uko bisobanurwa mu ngingo ya 28, igika cya kabiri, agace ka 7, y'Itegeko Ngenga N° 03/06/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, muri uru rubanza hakaba nta ndishyi zagenwemo, ndetse nta n'impaka zabaye ku gaciro k'ikiburanwa ngo kabe kagenwa n'umucamanza.
- [17] Ababuranira MT Law Office Ltd bavuga ko yareze isaba, ku bw'ibanze, ko hashyirwaho umukemurampaka wa kabiri wo ku ruhande rwa Pella Rwanda Resources Ltd kugira ngo hubahirizwe amasezerano bagiranye ateganya ko amakimbirane yavuka hagati yabo yakemurwa hiyambajwe ubukemurampaka, ibyo bitashoboka, urukiko rugasuzuma mu mizi ikibazo cy'umwenda yishyuza ungana na 900.000 USD, ahwanye na 765.024.365 Frw, ushingiye ku masezerano bagiranye, maze Pella Rwanda Resources Ltd igategekwa kwishyura ayo mafaranga, inyungu z'ubukererwe n'indishyi zinyuranye, ko rero basanga urubanza ruri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga kuko agaciro k'ikiburanwa mu rubanza rwajuririwe karengeje miliyoni

mirongo itanu ziteganijwe mu ngingo ya 28, igika cya kabiri, agace ka 7, y'Itegeko Ngenga N° 03/06/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 ryavuzwe haruguru.

[18] Bavuga kandi ko iyo ngingo y'itegeko igomba gusomwa muri rusange, hakarebwa n'ibiteganywa mu gace ka 4, igira iti mu zindi manza, agaciro k'amafaranga, agaciro k'ikiburanwa kimwe n'agaciro k'icyo amasezerano ashingiyeho ni byo bigena ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, hubahirijwe ibivugwa mu gace ka 7 k'igika cya 2 cy'iyi ngingo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [19] Ku bijyanye n'ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 28 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iteganya mu gika cyayo cya 2, agace ka 7, ko uru rukiko ruburanisha mu bujurire bwa kabiri imanza zagenwemo indishyi zingana nibura na 50.000.000 Frw cyangwa se zifite agaciro k'ikiburanwa kagenwe n'umucamanza igihe habaye impaka kangana nibura n'ayo mafaranga, naho mu gika cya 4, igateganya ko mu zindi manza, agaciro k'amafaranga, agaciro k'ikiburanwa kimwe n'agaciro k'icyo amasezerano ashingiyeho aribyo bigena ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, hubahirijwe ibivugwa mu gace ka 2 k'iyi ngingo.
- [20] Ku birebana n'uru rubanza, Urukiko rurasanga, nubwo nta ndishyi zingana nibura na 50.000.000 Frw zagenwe mu manza zaciwe mu nkiko zibanza, hakaba nta n'impaka zabaye ku gaciro k'ikiburanwa muri izo nkiko kuko haburanywe gusa ku kibazo cyo gushyiraho umukemurampaka wa kabiri, nta kibuza ko izo mpaka zabyutswa bwa mbere kuri uru rwego kugira ngo

hasuzumwe niba ubujurire bwa kabiri buri cyangwa butari mu bubasha bwarwo hashingiwe ku gaciro k'ikiburanwa. Ibi byemejwe n'uru rukiko mu manza zitandukanye¹.

[21] Ku bijyanye rero n'agaciro k'ikiburanwa muri uru rubanza, Urukiko rurasanga, hagendeye ku mwenda wishyuzwa wa 900.000 USD, ahwanye na 775.987.164 Frw², ndetse no ku gaciro k'icyo amasezerano asabwa kubahirizwa ashingiyeho kirebana n'igihembo cya 1.200.000 USD, agaciro k'ikiburanwa muri uru rubanza karengeje 50.000.000 Frw zituma rujya mu bubasha bwarwo mu bujurire bwa kabiri hashingiye ku ngingo ya 28, igika cya 2, agace ka 7, ndetse n'igika cya 4 y'Itegeko Ngenga ryavuzwe rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, bityo inzitizi y'iburabubasha ishingiye ku gaciro k'ikiburanwa yatanzwe na Pella Rwanda Resources Ltd ikaba nta shingiro ifite.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [22] Rwemeje ko ubujurire bwa MT Law Office Ltd buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.
- [23] Rwemeje ko iburanisha rizakomeza ku wa 12/06/2018.
- [24] Ruvuze ko amagarama y'urubanza abaye asubitswe.

¹ Urubanza N° RCAA 0075/09/CS rwaciwe ku wa 20/05/2011, haburana Murorukwere na Utamuriza; Urubanza N° RCAA 0097/10/CS rwaciwe ku wa 06/05/2011, haburana Nzamubara na Ntawukuriryayo.

-

² Ku gipimo cy'ivunja cya 862.20796 kigaragara ku rubuga rwa internet ya Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yo ku wa 13/04/2018

MUKAGIFUNDU N'UNDI v. UWAMARIYA N'UNDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/REV/INJUST/CIV0011/16/CS – Kanyange, P.J., Ngagi na Mukandamage, J.) 21 Mata 2019]

Imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano — Ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane — Ababuranyi — Ababuranyi bose barebwa n'urubanza rusabirwa gusubirishwamo ku impamvu z'akarengane bagomba guhamagazwa kabone n'ubwo bataba baranditse babisaba urwego rubishinzwe.

Incamake y'ikibazo: Mukagifundu na Mukamutana batanze ikirego mu cyahoze ari Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama gisaba kwemeza ko Rugarama ari we se. Ivugururwa ry'amategeko n'inzego z'ubutabera ryo mu mwaka wa 2004 ryabaye izo manza zitaraburanishwa, zohererezwa Urukiko rw'Ibanze rwa Gacurabwenge rwari rufite ububasha bwo kuziburanisha.

Urubanza rwa Mukamutana rwaje gusibwa muri urwo rukiko, ariko ruza kongera kubyutswa, Uwamariya aza kugoboka ku bushake muri izo manza avuga ko ahagarariye abazungura ba Iyamuremye wapfuye yaragobotse mu manza zombi za mbere.

Urukiko rwemeje ko Mukagifundu na Mukamutana ari abana ba Rugarama, Uwamariya, Muhawenimana na Uwizeyimana bajuririra imikirize y'urwo rubanza mu urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwaburanishirije hamwe imanza zombi maze rutesha agaciro izo manza zaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa

Gacurabwenge, bituma Mukagifundu wari uhagarariye na murumuna we Mukamutana ajurira mu Urukiko Rukuru, ubujurire bwabo ntibwakirwa kubwo kudashingira ku mategeko.

Mukagifungo yajuririye kandi mu Urukiko rw'Ikirenga, mu cyemezo cy'ibanzirizasuzuma Umucamanza yemeza ko ubujurire butakiriwe kuko butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, Mukagifundu Pauline ahita yandikira Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kuko Urukiko rwirengagije ko abajuriye muri urwo rukiko Muhawenimana na Uwizeyimana batabaye ababuranyi mu manza za mbere bikaba byari gutuma ubujurire butakirwa.

Nyuma yo gusanga ubusabe bwe bufite ishingiro, Urwego rw'Umuvunyi rwasabye ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane; urubanza rusubirwamo mu Rukiko rw'Ikirenga ku mpamvu z'akarengane.

Mu iburanisha mu Rukiko rw'Ikirenga, abaregwa babyukije inzitizi yo kutakira ikirego cya Mukamutana kuko we atigeze atanga ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ku Rwego rw'Umuvunyi.

Mukamutana yiregura avuga ko we na Mukagifundu bombi bahuriye mu manza zahujwe n'Urukiko Rwisumbuye ari nazo zisubirishwamo ku mpamvu z'akarengane kandi ko rumwe rutasubirishwamo ngo urundi rusigare. Mukagifundu we avuga ko yasabye Urwego rw'Umuvunyi ko urubanza rwe rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, ariko ko yasabiraga na murumuna we kuko ari we wanamuhagarariye mu nkiko zose.

Incamake y'icyemezo: Ababuranyi bose barebwa n'urubanza rusabirwa gusubirishwamo ku impamvu z'akarengane bagomba

guhamagazwa kabone n'ubwo bataba baranditse babisaba urwego rubishinzwe kuko iyi nzira (procedure) igamije kuvanaho akarengane kagaragaye mu rubanza rwaciwe burundu, bityo Mukamutana ntagomba kuvanwa mu rubanza.

Inzitizi isaba kutakira ikirego nta shingiro ifite. Iburanisha rizakomeza mu mizi. Amagarama y'urubanza arasubitswe.

Amategeko yashingiweho:

- Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 78 n'iya 79.
- Itegeko N°76, N° 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, ingingo ya 15.
- Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 10.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ku wa 06/06/1996, Mukagifundu Pauline na Mukamutana Hyacinthe batanze ibirego mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa gitarama, basaba ko urwo rukiko rwemeza ko Rugarama Landouard ari we se, urubanza rwa Mukagifundu

ruhabwa N° RC 152/1/96, naho urwa Mukamutana ruhabwa N° RC 0148/1/96.

- [2] Ivugururwa ry'amategeko ryo mu mwaka wa 2004 ryabaye izi manza zombi zitaraburanishwa. Mukagifundu Pauline yagiye gukurikirana urubanza rwe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, yoherezwa mu Rukiko rw'Ibanze rwa Gacurabwenge kuko ikirego cye cyari mu bubasha bwarwo, agezeyo, bamubwira ko urubanza rwe RC 152/1/96 rwasibwe hamwe n'urwa murumuna we (Mukamutana Hyacinthe).
- Mukagifundu [3] Pauline vatanze ikirego RC0175/09/TB/GBWE abyutsa urwo rubanza, hanyuma, mu iburanisha ryarwo, biza kugaragara ko urubanza RC 152/1/96 rutasibwe, ahubwo hasibwe urubanza RC 148/1/96 rwa murumuna we Mukamutana Hyacinthe, bityo, bisabwe na Mukagifundu Pauline, Urukiko rwemeza ko aretse urwo rubanza (RC 0175/09/TB/GBWE); maze akomeza urubanza rwe rwa mbere RC 152/1/96 mu Rukiko rw'Ibanze rwa Gacurabwenge, ruhabwa RC 0264/09/TB/GBWE - RC 152/1/96. Mukamutana Hyacinthe nawe yabyukije urubanza rwe RC 148/1/96, rwasibwe rumaze guhabwa RC 0060/05/TD/KMYI/RC167/09/ TB/GBWE, ikirego cye gihabwa RC 0176/09/TB/KBWE.
- [4] Uwamariya Agnès yatanze igarama agoboka mu rubanza RC 264/09/TB/GBWE RC 152/1/96, hamwe n'urubanza RC 0176/09/TB/GBWE avuga ko ahagarariye abazungura ba Iyamuremye Véneranda wari waragobotse mu manza zombi za mbere (urubanza RC 152/1/96 hamwe na RC 148/1/96) akaza kwitaba Imana.

- [5] Mu rubanza RC 264/09/TB/GBWE-RC152/1/96, Urukiko rwemeje ko Mukagifungo Pauline ari umwana wa Rugarama Landouard, ko ikirego cya Uwamariya Agnès nta shingiro gifite. Mu rubanza RC 0176/09/TB/KBWE, na none, urwo rukiko rwemeje ko Mukamutana Hyacinthe nawe ari umwana wa Rugarama Landouard.
- Uwamariya Agnès, Muhawenimana Bernadette na Marie Goretti bajuririye Uwizeyimana urubanza RC 0264/9/TB/GBWE-RC 0512/1/96 n'urubanza RC0176/09/TB/GBWE, mu Rukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, izo manza zihabwa RCA 0163/010/TGI/MHG na RC RCA 0164/010/TGI/MHG. Urwo rukiko rwaciye izo manza ku wa 12/11/2010, rwemeza ko urubanza RC 0264/09/TB/GBWE -RC152/1/96 n'urubanza RC 0176/09/TB/GBWE zajuririwe zihindutse mu ngingo zazo zose kandi ko zikuweho, ko Mukagifundu Pauline na Mukamutana Hyacinthe batsinzwe.
- [7] Mukagifundu Pauline ntiyishimiye imikirize y'urubanza ajuririra Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ubujurire bwe buhabwa RCAA 0347/10/HC/NYA, ku wa 14/10/2011, urwo rukiko rwemeza kutakira ngo rusuzume ubujurire rwashyikirijwe kuko butujuje ibiteganywa n'ingingo ya 106 y'itegeko ngenga n° 51/2008 ryo ku wa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko.
- [8] Mukagifundu Pauline, na none, ntiyishimiye icyemezo cy'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ajuririra Urukiko rw'Ikirenga, ubujurire bwe buhabwa RCAA 0135/11/CS. Mu cyemezo RC 0050/12/PRE-EX/CS cy'ibanzirizasuzuma ry'urubanza, umucamanza yemeje ko ubujurire bwa Mukagifundu Pauline butakiriwe kuko butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.

- [9] Nyuma y'urwo rubanza, Mukagifundu Pauline yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza RC 0163-RCA 0164/010/TGI/MHG, rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane zikurikira:
 - kuba urukiko rwarirengagije ko abajurive, Muhawenimana Bernadette na Uwizeyimana Marie Goretti, batabaye ababuranyi mu manza zajuririwe arizo RC0264/09/TB/GBWE-RC152/1/96 RC0176/09/TB/GBWE, kandi iyi ari inzitizi ndemyagihugu ituma ikirego kitakirwa ngo kiburanishwe mu mizi, bityo kuba cyarakiriwe kandi kitaragombaga kwakirwa bikaba ku byaragize ingaruka manza RC0264/09/TB/GBWE/RC152/1/96 na RC0176/09/TB/GBWE, mukagifundu na Mukamutana bari batsinze;
 - 2° kuba Uwamariya Agnès yaragobotse mu manza RC 0264/09/TB/GBWE/RC152/1/96 na RC 0176/09/TB/GBWE avuga ko ahagarariye abazungura ba Iyamuremye Vénéranda aribo Muhawenimana Bernadette na Uwizeyimana Marie Goretti, ariko kuri urwo rwego ndetse n'urw'ubujurire akaba yaratanze ikirego mu izina rye, cyane cyane ko ku rwego rw'ubujurire, Uwizeyimana Marie Goretti nawe yareze; bityo ko iyo nayo ari inzitizi ndemyagihugu ituma ikirego cyo kugoboka mu rubanza kitaragombaga kwakirwa.
- [10] Urwego rw'Umuvunyi, mu ibaruwa N° OMB 03/1689/0615 /KJP yo ku wa 02/06/2015, rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, rusaba ko urwo rubanza RCA 0163-RCA 0164/010/TGI/MHG rwasubirwamo kubera impamvu

z'akarengane; nyuma yo gusuzuma raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeza ko dosiye ishyikirizwa ubwanditsi bw'Urukiko kugira ngo urubanza ruburanishwe.

[11] Iburanisha ry'uru rubanza ryabereye mu ruhame ku wa 17/01/2017 no ku wa 14/03/2017, Mukagifundu Pauline na Mukamutana Hyacinthe baburanirwa na Me Mitsindo Tom, naho Uwamariya Agnès, Muhawenimana Bernadette na Uwizeyimana Marie Goretti bahagarariwe na Me Nkubayingoga Samuel, uyu akaba yaratanze inzitizi yo kutakira ikirego cya Mukamutana Hyacinthe kubera ko atigeze asaba ko urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

II. IKIBAZO KIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYACYO

Kumenya niba ikirego cya Mukamutana Hyacinthe kitagomba kwakirwa

- [12] Nkubayingoga Samuel, uburanira Uwamariya Agnès, Muhawenimana Bernadette na Uwizeyimana Marie Goretti, avuga ko ikirego cya Mukamutana Hyacinthe kitagomba kwakirwa kuko Mukagifundu Pauline ari we wenyine wasabye ko urubanza rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, ndetse ko n'ibaruwa y'Urwego rw'Umuvunyi igaragaraho Mukagifundu Pauline gusa.
- [13] Mukagifundu Pauline avuga ko yasabye Urwego rw'Umuvunyi ko urubanza rwe rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, ariko ko yasabiraga na murumuna we, Mukamutana Hyacinthe kuko ari we wanamuhagarariye mu

nkiko zose, bityo Urwego rw 'Umuvunyi narwo rusaba ko imanza zabo zari zarahujwe, zisubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

[14] Me Mitsindo Tom, wunganira Mukagifundu Pauline akanahagararira Mukamutana Hyacinthe, avuga ko uwatanze inzitizi nawe yemera ko ababuranyi bombi bahuriye mu manza RCA 0163-RCA 0164/010/TGI/MHG zahujwe, ari nazo zisubirishwamo ku mpamvu z'akarengane; bityo ko rumwe rutasubirishwamo ngo urundi rusigare mu gihe Mukagifundu Pauline avuga ko yari anahagarariye Mukamutana Hyacinthe. akomeza avuga ko n'icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, kigaragaza ko izo manza zombi zahujwe ari zo zigomba gusubirishwamo, bivuga ko na Mukamutana Hyacinthe ari umuburanyi.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[15] Ingingo ya 78, y'itegeko ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iteganya ko: "Urukiko rw'Ikirenga ni rwo ruburanisha ibirego byerekeranye no gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane imanza zaciwe ku rwego rwa nyuma byemejwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga''. Ingingo ya 79, igika cya mbere n'icya kabiri, y'iryo tegeko ngenga, iteganya ko: "Urwego rw'Umuvunyi ni rwo rufite ububasha bwo kuregera urukiko rw'ikirenga ibirego byerekeranye no gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma. iyo kuva aho urubanza ruciriwe burundu habonetse ibimenyetso bigaragaza akarengane kavugwa mu ngingo ya 81 y'iri tegeko

ngenga, abari ababuranyi muri urwo rubanza bashobora kubimenyesha Urwego rw'Umuvunyi [...]".

[16] Ingingo ya 15 y'itegeko n° 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, iteganya ko: "mu nyungu z'ubutabera, urwego rufite ububasha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe n'inkiko zisanzwe, inkiko z'ubucuruzi cyangwa iza gisirikare ku rwego rwa nyuma, mu gihe hakigaragaramo akarengane. Iryo suzuma n'isubiramo bikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu itegeko ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga".

[17] Dosiye y'uru rubanza igaragaza ko mu rubanza RCA 0163-RCA 0164/010/TGI/MHG, ari narwo rwasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane, Mukagifundu Pauline ari we gusa ugaragara nk'uregwa, ariko, mu kwiregura kwe, akaba yari anahagarariye Mukamutana Hyacinthe, ndetse n'Urukiko, mu cyemezo cyarwo (dispositif), ruvanaho urubanza RC0264/09/TB/GBWE/RC 0152/1/96 n'urubanza RC176/09/TB/GBWE¹ zaciriwe hamwe ku wa 25/03/2010 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Gacurabwenge. Na none, inyandiko ikibazo yakozwe n'Urwego rw'Umuvunyi isesengura ntigaragaza ko Mukagifundu Pauline yarushyikirije ikibazo afite anahagarariye Mukamutana Hyacinthe, ariko umwanzuro wafashwe n'urwo rwego werekana ko rwasanze, mu icibwa ry'urubanza RC 0163 - RCA 0164/010/TGI/MHG, Mukagifundu Pauline na Mukamutana Hyacinthe bahuriyeho nk'abaregwaga bujurire), harabayemo akarengane kuko Urukiko Rwisumbuye Muhanga rwirengagije rwa inzitizi z'indemyagihugu zari gutuma ubujurire bwa Uwamariya Agnès,

_

¹ Urubanza rwa Mukamana Hyacinthe

Muhawenimana Bernadette na Uwizeyimana Marie Goretti butakirwa.

- [18] Urukiko rurasanga, hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo z'amategeko zavuzwe haruguru, ikirego gitangwa n'urwego rw'umuvunyi mu rukiko rw'ikirenga kiba kigamije gusaba ko akarengane rubona ko kari mu rubanza rwaciwe burundu kavanwaho, ibi bikaba byerekana ko ababuranyi bose barebwa n'urwo rubanza bagomba kuruhamagazwamo. Kuba Me Nkubayingoga Samuel avuga ko ikirego cya Mukamutana Hyacinthe kitagomba kwakirwa, ariko ntagaragaze ingingo y'itegeko iteganya ko umuntu utaragejeje ikibazo ku Rwego rw'Umuvunyi, atemererwa kuba umuburanyi mu rubanza rurebana no gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane, byerekana ko ibyo avuga nta shingiro byahabwa.
- [19] Urukiko rurasanga, by'umwihariko, Mukamutana Hyacinthe atagomba kuvanwa muri uru rubanza, kuko, hakurikijwe imiterere yarwo, ingingo zijyanye n'akarengane nk'uko kagaragajwe kagomba gusuzumwa, rw'Umuvunyi, nawe zimureba. ku buryo aramutse atarugaragayemo, hanyuma icyemezo gifashwe kikamugiraho ingaruka, byaba binyuranyije n'ibiteganywa n'ingingo ya 10 y'itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko nta muburanyi ushobora gucirwa urubanza atumviswe cyangwa atahamagawe.
- [20] Urukiko rurasanga, hakurikijwe ibimaze gusobanurwa haruguru, inzitizi yo kutakira ikirego cya Mukamutana Hyacinthe yatanzwe na Me Nkubayingoga Samuel, uburanira Uwamariya Agnès, Muhawenimana Bernadette na Uwizeyimana Marie Goretti, nta shingiro ifite.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [21] Rwemeje ko inzitizi yatanzwe na Me Nkubayingoga uburanira Uwamariya Agnès, Muhawenimana Bernadette na Uwizeyimana Marie Goretti, nta shingiro ifite;
- Rwemeje ko iburanisha ry'uru rubanza rizakomeza mu mizi ku wa 27/06/2017;
- Rutegetse ko amagarama y'urubanza abaye asubitswe. [23]

NDEREYEHE v. NYIRAMAHINGURA N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RC 00020/2017 (Mukanyundo J.P, Hitiyaremye na Munyangeri J.) 09 Werurwe 2018]

Amategeko y'imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – Gutambamira urubanza – Inyungu – Inyungu z'utanga ikirego cyo gutambamira urubanza, zigomba kuba zitandukanye n'iz'ababuranye urubanza rutambamirwa.

Incamake y'ikibazo: Ndereyehe yareze umukobwa we Musengimana mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kinihira, ko yihaye imirima ye ibiri, ishyamba n'inka eshatu. urwo Rukiko, rwemeza ko icyo kirego gifite ishingiro kuko imitungo yaregeye yayibonye nyina wa Musengimana yarapfuye, rutegeka kandi Ndereyehe guha Musengimana umunani.

Musengimana yajuririye mu Rukiko Rwisumbuye, avuga ko imitungo iburanwa yari iya nyina w'itabye Imana ko Se yari yarayambuye murumuna we Nyiramahingura nawe aburana muri urwo rubanza. Urwo Rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko Musengimana ataburanira murumuna we kuko nta kimenyetso atanga kigaragaza ko yamutumye, rwemeje kandi ko imikirize y'urubanza rwajuririwe idahindutse.

Nyuma y'urwo rubanza, Nyiramahingura yararutambamiye arega Ndereyehe gusa, ariko Musengimana aza kuza mu rubanza nyuma yaho yemereye kuburana n'ubwo atarezwe. Nyiramahingura avuga ko yatambamiye urwo rubanza kuko Se Ndereyehe yatuje umugore we muto mu isambu yari ituwemo na

nyina, kandi yari yarayitekeshejwe na Sekuru. Urwo rukiko rwemeje ko Nyiramahingura na Musengimana bagumana inzu n'isambu basizwemo na nyina, kandi ko Se abaha igipande ku isambu iri i Remera kubera ko nta munani yigeze abaha, naho ku ibindi biburanwa rutegeka ko buri kimwe kigabanywamo kabiri, ½ kigahabwa Musengimana na Nyiramahingura, naho ikindi ½ kigahabwa Ndereyehe n'umugore we muto. Ndereyehe yajuriye mu Rukiko Rukuru, ariko ikirego cye nticyakirwa.

Ndereyehe yaganyee Urwego rw'Umuvunyi arusaba gusuzuma yagiriwe rwaciwe akarengane rubanza n'urukiko mu rw'isumbuye, Umuvunyi Mukuru nawe nyuma y'isuzuma ry'ubusabe bwe yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rubanza rusubirwamo ku amusaba ko urwo mpamvu z'akarengane Nyiramahingura atemerewe kuko vari gutambamira urubanza RCA0195/12/TGI/GIC rwabaye hagati ya Se na mukuru we, maze nawe afata icyemezo ko urwo rubanza rusubirishwamo.

Ndereyehe mu Urukiko rw'Ikirenga, Ndereyehe nawe agaragaza. ko akarengane ke gashingiye ku kuba hari amategeko yirengagijwe mu rukiko rwisumbuye kuko rwakiriye ikirego cyo gutambama cy'umwana we Nyiramahingura kandi ikiburanwa ari umutungo w'umuryango.

Nyiramahingura, avuga ko mu kwakira ikirego cyo gutambama nta karengane kabaye mu Urukiko Rwisumbuye kuko yari afite inyungu muri urwo rubanza atari yabayemo umuburanyi mbere kandi ko tegeko riteganya ko umwana adashobora kuburana ibyo Se cyangwa nyina yaburanye n'umuntu utari uwo mu muryango ariko ko ritabuza umwe mu bagize umuryango guharanira uburenganzira afite ku mutungo w'umuryango aburana n'abandi bagize umuryango.

Incamake y'icyemezo: 1 Inyungu z'utanga ikirego cyo zigomba gutambamira urubanza. kuba zitandukanve n'iz'ababuranye urubanza rutambamirwa. Ntibihagije kwerekana ko ufite inyungu mu rubanza rutambamirwa, ko ahubwo ugomba kwerekana ko izo nyungu zigomba kuba zitandukanye urubanza rutambamirwa. Ikirego n'iz'ababuranye gutambama nticyakirwa ngo gisuzumwe iyo utambama adashobora kwerekana inyungu yihariye afite itandukanye n'iy'uwaburanye mbere yari akurikiranye mu rubanza atambamira. Bityo ikirego cyo gutambamira urubanza cyatanzwe na Nyiramahingura kitaragombaga kwakirwa kuko atashoboye kwerekana inyungu yihariye afite itandukanye n'iyo Musengimana yari akurikiranye mu rubanza yasabaga gutambamira

Ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro; Urubanza RCA0296/12/TGI/GIC rukuweho; Hagumyeho imikirize y'urubanza RCA0195/12/TGI/GIC.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Ingingo ya 176

Nta manza zifashishijwe.

Inyandiko z'abahanga zifashishijwe.

Serges Guinchard, Droit et pratique de la procédure civile, 8ème Edition, Dalloz, 2014.

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kinihira, Ndereyehe François arega umukobwa we Musengimana Philomène imirima ibiri (2), ishyamba n'inka eshatu (3) yihaye. Ku itariki ya 31/05/2012, urwo Rukiko rwaciye urubanza RC0108/012/TB/KINIH, rwemeza ko ikirego cya Ndereyehe François gifite ishingiro kuko imitungo yaregeye yayibonye nyina wa Musengimana Philomène yarapfuye, kandi ko yakomeje inshingano zo kwita kuri uyu mwana we nyuma y'aho amushyingiriye akananirwa urugo, cyakora ko akwiriye kumuha umunani akurikije umutungo afite.
- [2] Musengimana Philomène yajuririye Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi, avuga ko imitungo iburanwa yari iya nyina Icyitegetse Bernadette, ko ariko Se ashaka kuyiha umugore we wa kabiri, akaba yarayambuye murumuna we Nyiramahingura Gratia nawe aburanira muri urwo rubanza.
- [3] Ku itariki ya 14/09/2012, urwo Rukiko rwaciye urubanza RCA0195/12/TGI/GIC rwemeza ko nta kimenyetso Musengimana Philomène agaragaza cy'uko murumuna we yamutumye kumuburanira urubanza, kandi ko mu rwego rw'Ibanze atabivuze, urubanza rukaba ruri hagati ye na Se gusa. Ku byerekeye ibiburanwa, Urukiko rwemeje ko imikirize y'urubanza rwajuririwe idahindutse, kuko Musengimana Philomène atabashije gutanga gihamya cy'uko imitungo yaregeye yari iya nyina.
- [4] Nyuma y'icibwa ry'uru rubanza, Nyiramahingura Gratia yarutambamiye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi arega Ndereyehe François gusa, ariko Musengimana Philomène nawe

aza kuza mu rubanza amaze kwemera kuburana n'ubwo atarezwe. Impamvu zo gutambamira uru rubanza Nyiramahingura Gratia yatanze, ni uko Se Ndereyehe François yatuje umugore we muto mu isambu yari ituwemo na nyina Icyitegetse Bernadette, kandi yari yarayitekeshejwe na Sekuru Bagora.

- [5] Ku itariki ya 28/02/2013, urwo Rukiko rwaciye urubanza RCA0296/12/TGI/GIC, rwemeza ko Nyiramahingura Gratia na Musengimana Philomène bagumana inzu n'isambu biri i Gitwa basizwemo na nyina, kandi Ndereyehe François akabaha igipande ku isambu iri i Remera kubera ko nta munani yigeze abaha. Ku byerekeye ibindi biburanwa bigizwe n'ishyamba n'inka eshatu (3), Urukiko rwemeje ko buri cyose kigabanywa, igipande kimwe kikajya ku rugo rukuru rurimo Musengimana Philomène na Nyiramahingura Gratia, ikindi kigahabwa urugo ruto rurimo Ndereyehe François n'umugore we muto Siyonteze Verdianne, rutegeka ko imanza RC0108/012/TB/KINIH na RCA0195/12/TGI/GIC zivanyweho. Uru rubanza Ndereyehe François yarujuririye mu Rukiko Rukuru, ariko ikirego cye nticyakirwa kubera ko kitujuje ibiteganywa n'amategeko.
- [6] Ndereyehe François yaganye Urwego rw'Umuvunyi arusaba gusuzuma akarengane kabaye mu rubanza RCA0296/12/TGI/GIC, Umuvunyi Mukuru yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga amusaba ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, maze ku itariki ya 18/04/2017 afata icyemezo N°028/2017 ko urubanza RCA0296/12/TGI/GIC rwoherezwa mu Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga rukandikwa mu bitabo byabugenewe kugira ngo rwongere ruburanishwe.
- [7] Urwego rw'Umuvunyi ruvuga ko impamvu z'akarengane zigaragara muri urwo rubanza zishingiye ku mpamvu y'uko hari

amategeko atarubahirijwe mu kwakira ikirego cyo gutambama cyatanzwe na Nyiramahingura Gratia. Uru rwego rusobanura ko Nyiramahingura Gratia atari yemerewe gutambamira urubanza RCA 0195/12/TGI/GIC hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 176, igika cya mbere n'icya kabiri, y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, kubera ko ikiburanwa cyari umutungo w'umuryango kandi akaba ari umwana w'uwarezwe, iyi mpamvu akaba ari nayo Ndereyehe François yagaragaje asobanurira Urukiko rw'Ikirenga akarengane ke.

[8] Urubanza rwaburanishirijwe mu ruhame ku itariki ya 30/01/2018 Ndereyehe François yunganiwe na Me Kayitana Dominique Savio, Me Kananga Protogène ahagarariye Musengimana Philomène nawe uhagarariye umuvandimwe we Nyiramahingura Gratia.

II. IKIBAZO KIRI MU RUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

Kumenya niba ikirego cyo gutambamira urubanza RCA0195/12/TGI/GIC kitaragombaga kwakirwa mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi.

[9] Ndereyehe François avuga ko yaburanye na Musengimana Philomène, ku buryo uyu atari yemerewe gusubira inyuma ngo atambamire urubanza yabayemo umuburanyi. Me Kayitana Dominique Savio umwunganira yongeraho ko ibi binyuranye n'ingingo ya 175 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi,

iteganya ko gutambamira urubanza bireba gusa umuntu utarabaye umuburanyi, bityo na Musengimana Philomène akaba atari yemerewe gutambamira urubanza RCA0195/12/GIC yabayemo umuburanyi.

- Me Kayitana Dominique Savio akomeza avuga ko RCA0296/12/TGI/GIC rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi nyuma yo gutambamira urubanza RCA0195/12/TGI/GIC rwagaragayemo akarengane, kuko ikirego cyatanzwe na Nyiramahingura Gratia hamwe na Musengimana Philomène kitagombaga kwakirwa. Asobanura ko uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kinihira haburanwa umutungo w'umuryango ugizwe n'imirima ibiri (2), ishyamba n'inka eshatu (3) Ndereyehe François arega umukobwa we Musengimana Philomène asaba ko awuvamo. Akomeza avuga ko Musengimana Philomène amaze gutsindwa yajuriye nabwo agatsindwa, nyuma we na murumuna we Nyiramahingura Gratia batambamira urubanza birengagije ko umutungo uburanwa ari uw'umuryango, byongeye kandi Musengimana Philomène akaba yararubayemo umuburanyi, ibi bikaba binyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 176 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize v'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.
- [11] Me Kananga Protogène uburanira Nyiramahingura Gratia na mukuru we Musengimana Philomène, avuga ko mu kwakira ikirego cyo gutambama cyatanzwe na Nyiramahingura Gratia wenyine mu Rukiko nta karengane kabaye kuko yari afite inyungu nk'uko bigaragara mu rubanza RCA0296/12/TGI/GIC, akaba atarigeze aba umuburanyi mu rubanza yatambamiye, ko Musengimana Philomène wabaye umuburanyi muri urwo

rubanza atigeze atanga ikirego cyo kurutambamira, ko yarujemo nk'uwabaye umuburanyi mu rubanza rutambamirwa nk'uko biteganywa n'itegeko riteganya ko iyo urubanza rutambamiwe, abarubayemo ababuranyi bose barugarukamo. Avuga ko kuba Musengimana Philomène yanditse mu batanze ikirego cyo gutambama byaturutse ku kwibeshya k'Urukiko. Arangiza avuga ko icyo Nyiramahingura Gratia na Musengimana Philomène baburana ari uburenganzira bwo kuguma mu mutungo basigiwe na nyina.

[12] Ku byerekeranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 176, igika cya kabiri, y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, Me Kananga Protogène asobanura ko itegeko riteganya ko umwana adashobora kuburana ibyo Se cyangwa nyina baburanye n'umuntu utari uwo mu muryango, ko ritabuza umwe mu bagize umuryango guharanira uburenganzira afite ku mutungo w'umuryango aburana n'abandi bagize umuryango, ko bigenze bityo byaba ari akarengane. Me Kananga Protogène asanga bitabujijwe ko umwana cyangwa umubyeyi batambamira umutungo mu gihe umwe awambuye undi, ko icyo umushingamategeko yari agamije mu ngingo ya 176 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ari ukugira ngo uburenganzira bw'abanyamuryango hagati yabo budahungabanywa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[13] Ingingo ya 176 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko "Umuntu wese utareze cyangwa ngo aregwe mu rubanza ariko afite inyungu, iyo ari yo yose muri rwo, ashobora gutambamira urwo rubanza rumurenganya ngo rusubirwemo iyo,

ari we cyangwa ari n'abo ahagarariye nta warutumiwemo. Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba uwashakanye n'umuburanyi cyangwa abana babo mu gihe ikiburanwa ari umutungo w'umuryango".

Mu gutanga ibisobanuro ku nyungu (intérêt) y'utanga [14] ikirego cyo gutambamira urubanza, abahanga mu mategeko bavuga ko bidahagije kwerekana ko ufite inyungu mu rubanza rutambamirwa, ko ahubwo izo nyungu zigomba urubanza rutambamirwa. zitandukanve n'iz'ababuranye Akomeza avuga ko utanga ikirego cyo gutambamira urubanza agomba kwerekana ko rumurenganya ku giti cye mu buryo butandukanye n'ubw'abaruburanye, aho kureba gusa icyemezo cy'urukiko; ari nayo mpamvu ikiba kigamijwe atari ugusubiramo urubanza ngo ababuranyi babone ibirenze ibyo bari babonye mbere (.....Pour être utile, l'intérêt doit être distinct de l'une des parties ayant participé au procès. Le préjudice ne doit pas résulter, sans autre élément, de la seule solution, mais doit s'analyser au regard de la situation personnelle du tiers opposant, qui doit prétendre à un intérêt distinct, un préjudice personnel, et évidemment doit avoir une analyse juridique, au moins en partie différente de celle déjà présentée. Il ne s'agit point ici de refaire le procès à l'identique, pour tenter d'obtenir un meilleur résultat...)¹

[15] Ku birebana no kumenya niba Musengimana Philomène yaratambamiye urubanza yabayemo umuburanyi, inyandiko zigize dosiye y'urubanza zigaragaza ko ku itariki ya 12/11/2012, Nyiramahingura Gratia yatanze ikirego gitambamira urubanza RCA0195/12/TGI/GIC rwaciwe ku itariki ya 14/09/2012 arega

¹ Serges Guinchard, Droit et pratique de la procédure civile, 8ème Edition, Dalloz, 2014, P. 1595 (551-53).

Ndereyehe François (urubanza RCA0296/12/TGI/GIC, urupapuro rwa 2), aba baburanyi bakaba ari nabo bagaragara ku nyandiko zihamagara Ndereyehe François mu nama ntegurarubanza (urupapuro rwa 1112).

- [16] Dosiye igaragaza kandi ko mu iburanisha ry'urubanza RCA0296/12/TGI/GIC) ryo ku itariki ya 18/12/2012, Urukiko rwabajije Musengimana Philomène niba yemera kuburana kuko byagaragaraga ko Nyiramahingura Gratia yareze Ndereyehe François wenyine kandi bombi barabaye ababuranyi mu rubanza rutambamirwa, arabyemera.
- [17] Hashingiwe kuri izo nyandiko, n'ubwo muri kopi y'urubanza RCA0296/12/TGI/GIC rwasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane handitse ko abarega ari Nyiramahingura Gratia na Musengimana Philomène, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga harabayeho kwibeshya kuko nk'uko byagaragajwe haruguru, uwatanze ikirego cyo gutambamira urubanza n°/12/TGI/GIC ni Nyiramahingura Gratia wenyine, ibi bigashimangirwa n'uko no mu cyemezo cy'Urukiko, ruvuga ko "rwemeye kwakira ikirego cya Nyiramahingura Gratia".
- [18] Ku birebana no kumenya niba Nyiramahingura Gratia we yari yemerewe gutambamira urubanza RCA0195/12/TGI/GIC, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga ikiburanwa muri uru rubanza ari umutungo w'umuryango wa Ndereyehe François aburana n'abana be Musengimana Philomène na Nyiramahingura Gratia bakomoka ku mugore we mukuru nyakwigendera Icyitegetse Bernadette, buri ruhande ruvuga ko ruwufiteho uburenganzira. Nk'uko byagaragajwe haruguru, icyo Nyiramahingura Gratia na Musengimana Philomène bahuriyeho, ni ugushaka kwegukana isambu n'ishyamba bavuga ko ari ibya nyina nk'uko bigaragara mu rubanza RC0108/012/TB/KINIH (Urupapuro rwa 1, igika cya

mbere n'icya kabiri) no mu rubanza RCA0195/12/TGI/GIC (Urupapuro rwa 2, igika cya gatanu), Ndereyehe François nawe avuga ko uyu mutungo ari uwe.

- Kuba ibyo Musengimana Philomène na Nyiramahingura Gratia bagamije muri uru rubanza bidatandukanye kuko ntawe ugaragaza umwihariko wo gushaka kwegukana imitungo iburanwa ku giti cye, ahubwo bose bashaka ko igaruka mu mutungo wa nyina Icyitegetse Bernadette, ibi bikanashimangirwa ni uko mu rubanza RCA0195/12/TGI/GIC Musengimana Philomène yaburanaga avuga ko anaburanira murumuna we Nyiramahingura Gratia n'ubwo Urukiko rutabimwemereye, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga ikirego cyo gutambamira urubanza RCA0195/12/TGI/GIC cyatanzwe na Nyiramahingura Gratia kitaragombaga kwakirwa ngo gisuzumwe atashoboye kwerekana inyungu yihariye afite itandukanye n'iyo Musengimana Philomène yari akurikiranye mu rubanza yasabaga gutambamira.
- [20] Hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 176 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, ndetse no ku bisobanuro bitangwa n'abahanga mu mategeko, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga ikirego cyo gutambamira urubanza RCA0195/12/TGI/GIC cyatanzwe na Nyiramahingura Gratia mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi kitaragombaga kwakirwa ngo gisuzumwe, bityo urubanza RCA0296/12/TGI/GIC rukaba ruvanyweho hagahamaho imikirize y'urubanza RCA0195/12/TGI/GIC ari narwo rugomba kurangizwa.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [21] Rwemeje ko ikirego cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RCA0296/12/TGI/GIC cyatanzwe na Ndereyehe François gifite ishingiro;
- [22] Rwemeje ko urubanza RCA0296/12/TGI/GIC rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi ku itariki ya 28/02/2013 rukuweho; hagahamaho imikirize y'urubanza RCA0195/12/TGI/GIC rwaciwe n'urwo Rukiko ku itariki ya 14/09/2012.

UBUSHINJACYAHA v. DUSENGIMANA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RPAA 0001/14/CS (Mukanyundo, P.J., Munyangeri na Hitiyaremye, J.) 17 Ugushyingo 2017]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha — Ibimenyetso mu manza nshinjabyaha — Nta muntu ugomba kwemezwa ko ahamwe n'icyaha nyuma y'urubanza atari uko Ubushinjacyaha bugaragaje ibimenyetso bidatera ugushidikanya uko ari kose.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze, uregwa akurikiranyweho icyaha cyo gusambanya umwana muto cyane, Ubushinjacyaha buvuga ko ku wa 17/06/2012, mu ma saa tatu z'amanywa, uregwa yagiye mu rugo rw'uwitwa Nshizirungu adahari, ahengera umugore we witwa Uwamahoro agiye gutunganya mu nzu, afata umwana wabo w'umukobwa w'amezi 10 aramusambanya, nyina w'umwana yumvise arize, ajya kureba icyo abaye asanga ngo uregwa amaze kumusambanya, maze aratabaza, hanyuma uregwa ariruka, bamwirukaho arabasiga. Urwo rukiko rwahamije uregwa icyaha rumuhanisha igifungo cya burundu y'umwihariko, rushingiye ku buhamya bwatanzwe.

Uregwa yajuriye mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Musanze, avuga ko Urukiko Rwisumbuye rwamuhamije icyaha atakoze avuga ko Urukiko rwamuhamije icyaha rushingiye ku mvugo z'abatangabuhamya kandi zivuguruzanya ku byerekeye igihe umwana yasambanyirijwe n'ahantu we yafatiwe, aho gushingira

ku buhamya bw'Umuforomo wemeje ko nta bimenyetso yabonye ku mwana bigaragaza ko yasambanyijwe. Urwo rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko nta gihindutse ku rubanza rwajuririwe.

Uregwa yarongeye ajuririra Urukiko rw'Ikirenga, avuga ko Urukiko rutahaye agaciro imiburanire ye y'uko nta cyaha yakoze, avuga ko yakigeretsweho n'ababyeyi b'umwana kubera akagambane biturutse ku mafaranga y'ishuri yohererejwe n'umugiraneza ababyeyi b'umwana bakaba barashakaga ko ayabahaho, yongeraho ko Urukiko rwashingiye ku buhamya bw'abamushinja ibinyoma bemeza ko amaze gukora icyaha yirutse kandi afite ubumuga bwo kutabona ku buryo atakwiruka ngo asige abafite amaso mazima, ndetse ko Urukiko rwanze no guha agaciro ibyagaragajwe na muganga wakiriye umwana bwa mbere wemeje ko nta bimenyetso yabonye byerekana ko umwana yasambanyijwe.

Ubushinjacyaha bwo bwagaragazaga ko impamvu z'ubujurire z'uregwa nta shingiro zifite, kuko abazwa mu Bushinjacyaha yavuze ko yageze mu rugo rw'ababyeyi b'umwana, kandi ko ntacyo apfa n'ababyeyi b'uwo mwana, bwongeraho ko umutangabuhamya Mukarusanga yavuze ko yiboneye n'amaso ye amasohoro yari ku gitsina no ku matako y'umwana, ibi bimenyetso byose ngo bikaba bishimangirwa na raporo ya muganga igaragaza ko umwana yasambanyijwe kandi ko yatewe udusebe. Ku birebana n'imvugo y'Umuforomo wasuzumye umwana bwa mbere wemeje ko nta kimenyetso na kimwe yabonye ku mwana kigaragaza ko yasambanyijwe, Ubushinjacyaha buvuga ko imyitwarire y'uwo muforomo itahabwa agaciro kuko bigaragara ko yashatse kutiteranya n'uregwa. Naho ku bijyanye no kuba yari impumyi nyamara akabasha kwiruka Ubushinjacyaha buvuga ko bitafatwa

nk'ibidashoboka mu gihe uregwa ubwe yivugiye ko inzira yari nyabagendwa.

Incamake y'icyemezo: 1. Nta muntu ugomba kwemezwa ko ahamwe n'icyaha nyuma y'urubanza atari uko Ubushinjacyaha bugaragaje ibimenyetso bidatera ugushidikanya uko ari ko kose, bityo Urukiko rurasanga nta bimenyetso bikiranuye kandi bidashidikanywaho rwashyikirijwe ku buryo rwabishingiraho mu guhamya uregwa icyaha.

Imikirize y'urubanza rwajuririwe ihindutse kuri byose; Amagarama y'urubanza aherereye ku isanduku ya Leta.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004, ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 4,65 n'iya 119.

Nta manza zifashishijwe.

Inyandiko z'abahanga:

Henry Bosly et Damien Vandermeersch, Droit de la procédure pénale, 4e édition, P. 1316, 5

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ubushinjacyaha bwareze Dusengimana Ferdinand mu Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze, bumukurikiranyeho icyaha cyo guhohotera umwana muto cyane, busobanura ko ku wa 17/06/2012, mu ma saa tatu z'amanywa, yagiye mu rugo kwa Nshizirungu Emmanuel, ahengera umugore we witwa Uwamahoro Solange agiye gutunganya mu nzu, naho umugabo we agiye guca ubwatsi bw'inka, afata umwana wabo w'umukobwa w'amezi 10 witwa I.B., amushyira ku bibero aramusambanya, nyina w'umwana yumvise arize, ajya kureba icyo abaye abona Dusengimana Ferdinand ari gusubiza igitsina cye mu ipantalo, amwaka uwo mwana, asanga yamutayeho amasohoro ku gitsina, ku matako no ku gakanzu yari yambaye, maze aratabaza, Dusengimana Ferdinand ariruka, bamwirukaho arabasiga.

- [2] Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze rwaciye urubanza RP 0322/012/TGI/ MUS, ku wa 21/03/2013, rwemeza ko Dusengimana Ferdinand ahamwa n'icyaha cyo gusambanya umwana, kubera ko hari abatangabuhamya bamushinja, rumuhanisha igifungo cya burundu y'umwihariko.
- [3] Dusengimana Ferdinand yajuririye Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Musanze, avuga ko Urukiko rwamuhamije icyaha rushingiye ku mvugo z'abatangabuhamya kandi zivuguruzanya ku byerekeye igihe umwana yasambanyirijwe n'ahantu we yafatiwe, aho gushingira ku buhamya bw'Umuforomo wemeje ko nta bimenyetso yabonye ku mwana bigaragaza ko yasambanyijwe. Urwo rukiko rwaciye urubanza RPA 0077/13/HC/MUS ku wa 21/10/2013, rwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite.
- [4] Dusengimana Ferdinand yajuririye Urukiko rw'Ikirenga, avuga ko Urukiko rutahaye agaciro imiburanire ye y'uko nta cyaha yakoze, ko yakigeretsweho n'ababyeyi b'umwana kubera akagambane, rushingira ku buhamya bw'abamushinja ibinyoma

bemeza ko amaze gukora icyaha yirutse kandi afite ubumuga bwo kutabona, rwanga no guha agaciro ubuhamya bwa muganga wakiriye umwana bwa mbere wemeje ko nta bimenyetso yabonye byerekana ko umwana yasambanyijwe.

[5] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 16/10/2017, Dusengimana Ferdinand yunganiwe na Me Umupfasoni Blandine, naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Munyaneza Nkwaya Eric, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu.

II. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA

Kumenya niba hari ibimenyetso bidashidikanywaho bihamya Dusengimana icyaha aregwa.

- [6] Dusengimana Ferdinand avuga ko impamvu yatumye ajurira ari uko Urukiko rutahaye agaciro ibisobanuro yatanze bigaragaza ko icyaha aregwa ntacyo yakoze, ko ahubwo ari akagambane yagiriwe na Nshizirungu Emmanuel n'umugore we Uwamahoro Solange biturutse ku makimbirane bari bafitanye n'umuryango we, kuko bamaze kumenya ko afite amafaranga yari yahawe n'umugiraneza w'Umudage witwa Thomas kugira ngo akomeze amashuli y'ababana n'ubumuga bwo kutabona i Rwamagana, bashakishije uburyo bayamukuraho dore ko ngo bari barigeze no gucisha ababyeyi be amafaranga ku buryo bw'amaherere, maze bamuhimbira icyaha bakimugerekaho kugira ngo bayatware.
- [7] Avuga kandi ko Urukiko Rukuru rwashingiye ku mvugo z'abatangabuhamya bemeje ko yafatiwe ku mugezi arimo

kwimeseraho imyenda akanakomeza kuyambara itose, nyamara umuforomo basanze kuri *Centre de Santé*, yemeje ko amubona atari yambaye imyenda itose. Akomeza asobanura ko ikindi kigaragaza ko ubuhamya bwashingiweho ari ibinyoma, ari uko abo batangabuhamya bavuze ko bamubonye yiruka ajya ku mugezi, nyamara bizwi ko afite ubumuga bwo kutabona, ko agenda yiyoboza agakoni; byongeye kandi, ngo ni uko amakuru batanga bayavuga nk'aho bari bahari icyaha gikorwa, mu gihe ari inkuru mbarirano babwiwe n'ababyeyi b'umwana. Atanga urugero nk'aho bavuga ko babonye amasohoro ku myenda y'umwana, ariko hakibazwa icyo bayapimishije nyamara umuforomo muganga wamwakiriye bwa mbere ntayo yabonye.

Me Umupfasoni Blandine wunganira Dusengimana [8] Ferdinand avuga ko uwo yunganira yageretsweho icyaha biturutse ku mafaranga y'ishuri yohererejwe n'umugiraneza, maze akajya ayagendana aribwo Nshizirungu Emmanuel wari wabimenye yamubonye anyuze iwe akamubaza niba atabahaho, undi aramuhakanira, maze aherako amucurira umugambi wo kuyamwaka. Avuga ko icyerekana ko bamuhoye amafaranga ye ari uko ubwo bari bageze kuri Centre de Santé bavuga ko bagiye gupimisha umwana mu rwego rwo gushaka ibimenyetso, Umuforomo wabakiriye yababwiye ko nta bimenyetso bigaragaza ko yasambanyijwe, abagira inama yo kujya kumvikana ku bibazo bindi baba bafitanye, maze bageze mu Mudugudu basaba Dusengimana Ferdinand kubaha amafaranga, ayabimye bahita bajya kumurega kuri Polisi, akaba atekereza ko nyina w'umwana yageze mu rugo akamukuba ku gitsina (ibyo yise frottement) kugira ngo noneho haze kuboneka ibimenyetso bigaragaza ko Dusengimana Ferdinand ariwe wakubye igitsina cye ku cy'umwana.

- Akomeza avuga ko ikindi kigaragaza ko n'imvugo z'abatangabuhamya zirimo ibinyoma, ari uko hari nk'aho bavuze ko nyina w'umwana yabatabaje ababwira ko Dusengimana Ferdinand yirutse amaze guhohotera umwana, byumvikanisha ko batamwiboneye. Avuga ko umutangabuhamya Harerimana Adrien we avuga ko yumvise umugore ataka bamusambanyirije umwana, ahageze asanga umwana afite amasohoro, ngo maze Dusengimana Ferdinand ahita yiruka, ibi bikaba bitumvikana kuko afite ubumuga bwo kutabona, bivuga ko adashobora kwiruka ngo asige abafite amaso mazima. Avuga ko ikindi cyerekana ko icyaha kiregwa uwo yunganira cyahimbwe, ari ivuguruzanya riri hagati y'imvugo z'ababyeyi b'umwana ubwabo, aho mu ibazwa ryabo umwe yavuze ko umwana batamwuhagiye naho undi akavuga ko bamwuhagiye.
- Avuga kandi ko ikindi kimenyetso cyerekana ko Dusengimana Ferdinand ari umwere, ari ukuba umuforomo wakiriye umwana bwa mbere ataramubonyeho ikimenyetso na kimwe kigaragaza ko yasambanyijwe, ndetse na Muganga wamusuzumye bwa kabiri akavuga ko nta masohoro yabonye, mu gihe nyina w'umwana atigeze avuga ko yamwuhagiye mbere yo kumuzana ku ivuriro, uwo muganga wamusuzumye nyuma akaba yarasabye ko hasuzumwa n'uwamuhohoteye (il faut tester le violeur) nyamara bikaba bitarigeze bikorwa. Akomeza avuga ko kuba Dr Nteziryayo Ezéchiel, umuganga wemewe wa Leta, yaravuze ko umwana yabyimbiwe ku myanya ndangagitsina ngo hariho n'udusebe twinshi, atari ikimenyetso cyashingirwaho mu guhamya uwo yunganira icyaha aregwa, kuko utwo dusebe dushobora guterwa n'impamvu nyinshi nk'uko yabisobanuye haruguru (frottement yakorewe mu rwego rwo gushakisha ibimenyetso).

- [11] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko impamvu z'ubujurire za Dusengimana Ferdinand nta shingiro zifite, kuko abazwa mu Bushinjacyaha yavuze ko yageze kwa Nshizirungu Emmanuel, kandi ko ntacyo apfa n'ababyeyi b'uwo mwana, ndetse n'umutangabuhamya Mukarusanga Marie Josée akaba yaravuze ko yiboneye n'amaso ye amasohoro yari ku gitsina no ku matako y'umwana, ibi bimenyetso byose ngo bikaba bishimangirwa na raporo ya Dr Nteziryayo Ezéchiel igaragaza ko umwana yasambanyijwe kandi ko yatewe udusebe.
- [12] Ku birebana n'imvugo y'Umuforomo wasuzumye umwana bwa mbere wemeje ko nta kimenyetso na kimwe yabonye ku mwana kigaragaza ko yasambanyijwe, uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko imyitwarire y'uwo muforomo itahabwa agaciro kuko bigaragara ko yashatse kutiteranya n'uregwa, ko yakoze nkaho yavuze ngo nagende azagwe ku bandi. Avuga kandi ko kuba nyina w'umwana yarabonye Dusengimana Ferdinand azamura imashini ya risani amaze gukora amarorerwa ari nk'aho yafatiwe mu cyuho, ku buryo bitagombye kugibwaho impaka. Naho ku bijyanye no kuba yari impumyi ariko akiruka kurinda ageze ku mugezi akamesa imyenda. Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko bitafatwa nk'ibidashoboka mu gihe ubwe yivugiye ko inzira yari nyabagendwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[13] Ikibazo kiri muri uru rubanza ni icyo kumenya niba imvugo z'ababyeyi n'iz'abatangabuhamya bumviswe zihura n'ibyabaye, ku buryo hakwemezwa ko koko Dusengimana Ferdinand yasambanyije uriya mwana I.B.

- [14] Ingingo ya 4 y'Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004, ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, iteganya ko "Urukiko ruca urubanza rwaregewe hakurikijwe ibimenyetso bihuje na kamere y'ikiburanwa". Ingingo ya 65 y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004, ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, iteganya ko "Urukiko ni rwo rwonyine rupima ko imikirize y'abatangabuhamya ihuye n'ikiburanwa, ifite ingingo zikiranuye kandi ikaba ikwiye kwemerwa cyangwa guhakanwa...». Naho ingingo ya 119 y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 rimaze kuvugwa, iteganya ko "Urukiko ruhamya ku buryo butavuguruzwa ko ibimenyetso byose birega cyangwa biregura ari byo kandi bishobora kwemerwa".
- z'abatangabuhamya Ku bijyanye n'imvugo [15] nk'ikimenyetso nyamukuru cyashingiweho mu guhamva Dusengimana Ferdinand icyaha, inyandikomvugo z'ibazwa zabo zigaragaza ko nta n'umwe wigeze abona Dusengimana Ferdinand asambanya uwo mwana, usibye nyina Uwamahoro Solange wavuze ko yamubonye asubiza igitsina cye mu ipantalo, kandi ubuhamya bw'ababajijwe bukaba burimo imvugo zitera urujijo mu kwemeza ko Dusengimana Ferdinand yakoze koko icyaha akurikiranyweho, kuko:
 - Uwamahoro Solange, Harerimana Adrien na Mukarusanga Marie Josée, bavuga ko akabacika, Dusengimana Ferdinand yirutse bakamusanga ku mugezi wa Gaseke. Ubu buhamya burimo urujijo kuko bidashoboka ko ufite ubumuga bwo umuntu yakwirukango asige abafite amaso mazima, cyane cyane ko ababajijwe bose bemeje ko iyo atabonye umurandata, vivobora akoresheje agakoni.

- Abo babajijwe uko ari batatu bavuga kandi ko umwana yasambanyijwe saa tatu, Dusengimana Ferdinand bajya kumushaka saa yine n'igice, hakibazwa icyo bari bategereje aho kwihutira kumufata kandi nyina w'umwana avuga ko yamufatiye mu cyuho arimo gusubiza igitsina cye mu ipantalo.
- Abatangabuhamya babajijwe bavuzwe haruguru, bavuze na none ko Dusengimana Ferdinand yagiye kwimeseraho imyenda mu mugezi ayivanaho ibintu byayigiyeho mu rwego rwo gusibanganya ibimenyetso, ariko akaba nta n'umwe uvuga ibyo ari byo.
- Bavuga kandi ko aho bafatiye Dusengimana Ferdinand ari ku mu mugezi wa Gaseke aho basanze yambaye imyenda itose maze bakamujyanana kuri Centre de Santé, nyamara umuforomo wabakiriye yavuze ko imyenda ye itari itose, kandi ntaho abo batangabuhamya bavuga ko yaba yarayikuyemo akabambara indi.
- Uwo muforomo wakiriye umwana bwa mbere yavuze ko nta kimenyetso na kimwe yabonye kigaragaza ko uwo mwana yasambanyijwe, ababwira gusubira mu rugo bakajya gukemura ikibazo kindi baba bafitanye, ababyeyi baremera basubirayo. Niba koko ababyeyi b'uwo mwana barabonaga inama uwo muforomo abagiriye itabanyuze, hakwibazwa impamvu batahise bajya kuri Polisi aho kubanza kujya kumvikana na Dusengimana Ferdinand niba nta kibazo kindi bari bafitanye.

- Raporo yakozwe na muganga wa kabiri wasuzumye umwana igaragaza ko yasanze ku myanya ndangagitsina ye hariho udusebe duto (frottement au niveau des grandes lèvres compte tenu des oedèmes et des ulcérations de ces grandes lèvres), kandi ko nta gitsina cy'umugabo kinjiye mu cy'umwana, ahubwo asaba ko hasuzumwa ukekwa ko yaba yamusambanyije (il faut tester le violeur), ariko bikaba bitarakozwe, ko rero iyi raporo itafatwa nk'ikimenyetso simusiga cyerekana ko turiya dusebe twatewe no kuba umwana yarasambanyijwe.
- [16] Urukiko rurasanga hashingiwe ku ngingo ya 65 y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryavuzwe haruguru, ubuhamya bw'abantu babajijwe nk'uko bwagaragajwe haruguru, butafatwa nk'ibimenyetso bidashidikanywaho Urukiko rwashingiraho rwemeza ko umwana I.B. yasambanyijwe na Dusengimana Ferdinand, kuba nyina w'umwana avuga ko yahamagaye abantu akabereka ibintu we yita amasohoro, ariko ntibyerekwe Muganga ngo yemeze ko ariyo koko, ibyo bidahagije kugira ngo hemezwe ko ibyo bavuga ari amasohoro kandi ko ari aya Dusengimana Ferdinand kuko umuforomo wasuzumye umwana bwa mbere atigeze ayabona, muganga wamusuzumye ku nshuro ya kabiri nawe ntiyemeza ko yayabonye, ategetse ko uregwa apimwa, nabyo ntibyakorwa.
- [17] Urukiko rurasanga imvugo y'uhagarariye Ubushinjacyaha ko kuba Umuforomo wakiriye umwana bwa mbere avuga ko nta kimenyetso yabumubonyeho kigaragaza ko yasambanyijwe atari uko nta cyari gihari, ko ahubwo yashatse guhishira uregwa nta shingiro yahabwa kuko nta nta kimenyetso

cyashyikirijwe Urukiko kibishimangira. Ku byerekeranye na raporo ya muganga, Urukiko rurasanga nta cyemeza ko turiya dusebe n'ububyimbirwe muganga yabonye ku gitsina cy'umwana, byaba byaratewe byanze bikunze no kumusambanya.

[18] Abahanga mu mategeko yerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha Henry Bosly et Damien Vandermeersch, nabo bavuga ko nta muntu ugomba kwemezwa ko ahamwe n'icyaha nyuma y'urubanza atari uko Ubushinjacyaha bugaragaje ibimenyetso bidatera ugushidikanya uko ari ko kose (Une personne ne peut être déclarée coupable au terme du procès que si l'accusation a apporté la preuve au-delà de tout doute raisonnable de la culpabilité de l'accusé). 1

[19] Hashingiwe ku ngingo ya 4, iya 65 n'iya 119, z'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryavuzwe haruguru, Urukiko rurasanga nta bimenyetso bikiranuye kandi bidashidikanywaho rwashyikirijwe ku buryo rwabishingiraho mu guhamya Dusengimana Ferdinand icyaha akurikiranyweho, bityo akaba agomba kugihanagurwaho.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[20] Rwemeje ko ubujurire bwa Dusengimana Ferdinand bufite ishingiro;

[21] Rwemeje ko urubanza rwajuririwe ruhindutse muri byose;

-

¹ Henry Bosly et Damien Vandermeersch, Droit de la procédure pénale, 4e édition, p. 1316, 5

- [22] Rwemeje ko Dusengimana Ferdinand agizwe umwere ku cyaha yari akurikiranyweho;
- Rutegetse ko ahita arekurwa uru rubanza rukimara [23] gusomwa;
- [24] Rutegetse ko amagarama y'urubanza aherera ku Isanduku ya Leta.

UBUSHINJACYAHA v. MUKARUYANGE

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RPAA 0001/14/CS (Mugenzi, P.J., Kanyange na Gakwaya, J.) 23 Gashyantare 2018]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha — Inyito y'icyaha — Guhindura inyito y'icyaha ni uburenganzira n'inshingano umucamanza afite mu gihe asanga ibikorwa uregwa akurikiranyweho bidahuye n'inyito byahawe, hakurikijwe ihame ry'uko umucamanza aregerwa ibikorwa bigize icyaha — Igihe cyose icyemezo cy'Urukiko kitaraba ndakuka, inyito y'icyaha ishobora guhinduka, ariko uregwa agahabwa igihe cyo kugira icyo abivugaho, mu rwego rwo kubahiriza ihame ryo kwiregura.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyarugunga, Ubushinjacyaha bukurikiranye Habumugisha ku cyaha cy'ubujura buciye icyuho no kuri Mukaruyange ku cyaha cyo guhisha ibikomoka ku cyaha. Urwo rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko Habumugisha ahamwa n'icyaha, rumuhanisha igihano cy'igifungo cy'umwaka umwe runamutegeka gusubiza 80.000.000Frw uwaregeye indishyi, naho Mukaruyange agirwa umwere.

Ubushinjacyaha n'uwaregeye indishyi ntibishimiye imikirize y'urwo rubanza maze bajuririra Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge bavuga ko hirengagijwe imvugo z'abatangabuhamya bashinja Mukaruyange ko yahishiriye Habumugisha akamuhishana n'amafaranga yari yibye, maze rumugira umwere. Basaba Urukiko ko rwasuzumana ubushishozi ibimenyetso byatanzwe. Urwo Rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko igihano Habumugisha yahanishijwe kigumyeho runemeza ko Mukaruyange ahamwa n'icyaha cyo gufatanya na Habumugisha kwiba amafaranga aburanwa, n'icyo guhishira umujura n'ibintu bikomoka ku cyaha, rumuhanisha igifungo cy'imyaka ibiri (2) gisubitswe mu mwaka umwe (1) runategeka ko bafatanya kwishyura amafaranga yaburanwaga.

Mukaruyange ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza maze yandikira Urwego rw'Umuvunyi asaba gusuzuma akarengane kabaye muri urwo rubanza, avuga ko yahamijwe ubufatanyacyaha mu bujura kandi atari cyo yarezwe, ndetse ko hanashingiwe ku bimenyetso bidafatika kuko yamenyanye n'uwakoze icyaha nyuma y'uko gikozwe, bagura ikibanza.

Nyuma yo gusuzuma ikibazo cye,Umuvunyi Mukuru yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza RPA 0230/14/TGI/NYGE rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, gatewe no kwirengagiza amategeko n'ibimenyetso, asobanura ko Mukaruyange yahamijwe ubufatanyacyaha mu cyaha cy'ubujura mu bujurire atarigeze agikurikiranwaho n'Ubushinjacyaha mu rwego rwa mbere ngo anacyiregureho, bikaba kandi ngo bitashoboka ko Mukaruyange yaba yaragize ubufatanyacyaha mu cyaha cy'ubujura, kuko yahuye na Habumugisha, uyu yarangije kwiba, naho ku cyaha cyo guhishira ibyibano, Urwego rw'Umuvunyi ruvuga ko Urukiko rutagaragaje ko hari amafaranga akomoka ku cyaha Mukaruyange yaba yarafatanywe, ingano yayo n'aho yaba yarayahishe.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, yafashe icyemezo cy'uko urwo rubanza rwongera kuburanishwa, maze Mukaruyange aburana avuga ko mu Rukiko Rwisumbuye yaburanye ku cyaha gishya mu bujurire, atari yarakirezwe ngo akiburaneho ku rwego rwa

mbere mu Rukiko rw'Ibanze, kuko yari yaraharezwe icyaha cyo guhisha ibintu bikomoka ku cyaha, nyamara mu bujurire aburanishwa ku bufatanyacyaha mu bujura buciye icyuho, yongeraho ko n'ubwo umucamanza ashobora guhindura inyito y'icyaha, agomba kuba agendeye ku byabaye, akaba asanga ikosa ryabaye ari uko umucamanza wo mu bujurire atabanje kwumva uregwa ngo abone guhindura inyito y'icyaha, ahubwo icyabaye akaba ari ukuzana mu bujurire icyaha gishya kitaburanwe mbere.

Uregera indishyi we avuga ko yemeranya n'abo baburana ku bijyanye n'ububasha bw'umucamanza bwo guhindura inyito y'icyaha cyaregewe, ngo akaba asanga ari cyo cyakozwe n'umucamanza w'Urukiko Rwisumbuye, amaze kumva imiburanire y'impande zombi ndetse n'abatangabuhamya, abona kwemeza inyito y'ubufatanyacyaha mu bujura buciye icyuho.

Ubushinjacyaha bwo buvuga ko nta cyaha gishya cyaciriweho urubanza mu Rukiko Rwisumbuye rwari rwajuririwe, ko ahubwo hahujwe ingingo ya 98 y'Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana, n'iya 327 y'iryo Tegeko Ngenga, iteganya ko uwahishe inkozi z'ibibi cyangwa uwazifashije guhisha nawe yitwa icyitso, Urukiko ngo rukaba rwarasanze ibikorwa Mukaruyange yakoze bigize icyaha cyo gufasha Habumugisha ubujura buciye icyuho.

Incamake y'icyemezo: 1. Guhindura inyito y'icyaha ni uburenganzira n'inshingano umucamanza afite mu gihe asanga ibikorwa uregwa akurikiranyweho bidahuye n'inyito byahawe, hakurikijwe ihame ry'uko umucamanza aregerwa ibikorwa bigize icyaha, ataregerwa inyito, bityo ingingo ijyanye no kuba Urukiko Rwisumbuye rwarahinduye icyaregewe rukaburanisha icyaha gishya, ikaba nta shingiro ifite.

- 2. Igihe cyose icyemezo cy'Urukiko kitaraba ndakuka, inyito y'icyaha ishobora guhinduka, ariko uregwa agahabwa igihe cyo kugira icyo abivugaho, mu rwego rwo kubahiriza ihame ryo kwiregura, bityo umucamanza yagombaga guha ababuranyi umwanya wo kugira icyo bavuga ku nyito y'icyaha.
- 3. Ku kibazo cyo kumenya niba Mukaruyange ahamwa n'ubufatanyacyaha mu bujura buciye icyuho, ibikorwa bye Urukiko Rwisumbuye rwabonyemo icyo cyaha, ntibigaragaramo ubwo bufatanyacyaha, kuko mu isesengura urwo Rukiko rwakoze, mu rwego rw'ibimenyetso bicukumbuwe gusesengura urubanza, bwenge n'ubushishozi mu bw'umucamanza ntihagaragajwe ko hari ibimenyetso bikomeye, bisobanuye kandi bihuje byagaragaza nta gushidikanya ko Mukaruyange yafashije Habumugisha igikorwa nyir'izina cy'ubujura buciye icyuho, bityo Mukaruyange agihanaguweho.
- 4. Ku byerekeye ibyaha byo guhisha uwakoze icyaha no guhisha ibikomoka ku cyaha, nta bimenyetso Mukaruyange agaragaza byirengagijwe mu rubanza byagaragaza ko atahishe ibikomoka ku cyaha n'uwagikoze, ahubwo hashingiwe ku mvugo y'uwakoze icyaha, n'imvugo zihuje z'abatangabuhamya, bigaragariza Urukiko nta gushidikanya, ko Mukaruyange ahamwa n'ibyaha byo guhisha uwakoze icyaha no guhisha ibikomoka ku cyaha nk'uko yabihamijwe mu rubanza RPA 0230/14/TGI/NYGE, hakaba rero nta karengane karugaragaramo, gashingiye ku kuba haba harirengagijwe ibimenyetso.

Ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro kuri bimwe; Amagarama y'urubanza aherereye ku isanduku ya Leta.

Amategeko yashingiweho:

- Itegeko Ngenga N°01/2012/OL rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana, ingingo ya 326 n'iya 573.
- Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 320.
- Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004, ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 108 n'iya 119.

Imanza zifashishijwe:

Ubushinjacyaha vs Nyawera Céléstin, RPA 0033/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 14/9/2012.

Inyandiko z'abahanga:

Likulia Bolongo, Droit Pénal spécial zairois, Tome I, 2ème édition, Paris, 1985, P. 20, 21.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ubushinjacyaha bwakurikiranye Habumugisha Butoyi ku cyaha cy'ubujura buciye icyuho no kuri Mukaruyange Athanasie

icyaha cyo guhisha ibikomoka ku cyaha, Rwasibo Mutesi Béatrice aregera indishyi.

- [2] Mu rubanza RP 0355/13/TB/NYRGA rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugunga ku wa 20/03/2014, urwo Rukiko rwemeje ko Habumugisha Butoyi ahamwa n'icyaha cy'ubujura buciye icyuho, rumuhanisha igifungo cy'umwaka umwe (1), runamutegeka gusubiza Rwasibo Mutesi Béatrice 80.000.000Frw n'indishyi zingana na 900.000Frw, runemeza ko Mukaruyange Athanasie adahamwa n'icyaha aregwa.
- [3] Ubushinjacyaha na Rwasibo Mutesi Béatrice bajuririye Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge bavuga ko hirengagijwe imvugo z'abatangabuhamya bashinja Mukaruyange Athanasie ko yahishiriye Habumugisha Butoyi akamuhishana n'amafaranga yari yibye, maze rumugira umwere. Busaba Urukiko ko rwasuzumana ubushishozi ibimenyetso byatanzwe, Mukaruyange Athanasie agahanirwa icyaha yakoze.
- RPA 0230/14/TGI/NYGE [4] Mu rubanza rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 24/07/2014, urwo Rukiko rwemeje ko ubujurire bw'Ubushinjacyaha n'ubwa Rwasibo Mutesi Béatrice bufite ishingiro, rwemeza ko igihano Habumugisha Butoyi yahanishijwe kigumyeho, rwemeza ko Mukaruyange Athanasie ahamwa n'icyaha cyo gufatanya na Habumugisha Butoyi kwiba amafaranga aburanwa, n'icyo guhishira umujura n'ibintu bikomoka ku cyaha, rumuhanisha igifungo cy'imyaka ibiri (2) gisubitswe mu mwaka umwe(1), rumutegeka gufatanya na Habumugisha Butoyi kwishyura 84.740.000Frw rusobanura ko hari imvugo z'abatangabuhamya bashinja Mukaruyange Athanasie uruhare yagize mu kwiba amafaranga, barimo umukozi wamukoreraga witwa Uwamahoro Sara wemeje ko Mukaruyange Athanasie yacumbikiye

Habumugisha Butoyi igihe kitari gito mu rugo iwe, hakaba n'aho we yiyemereye ko yamucumbikiye kugira ngo atagirirwa nabi, kubera amafaranga menshi yari afite, bikaba bigaragaza ko bari baziranye ku mugambi wo kwiba amafaranga ya Rwasibo Mutesi Béatrice, hakoreshejwe ubujura buciye icyuho.

- [5] Ku wa 10/03/2015, Mukaruyange Athanasie yandikiye Umuvunyi Mukuru amusaba gusuzuma akarengane kabaye mu rubanza RPA 0230/14/TGI/NYGE, kuko yahamijwe ubufatanyacyaha mu bujura kandi atari cyo yarezwe, hanashingirwa ku bimenyetso bidafatika kuko yamenyanye n'uwakoze icyaha nyuma y'uko gikozwe, bagura ikibanza.
- [6] Umuvunyi Mukuru nawe yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza RPA 0230/14/TGI/NYGE ku mpamvu z'akarengane, rusubirishwamo gatewe kwirengagiza amategeko n'ibimenyetso, asobanura ko Mukaruyange Athanasie yahamijwe ubufatanyacyaha mu cyaha cy'ubujura bujurire atarigeze agikurikiranwaho mu n'Ubushinjacyaha mu rwego rwa mbere ngo anacyiregureho, bikaba kandi bitashoboka ko Mukaruyange Athanasie yaba yaragize ubufatanyacyaha mu cyaha cy'ubujura, kuko yahuye na Habumugisha Butoyi, uyu yarangije kwiba, naho ku cyaha cyo guhishira ibyibano, avuga ko Urukiko rutagaragaje ko hari amafaranga akomoka ku cyaha Mukaruyange Athanasie yaba yarafatanywe, ingano yayo n'aho yaba yarayahishe.
- [7] Mu cyemezo N° 026/2017 cyo ku wa 18/04/2017, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, yategetse ko urubanza RPA 0230/14/TGI/NYGE rwavuzwe haruguru rwongera kuburanishwa, iburanisha ribera mu ruhame ku wa 15/01/2018, Mukaruyange Athanasie yunganiwe na Me Kayijuka Ngabo, Rwasibo Mutesi Béatrice yunganiwe na Me Munyeshema

Napoléon, naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Niyonkuru Françoise, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

[8] Muri uru rubanza harasuzumwa niba harabaye akarengane, ku ruhande rumwe gatewe no kwirengagiza amategeko, ku rundi ruhande gatewe no kwirengagiza ibimenyetso, hanasuzumwe iby'indishyi zisabwa n'ababuranyi.

A. Kumenya niba harabaye akarengane gatewe no kwirengagiza amategeko.

- [9] Mukaruyange Athanasie na Me Kayijuka Ngabo umwunganira, bavuga ko Mukaruyange Athanasie yaburanye ku cyaha gishya mu bujurire mu Rukiko Rwisumbuye, atari yarakirezwe ngo akiburaneho ku rwego rwa mbere mu Rukiko rw'Ibanze, kuko yari yaraharezwe icyaha cyo guhisha ibintu bikomoka ku cyaha, giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 326 y'Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana, nyamara mu bujurire aburanishwa ku bufatanyacyaha mu bujura buciye icyuho.
- [10] Me Kayijuka Ngabo avuga ko n'ubwo umucamanza ashobora guhindura inyito y'icyaha, agomba kuba agendeye ku byabaye, akaba asanga ikosa ryabaye ari uko umucamanza wo mu bujurire atabanje kwumva Mukaruyange Athanasie ngo abone guhindura inyito y'icyaha, ahubwo icyabaye akaba ari ukuzana mu bujurire icyaha gishya kitaburanwe mbere.

- [11] Rwasibo Mutesi Béatrice na Me Munyeshema Napoléon umwunganira, bavuga ko bumvikana n'abo baburana ku bijyanye n'ububasha bw'umucamanza bwo guhindura inyito y'icyaha cyaregewe, bakaba basanga ari cyo cyakozwe n'umucamanza w'Urukiko Rwisumbuye, amaze kumva imiburanire y'impande zombi ndetse n'abatangabuhamya, abona kwemeza inyito y'ubufatanyacyaha mu bujura buciye icyuho.
- [12] Me Munyeshema Napoléon anavuga, mu myanzuro ye ko ingingo ya 98 y'Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryavuzwe haruguru, igaragaza uburyo bunyuranye umuntu agira uruhare mu cyaha cyakozwe: kuba umuntu yakoze icyaha ubwe, kuba yabaye umufatanyacyaha (yafashije mu buryo butaziguye), cyangwa kuba yabaye icyitso, aha bigasobanurwa ko "yitwa kandi icyitso uwahishe inkozi z'ibibi cyangwa uwazifashije guhisha, mu buryo buteganywa n'ingingo ya 327 y'iri Tegeko Ngenga", akaba asanga ibimenyetso umucamanza hashingiyeho byerekana mu buryo budashidikanywa ko Mukaruyange Athanasie yabaye icyitso, ko rero yagombaga kubihanirwa, hakaba nta karengane kabayeho, ari nacyo basaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza.
- [13] Avuga ko, hashingiwe ku ngingo ya 81 y'Itegeko y'Itegeko N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, hakwiye kwemezwa ko isubirishamo ry'urubanza ku mpamvu z'akarengane ridafite ishingiro, kuko nta mategeko yishwe.
- [14] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko nta cyaha gishya cyaciriweho urubanza mu Rukiko Rwisumbuye rwari rwajuririwe, ko ahubwo hahujwe ingingo ya 98 y'Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryavuzwe haruguru, n'iya 327 y'iryo Tegeko Ngenga, iteganya ko uwahishe inkozi z'ibibi cyangwa

uwazifashije guhisha nawe yitwa icyitso, Urukiko rukaba rwarasanze ibikorwa Mukaruyange Athanasie yakoze bigize icyaha cyo gufasha Habumugisha Butoyi ubujura buciye icyuho.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [15] Ku ngingo yo kuba Urukiko Rwisumbuye rwaba rwaraciriye urubanza ku cyaha kitaregewe, Urukiko rurasanga, nk'uko dosiye y'urubanza ibigaragaza, Mukaruyange Athanasie yararezwe mu Rukiko rw'Ibanze icyaha cyo guhisha ibyibano, giteganywa n'ingingo ya 326 y'Itegeko Ngenga N°01/2012/OL rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana, rukimuhanaguraho, Urukiko Rwisumbuye rwo rusanga kuba yaracumbikiye igihe kitari gito Habumugisha Butoyi wari wibye amafaranga aciye icyuho, hakiyongeraho ibikorwa byose byo kugura amazu n'ibibanza bakoranye muri icyo gihe yashakishwaga ataramutorokesha, bimugaragazaho ahubwo kuba barafatanyije umugambi n'igikorwa by'ubujura Habumugisha Butoyi yakoze, kuko hari n'aho uyu yiyemereye ko yamucumbikiye kubera amafaranga menshi yari afite ngo atagirirwa nabi, runamuhamya icyaha cyo guhisha ibikomoka ku cyaha, n'icyo guhisha uwakoze icyaha.
- [16] Urukiko rurasanga, kuba umucamanza yarahereye ku bikorwa yaregewe by'imyitwarire ya Mukaruyange Athanasie kuri Habumugisha Butoyi, mu kubisesengura agasanga byerekana kuri Mukaruyange Athanasie, ubufatanyacyaha mu bujura buciye icyuho, bitafatwaho kuba yaraciye urubanza ku cyaha ataregewe, mu gihe ibikorwa yasuzumye ari ibyo yaregewe n'Ubushinjacyaha, ahubwo umucamanza akaba yarabihaye inyito y'ubufatanyacyaha mu bujura buciye icyuho, nyuma yo kubisesengura, kuko guhindura inyito ari uburenganzira

n'inshingano umucamanza afite mu gihe asanga ibikorwa uregwa akurikiranyweho bidahuye n'inyito byahawe¹, hakurikijwe ihame ry'uko umucamanza aregerwa ibikorwa bigize icyaha, ataregerwa inyito, bityo ingingo ijyanye no kuba Urukiko Rwisumbuye rwarahinduye icyaregewe rukaburanisha icyaha gishya, ikaba nta shingiro ifite.

[17] Urukiko rurasanga ahubwo, ikibazo kiriho ari cyo kumenya niba iryo sesengura Urukiko Rwisumbuye rwakoze ryarakozwe neza, mu rwego rw'ibimenyetso byagaragaza ko Mukaruyange Athanasie yagiranye na Habumugisha Butoyi umugambi w'ubujura bakanafatanya kuwushyira mu bikorwa.

[18] Ku bijyanye no kuba umucamanza yarahinduye inyito y'icyaha atabanje guha Mukaruyange Athanasie umwanya wo kubijyaho impaka, Urukiko rurasanga, koko, yaragombaga kubikora yabajije Mukaruyange Athanasie icyo abivugaho, kuko, nk'uko abahanga mu mategeko babisobanura, igihe cyose icyemezo cy'Urukiko kitaraba ndakuka, inyito y'icyaha ishobora guhinduka, ariko uregwa yahawe igihe cyo kugira icyo abivugaho, mu rwego rwo kubahiriza ihame ryo kwiregura,² iryo kosa rikaba ariko ryarakosowe muri uru Rukiko, aho ababuranyi babonye umwanya wo kubijyaho impaka, nk'uko byagaragajwe mu ngingo zigize imiburanire yabo.

_

¹ Reba urubanza RPA 0033/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 14/9/2012, haburana Ubushinjacyaha na Nyawera Céléstin.

² "Aussi longtemps que la décision judiciaire n'est pas encore devenue irrévocable, toute qualification est susceptible de modification.... Le respect des droits de la défense exige cependant qu'en cas de requalification s'opérant au niveau du jugement, les délais prévus par la loi soient accordés au prévenu pour répondre d'une qualification nouvelle": Likulia Bolongo, Droit Pénal spécial zairois, Tome I, 2ème édition, Paris, 1985, P 20, 21.

B. Kumenya niba harabaye akarengane gatewe no kwirengagiza ibimenyetso.

- [19] Mukaruyange Athanasie avuga ko Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwirengagije ibimenyetso bigaragaza ko atigeze akora icyaha, rwemeza ko yacumbikiye Habumugisha Butoyi amaze kumenya ko afite amafaranga menshi kandi atari byo. Asobanura ko haketswe ko yacumbikiye Habumugisha Butoyi bitewe n'uko, ubwo bamaraga kugura ikibanza, bahujwe n'umukomisiyoneri, Habumugisha Butoyi yajyanye na Mukaruyange Athanasie iwe bwije, gufata ibya ngombwa byacyo, nyuma arataha, usibye ko imodoka ye yaraye aho Mukaruyange Athanasie nawe ajya ahagarika iye, kuko umushoferi wari uyitwayemo Habumugisha Butoyi yasabaga ko yayiharaza.
- [20] Avuga ko ubuhamya bwa Uwamahoro Sara wahoze ari umukozi we mu rugo, akaba yaremeje ko yacumbikiye Habumugisha Butoyi nta gaciro bwahabwa, kuko uwo mukozi batandukanye nabi atagikora neza, akaba ari yo mpamvu amubeshyera.
- [21] Me Kayijuka Ngabo avuga ko ibyo Habumugisha Butoyi yavugiye mu Bugenzacyaha by'uko amafaranga yibye yayagabanye na Mukaruyange Athanasie atari ukuri, kuko atari anaziranyi na Mukaruyange Athanasie, ko ahubwo Habumugisha Butoyi yaje kuvuga ko yabivuze abitewe n'inkoni ya kubitwaga muri Police akimara gufatwa. Avuga ko iperereza ryatangiye riyobye kuva mu Bugenzacyaha, rinakomeza gutyo mu Bushinjacyaha, riyobejwe n'ibyatumye hakekwa ko Mukaruyange Athanasie yafatanyije icyaha na Habumugisha Butoyi, birimo kuba yaramufashije gushaka abapolisi kugira ngo abashe kubona ibya ngombwa, kuba baraguze inzu, kuba

yaramutwaye akamugeza iwe, kuba imodoka ya Habumugisha Butoyi yararaye iwe, ibyo byose bikaba ari byo byuririweho mu gukeka ko yaba yaramubikije amafaranga kandi ataribyo.

- [22] Avuga ko Habumugisha Butoyi yibye ari ku wa 3, agura inzu na Mukaruyange Athanasie ku wa 6, afatwa nyuma y'ukwezi, ayo mataliki akaba agaragaza ko batari baziranyi, bityo rero hakaba hari ugushidikanya ku byo Mukaruyange Athanasie aregwa.
- Rwasibo Mutesi Béatrice, uregera indishyi, avuga ko [23] Butoyi yafatirwaga Habumugisha ubwo mu Gatsata, agashyikirizwa Police, yabajijwe aho yashyize amafaranga avuga ko amwe yayaguze inzu, andi ayagura imodoka, andi ayabitsa Mukaruyange Athanasie, kandi ko uyu yamucumbikiye iwe mu rugo. Avuga ko atari bwo bwa mbere Mukaruyange Athanasie akurikiranyweho gucumbikira abajura, kuko hari hashize iminsi akurikiranyweho icyaha nk'icyo, ko ibyo kuba yaracumbikiye Habumugisha Butoyi akahamara iminsi byamenywe n'abantu benshi bo mu Gatsata barimo Uwamahoro Sara na Turatsinze Abdallah, ndetse binarakaza abana ba Mukaruyange Athanasie, bikaba bibabaje kubona atinyuka ibintu nk'ibyo kandi ari umuyobozi.
- [24] Me Munyeshema Napoléon avuga ko ibikorwa Mukaruyange yakoze bigaragaza ko yabaye umufatanyacyaha mu buryo bw'icyitso, buteganywa mu ngingo ya 98 y'Itegeko Ngenga N°01/2012/OL ryavuzwe haruguru. Avuga ko Habumugisha Butoyi yiyemereye, mu Bugenzacyaha, ko Mukaruyange Athanasie yamucumbikiye, nyuma aza guhindura imvugo, avuga ko ibyo yabivuze kubera inkoni, nyamara nta kimenyetso abitangira, kandi hari umutangabuhamya witwa Migezo wemeza ko Mukaruyange Athanasie yabonye

Habumugisha Butoyi afite amafaranga menshi amujyana kumucumbikira, hakaba na Turatsinze Abdala nawe memeza ko yamenye Habumugisha Butoyi amugejejweho na Mukaruyange Athanasie, kandi abo bose ntacyo bapfa.

[25] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko Habumugisha Butoyi amaze kwiba yaje kugisha inama Mukaruyange Athanasie yo kujya kugura ubutaka mu Bugesera, Mukaruyange Athanasie amucumbikira igihe kirekire, afite amafaranga menshi kandi bigaragara ko ntaho yari kuba yayavanye humvikana. Avuga ko ibyo byose Mukaruyange Athanasie yabyireguyeho, kandi ko Urukiko ruregerwa ibikorwa akaba ari rwo rutanga inyito y'icyaha, ibi akaba ari ko byemejwe n'uru Rukiko, mu rubanza RPAA 0117/07/CS, haburana Ubushinjacyaha na Ngabonziza na mugenzi we.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[26] Ku kibazo cyo kumenya niba Mukaruyange Athanasie ahamwa n'ubufatanyacyaha mu bujura buciye icyuho, uru rusanga, ibikorwa bye Urukiko Rwisumbuye rwabonyemo icyo cyaha nk'uko byibukijwe haruguru, mu gika cya 15, bitagaragaramo ubwo bufatanyacyaha, kuko mu isesengura urwo Rukiko rwakoze, mu rwego rw'ibimenyetso bicukumbuwe gusesengura urubanza, no mu bw'umucamanza (présomptions humaines) n'ubushishozi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 108 y'Itegeko Nº 15/2004 ryo kuwa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo³, hatagaragajwe ko hari ibimenyetso bikomeye,

³ Iyo ngingo ya 108 igira iti: "Ibimenyetso bicukumbuwe no gusesengura urubanza ni ibimenyetso bitacukumbuwe n'amategeko, bicukumburwa

bisobanuye kandi bihuje byagaragaza nta gushidikanya ko Mukaruyange Athanasie yafashije Habumugisha Butoyi igikorwa nyir'izina cy'ubujura buciye icyuho, bityo Mukaruyange Athanasie akaba agomba kugihanagurwaho.

Urukiko rurasanga kandi, ku byerekeye Mukaruyange Athanasie, ubufatanya cyaha mu bujura buciye icyuho, butanashingirwa ku ngingo ya 98, agace ka 3, igika cya 2, y'Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryavuzwe haruguru, iteganya ko, uwahishe inkozi z'ibibi cyangwa uwazifashije guhisha mu buryo butegangwa n'ingingo ya 327 y'iryo Tegeko Ngenga yitwa icyitso, nk'uko Ubushinjacyaha n'uwunganira Rwasibo Mutesi Béatrice babiburanisha, kuko iyo ngingo ya 327, irebana n'ibyo "guhisha ibintu byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoreshwa icyaha" nk'uko byumvikana ku mutwe wayo, ndetse no ku mutwe w'agace (section) ka 10 iyo ngingo ibarizwamo, gatandukanya ibirebana n'iyo ngingo hamwe n'iya 326, iyi yo ikaba irebana no "guhisha ibikomoka ku cyaha", bikaba bigaragara rero ko ibijyanye no guhisha ibikomoka ku cyaha byongeye gushyirwa mu ngingo ya 327 habaye kwibeshya, kuko byari byamaze guteganywa ku buryo bwihariye kandi buhagije mu ngingo ya 326 nk'uko bisobanuwe haruguru.

[28] Urukiko rurasanga rero, ibikorwa byo guhisha ibikomoka ku cyaha Mukaruyange Athanasie yarezwe bigomba gusuzumwa hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 326 y'Itegeko Ngenga N°01/2012/OL ryavuzwe haruguru, harebwa niba koko hari ibimenyetso Urukiko Rwisumbuye rwaba rwarirengagije bigaragaza ko atakoze icyaha cyo guhisha ibikomoka ku cyaha,

n'ubwenge n'ubushishozi bw'abacamanza. Abacamanza bagomba kwemera gusa ibyo bimenyetso iyo bikomeye, bisobanuye kandi bihuje".

ndetse hanashingiwe ku ngingo ya 573 y'iryo Tegeko Ngenga⁴, iteganya icyaha cyo guhisha uwakoze icyaha, akaba ari byo bikorwa yakurikiranyweho kandi yireguyeho mu nkiko zombi yaburaniyemo, ari nabyo bisuzumwa mu cyiciro cya kabiri cy'ikibazo cya kabiri kigize uru rubanza.

[29] Mu kwemeza ko Urukiko Rwisumbuye rwirengagije ibimenyetso bigaragaza ko atigeze akora icyaha, Mukaruyange Athanasie n'umwunganira ntiberekana ibyo bimenyetso byirengagijwe, ahubwo bagaruka ku bisobanuro by'imyitwarire ye kuri Habumugisha Butoyi, bagamije kugaragaza ko iyo myitwarire itabonekamo guhisha ibyibano no guhisha uwakoze icyaha.

[30] Ingingo ya 119 y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, iteganya ko mu manza nshinjabyaha, ibimenyetso bishingira ku mpamvu zose z'ibyabaye n'ibyemejwe n'amategeko, ababuranyi bapfa kuba barahawe uburyo bwo kuhaba ngo banyomozanye. Urukiko ruhamya ku buryo butavuguruzwa ko ibimenyetso byose birega cyangwa biregura ari byo kandi ko bishobora kwemerwa".

[31] Mu bimenyetso byashingiweho n'Urukiko Rwisumbuye, mu kwemeza ko Mukaruyange Athanasie yahishe uwakoze icyaha n'ibigikomokaho, harimo icyo kuba Habumugisha Butoyi yariyemereye mu ibazwa rye mu Bugenzacyaha, akanabisubiramo mu ibazwa rye mu Bushinjacyaha, ko

ku bihumbi ijana(100.000) kugeza kuri miliyoni imwe(1.000.000)".

_

⁴ Iyo ngingo iteganya ko:" Umuntu wese ucumbikira ukurikiranywe cyangwa uwakoze icyaha gikomeye cyangwa cy'ubugome, cyangwa icyitso cye, umushakira ubwihisho cyangwa se ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bwatuma inzego z'ubutabera zimubura, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri(2) kugeza ku myaka itanu(5), n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva

yamenyesheje Mukaruyange Athanasie ko yibye amafaranga aho yakoraga, akamuha igice kimwe ngo akimubikire, akanasobanura ko yamuhaye imishandiko itatu y'amadolari n'amayero atazi umubare, amubwira ko nibamufata azayamuha bakayasubiza nyirayo, ibyo bikajyana n'imvugo y'umutangabuhamya Turatsinze Abdallah wemeje ko yamenye Habumugisha Butoyi amuzaniwe na Mukaruyange Athanasie, ngo amufashe gushaka ikibanza cyo kugura mu Bugesera.

- [32] Urukiko rurasanga, n'ubwo mu Rukiko Habumugisha Butoyi yahinduye imvugo akavuga ko yabeshyeye Mukaruyange Athanasie kubera inkoni yakubitwaga mu ibazwa rye, nta kimenyetso cyagaragajwe cy'uko yaba yarabeshye kubera inkoni, ndetse nta n'ubwo byumvikana ko yaba yarakubitiwe mu rwego rw'Ubugenzacyaha n'urw'Ubushinjacyaha, kandi bigaragara ko ibyo yiyemereye bihura n'ibyo umutangabuhamya Turatsinze Abdallah yemeje nk'uko byibukijwe haruguru.
- [33] Urukiko rurasanga, ibyo Habumugisha Butoyi yari yemeye mbere bihura n'ibyo umutangabuhamya Uwamahoro Sara, wahoze ari umukozi mu rugo kwa Mukaruyange Athanasie, yavuze asobanura ko Mukaruyange Athanasie yacumbikiye Habumugisha Butoyi mu rugo iwe, igihe kitari gito, ibi kandi bikaba bitabura gufatwaho ukuri n'ubwo Mukaruyange Athanasie avuga ko uwo mukozi yavuye iwe batumvikana, mu gihe hari n'undi mutangabuhamya, Manaturikumwe Eric wemeza ko ariwe watwaye Habumugisha Butoyi mu modoka uyu yari yaguze, akamugeza kwa Mukaruyange Athanasie akararayo, ndetse n'imodoka ikaba yararaye hafi aho ku muhanda, aho Mukaruyange Athanasie yari asanzwe araza iye, akaba kandi yemera ko iyo modoka yaharaye koko, n'ubwo avuga ko

Habumugisha Butoyi we yaje gutaha, yo iharara kubera ikibazo yari ifite, nyamara uwari uyitwaye akaba atariko abivuga.

[34] Urukiko rurasanga kandi hari n'ubundi buhamya bwatanzwe n'uwitwa Migezo Jean Bosco, buhuza n'ubwagaragajwe haruguru, aho nawe yasobanuye ko Mukaruyange Athanasie yacumbikiye Habumugisha Butoyi kubera ko yari afite amafaranga menshi, ngo hatagira umugirira nabi.

[35] Urukiko rusanga rero nta bimenyetso Mukaruyange Athanasie agaragaza byirengagijwe mu rubanza 0230/14/TGI/NYGE byagaragaza ko atahishe ibikomoka ku cyaha n'uwagikoze, ahubwo harashingiwe ku bimenyetso bihagije nk'uko byibukijwe haruguru, naho impamvu zashingiweho n'Urwego rw'Umuvunyi ruvuga ko habaye akarengane kuko hatagaragajwe umubare w'amafaranga yahishwe, ngo Mukaruyange Athanasie abe yarayafatanywe, nta shingiro zifite, kuko ibyo atari byo bimenyetso kamara bisabwa n'Itegeko, ahubwo ingingo ya 119 y'Itegeko Nº 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, yibukijwe haruguru, ikaba iteganya ko, mu manza nshinjabyaha, "ibimenyetso bishingira ku mpamvu zose z'ibyabaye n'ibyemejwe n'amategeko...", akaba ari muri ubwo buryo, ukwiyemerera kwa Habumugisha Butoyi, n'imvugo z'abatangabuhamya, bigaragariza Urukiko gushidikanya, ko Mukaruyange Athanasie ahamwa n'ibyaha byo guhisha uwakoze icyaha no guhisha ibikomoka ku cyaha⁵ nk'uko

⁵ Ingingo ya 326 iteganya ko « umuntu wese uhisha, abizi, ibintu cyangwa igice cyabyo, byambuwe, byarigishijwe cyangwa bikomoka ku cyaha kitari icy'ubugome, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu kugeza ku myaka ibiri, n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye incuro kuva kuri ebyiri

yabihamijwe mu rubanza RPA 0230/14/TGI/NYGE, hakaba rero nta karengane karugaragaramo, gashingiye kuba haba harirengagijwe ibimenyetso.

[36] Urukiko rurasanga, n'ubwo Mukaruyange Athanasie ahanaguweho icyaha cy'ubufatanya cyaha mu bujura, nta kigomba guhinduka ku gihano yahawe n'Urukiko Rwisumbuye, kuko ahamwa n'ibyaha byo guhisha ibikomoka ku cyaha no guhisha uwakoze icyaha.

C. Ku bijyanye n'indishyi zasabwe.

- [37] Rwasibo Mutesi Béatrice na Me Munyeshema Napoléon basaba ko, mu gihe Urukiko rwasanga nta karengane kabaye mu rubanza rusabirwa gusubirwamo, Mukaruyange Athanasie yategekwa kwishyura 600.000Frw y'igihembo cya Avoka wamuburaniye ikirego cyihutirwa, na 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka kuri uru rubanza, hamwe na 500.000Frw y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba 2.100.000Frw.
- [38] Me Ngabo Kayijuka avuga ko izo ndishyi nta shingiro zifite, kuko nta cyaha Mukaruyange Athanasie yakoze, ko ahubwo ari Rwasibo Mutesi Béatrice ukwiye kwishyura Mukaruyange Athanasie indishyi z'akababaro zihwanye na 2.000.000Fw, 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka, na 500.000Frw y'ikurikiranarubanza.
- [39] Me Munyeshema Napoléon avuga ko indishyi zisabwa na Mukaruyange Athanasie nta shingiro zifite, kuko Rwasibo Mutesi uzisabwa ariwe ahubwo wakorewe icyaha.

kugeza ku icumi z'agaciro k'ibyahishwe, cyangwa kimwe gusa muriibyo bihano ».

_

UKO URUKIKO RUBIBONA

[40] Urukiko rurasanga indishyi zisabwa n'uburanira Mukaruyange Athanasie zitasuzumwa, kuko adatsinda urubanza, ahubwo hasuzumwa izisabwa na Rwasibo Mutesi Béatrice n'umwunganira.

[41] Urukiko rurasanga, hashingiwe ku ngingo ya 258 cya Gatatu cy'Urwunge rw'amategeko y'Igitabo mbonezamubano, iteganya ko igikorwa cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyiri ugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse, Rwasibo Mutesi Béatrice yagenerwa indishyi z'ikurikiranarubanza n'amafarannga y'igihembo cya Avoka, kuko byumvikana ko hari ibyo yatakaje akurikirana uru rubanza, anahemba avoka. ariko kuko nta bimenyetso bifatika yarugaragarije byakwerekana urugero rw'ibyo yatanze, akaba agomba kugenerwa indishyi mu bushishozi bw'Urukiko, agahabwa 300.000Frw y'ikurikiranarubanza, na 500.000Frw y'igihembo cya Avoka, hamwe n'amafaranga y'igihembo cya Avoka waburanye urubanza rw'Ikirego cyihutirwa, hashingiwe ku ngingo ya 258 yibukijwe haruguru, hamwe n'iya 320 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko indishyi n'ibindi byakozwe mu rubanza bijyanye n'amafaranga umuburanyi vakoresheje mu rubanza ku kirego cyihutirwa, biregerwa hamwe n'ikirego cy'iremezo.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [42] Rwemeje ko ikirego cya Mukaruyange Athanasie cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro kuri bimwe;
- [43] Rwemeje ko adahamwa n'icyaha cy'ubufatanyacyaha mu bujura buciye icyuho;
- [44] Rwemeje ko, mu buryo bw'impurirane y'imbonezamugambi, ahamwa n'icyaha cyo guhisha ibikomoka ku cyaha, hamwe n'icyo guhisha uwakoze icyaha;
- [45] Rumuhanishije igifungo cy'imyaka ibiri (2), gisubitswe mu mwaka umwe(1);
- [46] Ruvuze ko indishyi n'amagarama yaciwe mu rubanza RPA 0230/14/TGI/NYGE bigumyeho;
- [47] Rumutegetse kwishyura Rwasibo Mutesi Béatrice amafaranga 500.000 y'igihembo cya Avoka, na 300.000Frw y'ikurikiranarubanza, hamwe na 500.000Frw y'igihembo cya Avoka waburanye mu rubanza rw'ikirego cyihutirwa rwabanjirije uru;
- [48] Rutegetse ko amagarama y'uru rubanza aherera ku Isanduku ya Leta.



IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO

NDAHUNGA v. MUKAKALISA N'UNDI.

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCAA 0022/15/CS (Nyirinkwaya, P.J; Hitiyaremye na Munyangeri) 15 Ukuboza 2017]

Amategeko agenga umuryango — Umutungo w'umuryango — Imicungire y'umutungo w'umuryango — Ni ihame ku bashyingiranywe kugirana ubwumvikane mbere yo kugurisha umutungo utimukanwa bahuriyeho cyangwa kuwutangaho ubundi burenganzira.

Amategeko agenga umuryango – Igihe ntarengwa cy'umwe mu bashakanye cy'ugutambamira amasezerano yubugure yakozwe ku mutugo basangiye – Igihe ntaregwa umwe mu bashakanye ashobora gutambamira amasezerano y'ubugure k'umutungo wimukanwa ni umwaka umwe(1) naho umutungo utimukanwa n'imyaka itanu (5) – Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 22.

Incamake y'ikibazo: Mukakalisa yareze umugabo we Nduwayo na Ndahunga mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge asaba, asaba gusesa amasezerano y'ubugure bw'inzu bagiranye kuko atigeze ayamenya, urubanza ruburanishwa Nduwayo atitabye ariko yarahamagajwe mu buryo bukurikije amategeko. Urwo rukiko rwemeje ko ikirego cya Mukakalisa nta shingiro gifite.

Mukakalisa yajuririye iki cyemezo mu Rukiko Rukuru, maze urwo Rukiko rwemeza ko rutesheje agaciro ayo masezerano kuko

amasezerano Nduwayo yakoze ubwo yagurishaga inzu, umugore we atayasinyeho ndetse atanayamenye nyamara haragombaga ubwumvikane bwabo bombi nk'uko amategeko abiteganya.

Ndahunga yajuririye uru rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga, avuga ko Urukiko Rukuru rutahaye agaciro inzitizi yatanze yo kutakira ikirego cya Mukakalisa kubera ko yarengeje igihe cyo gutambamira ayo masezerano kuko igihe cy'imyaka itanu umushingamategeko yahaye umwe mu bashyingiranywe cyo gutambamira ibintu bitimukanwa utabonetse ngo agaragaze igitekerezo cye; rero niba atarashoboye kuboneka ku mpamvu zikomeye, icyo gihe cyari gihagije ngo atambamire amasezerano yakozwe n'umugabo we, bityo kuba amasezerano yakozwe mu mwaka wa 2002, akarega mu mwaka wa 2012 hashize imyaka icumi (10) yose, ibi bigaragaza ko amasezeno yari yarabaye ndakuka, ko rwirengagije kandi ibimenyetso bicukumbuye yarushyikirije bigaragaza ko, n'ubwo uregwa atashyize umukono ku masezerano y'ubugure bw'inzu, yari ayazi.

Mukakalisa avuga ko ibyerekeye ibihe byo gutanga ikirego byaburanishijweho mu Rukiko Rukuru, ariko bitigeze bifatwa nk'inzitizi, ubu ikaba itazanwa bwa mbere mu Rukiko rw'Ikirenga, bityo ikaba itakwakirwa. Akomeza asobanura ko atigeze amenya ko umugabo we yakoze amasezerano y'ubugure ku mutungo basangiye kuko yamuhishaga ibintu byose ku buryo bukomeye.

Incamake y'icyemezo: 1. Ni ihame ku bashyingiranywe kugirana ubwumvikane mbere yo kugurisha umutungo utimukanwa bahuriyeho cyangwa kuwutangaho ubundi burenganzira.

2. Igihe ntaregwa umwe mu bashakanye ashobora gutambamira amasezerano y'ubugure ku mutungo wimukanwa ni umwaka

umwe (1) naho umutungo utimukanwa n'imyaka itanu (5), bityo kuba uregwa yamaze imyaka igera ku icumi (10) yose atarakurikirana umutungo we avuga ko wagurishijwe n'umugabo we atabizi bituma amasezerano yabaye hagati y'umugabo we n'uwajuriye atagomba guteshwa agaciro kuko yatinze kuyaregera.

Ubujurire bufite ishingiro Amasezerano agumanye agaciro kayo.

Amategeko yashingiweho

Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 17,21 na 22.

Nta manza z'ifashishijwe

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, Mukakalisa Dancille arega umugabo we Nduwayo Nathan na Ndahunga Jean Marie Vianney, asaba ko amasezerano y'ubugure bw'inzu iri mu kibanza n° 5798 bagiranye ku itariki ya 08/02/2002 aseswa kuko atigeze ayamenya, urubanza ruburanishwa Nduwayo Nathan adahari kuko atitabye Urukiko kandi yarahamagajwe ku buryo bukurikije amategeko.

- [2] Ku itariki ya 21/06/2013, Urukiko rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Mukakalisa Dancille nta shingiro gifite kuko atabashije kugaragaza icyo yakoze ubwo yabonaga Ndahunga Jean Marie Vianney yubaka mu kibanza yaguze n'umugabo we mu gihe uyu yari yaragiye hanze, mu gihe abashyingiranywe bafite ububasha bungana bwo gukurikirana umutungo wabo no kuwuhagararira, rugenera Ndahunga Jean Marie Vianney indishyi z'akababaro n'igihembo cya Avoka.
- [3] Mukakalisa Dancille yajuririye iki cyemezo mu Rukiko Rukuru, maze ku itariki ya 15/05/2015 urwo Rukiko rwemeza ko ubujurire bwe bufite ishingiro, rutesha agaciro amasezerano yakozwe n'umugabo we Nduwayo Nathan wenyine agurisha inzu iri mu kibanza n° 5798 na Ndahunga Jean Marie Vianney kuko umugore we atayasinyeho ndetse atanayamenye nyamara haragombaga ubwumvikane bwabo bombi nk'uko amategeko abiteganya.
- [4] Ndahunga Jean Marie Vianney yajuririye uru rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga, avuga ko Urukiko Rukuru rutahaye agaciro inzitizi yatanze yo kutakira ikirego cya Mukakalisa Dancille kubera ko yarengeje igihe cyo kurega, rwirengagiza ibimenyetso bicukumbuye yatanze bigaragaza ko, n'ubwo Mukakalisa Dancille atashyize umukono ku masezerano y'ubugure bw'inzu, yari ayazi. Avuga kandi ko Urukiko rwemeje ko amasezerano y'ubugure bw'iyo nzu aseswa, ariko ntirwamugenera amafaranga ahwanye n'agaciro k'ibikorwa yashyize kuri iyo nzu no muri icyo kibanza nk'uko raporo y'umuhanga ibigaragaza.
- [5] Iburanisha ry'urubanza ryabaye mu ruhame ku itariki ya 18/07/2017, Ndahunga Jean Marie Vianney ahagarariwe na Me Ndagijimana Emmanuel, Mukakalisa Dancille ahagarariwe na Me Habimana Pie, Nduwayo Nathan atitabye ariko

yarahamagawe ahatazwi. Kuri uwo munsi, Me Habimana Pie yabyukije inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, ku itariki ya 15/09/2017 Urukiko rufata icyemezo ko iyo nzitizi nta shingiro ifite, rutegeka ko iburanisha ry'urubanza mu mizi rizakomeza ku itariki ya 14/11/2017.

[6] Uwo munsi ababuranyi bitabye Urukiko, Ndahunga Jean Marie Vianney ahagarariwe na Me Ndagijimana Emmanuel afatanyije na Me Rukundo Emile, Mukakalisa Dancille ahagarariwe na Me Habimana Pie, Nduwayo Nathan adahari ariko yarahamagajwe ahatazwi mu buryo bukurikije amategeko.

II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

Kumenya niba Mukakalisa Dancille yararengeje igihe cyo kuregera amasezerano yakozwe n'umugabo we Nduwayo Nathan.

- [7] Me Rukundo Emile avuga ko impamvu ya mbere y'ubujurire ya Ndahunga Jean Marie Vianney aburanira, ari uko Urukiko Rukuru rutahaye agaciro inzitizi yari yatanze avuga ko ikirego cya Mukakalisa Dancille kitagombaga kwakirwa kubera ko yarengeje igihe cyo kurega, ikaba idatanzwe bwa mbere mu Rukiko rw'Ikirenga nk'uko uregwa abivuga kuko bigaragara ko umucamanza yayisuzumye (urupapuro rwa 5, igika cya 18, urubanza RCA 0415/13/HC/KIG).
- [8] Me Rukundo Emile akomeza asobanura ko nk'uko biteganywa n'ingingo ya 22 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya

gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, umushingamategeko yahaye igihe cy'imyaka itanu (5) umwe mu bashyingiranywe wagombaga kwemera amasezerano utabonetse ngo agaragaze igitekerezo cye; bityo rero niba Mukakalisa Dancille atarashoboye kuboneka ku mpamvu zikomeye, icyo gihe cyari gihagije ngo atambamire amasezerano yakozwe n'umugabo we. Akomeza avuga ko ibi bihura n'ibiteganyijwe mu ngingo ya 17 y'Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryavuzwe haruguru, riteganya ko abashakanye bafite ububasha bungana bwo gukurikirana umutungo wabo no kuwuhagararira.

- [9] Indi mpamvu y'ubujurire itangwa na Ndahunga Jean Marie Vianney nk'uko Me Rukundo Emile umuburanira abivuga, ni uko ibimenyetso bicukumbuye bigaragaza ko nta kuntu Mukakalisa Dancille ataba yaramenye ko ubugure bwabayeho nk'umuntu wasigaye mu gihugu mu gihe umugabo we atari ahari, ni uko niba yari azi ko inzu ikodeshwa nk'uko abivuga, akabona yarasenywe yubatswe bundi bushya kandi yari azi ko ari iye, aba yarabikurikiranye kuko yari afite uburenganzira bungana n'ubw'umugabo we mu guhagararira umutungo no kuwucunga; kuba rero ntacyo yakoze mu gihe cy'imyaka itanu (5) iteganywa n'amategeko, byerekana ko yari azi ubwo bugure.
- [10] Me Rukundo Emile avuga ko ikigaragaza ko Ndahunga Jean Marie Vianney afite uburenganzira ku kibanza yaguze, ni uko yemerewe kucyubakamo ubwo ubuyobozi bwandikiraga nyiri igaraji iri muri icyo kibanza bumwemerera kubaka urukuta no gukotera, nyuma agahabwa uburenganzira bwo gukora no mu igaraji.
- [11] Kuri izi ngingo z'ubujurire, Me Ndagijimana Emmanuel nawe wunganira Ndahunga Jean Marie Vianney yongeraho ko

amasezerano umukiriya (client) yagiranye na Nduwayo Nathan ari inyandikomvaho kuko yakorewe imbere ya Noteri, ibyangombwa uwagurishije yatanze bikaba bigaragaza ko umutungo ari uwe ku giti cye, ntiyerekana ko afite umugore cyangwa ko ari ingaragu. Akomeza avuga ko ubwo Ndahunga Jean Marie Vianney yaguraga iki kibanza cyarimo akazu aragasenya nyuma ahashyira igaraji (garage), kandi muri icyo gihe Mukakalisa Dancille yahanyuraga buri munsi ajya ku kazi kuko ari ku nzira ijya kuri Bralirwa aho yakoraga, nyamara ntiyigera avuga ko umutungo ari uwe.

- [12] Me Ndagijimana Emmanuel akomeza avuga ko Ndahunga Jean Marie Vianney yagiranye amasezerano na Nduwayo Nathan mu mwaka wa 2002, Mukakalisa Dancille arega mu mwaka wa 2012 hashize imyaka icumi (10) yose, ibi bikaba bigaragaza ko amasezeno yari yarabaye ndakuka; Urukiko Rukuru rero rukaba rwarumvise nabi ingingo ya 22, igika cya 3, y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryavuzwe haruguru kuko rwavuze ko Nduwayo Nathan atagaragaje impamvu umugore we atabonetse ngo amusinyire.
- [13] Ku byerekeye ibimenyetso bicukumbuye bigaragaza ko Mukakalisa Dancille yamenye amasezerano yakozwe n'umugabo we, Me Ndagijimana Emmanuel avuga ko nyuma yo kugurisha, Nduwayo Nathan yagiye i Burayi, uwaguze yubaka igaraji ndetse akajya atanga umusoro w'ubukode (impôt locatif) n'uw'ubutaka (impôt foncier), ibi byose bikaba byerekana ko Mukakalisa Dancille yamenye aya masezerano.
- [14] Me Ndagijimana Emmanuel arangiza asaba ko mu gihe Urukiko rwasanga ari ngombwa gusesa amasezerano y'ubugure yabaye hagati ya Nduwayo Nathan na Ndahunga Jean Marie Vianney, umutungo uburanwa ugasubira mu maboko ya

Mukakalisa Dancille, rwamutegeka gusubiza Ndahunga Jean Marie Vianney 177.533.575Frw zihawanye n'agaciro k'ibyo yakoze muri uwo mutungo nk'uko kagaragazwa na raporo y'umugenagaciro iri muri dosiye, ibi bikaba ari mu rwego rwo kwirinda ubukungahare budakwiye (enrichissement sans cause), cyane cyane ko Ndahunga Jean Marie Vianney yaguze uwo mutungo nta buryarya.

- [15] Me Habimana Pie uburanira Mukakalisa Dancille, avuga ko ibyerekeye ibihe byo gutanga ikirego byaburanishijweho mu Rukiko Rukuru, ariko bitigeze bifatwa nk'inzitizi, ubu ikaba itazanwa bwa mbere mu Rukiko rw'Ikirenga. Akomeza avuga ko ingingo ya 21 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryavuzwe haruguru ishyiraho ihame ry'uko igihe cyose hari umutungo ugiye kugurishwa, umwe mu bashyingiranywe abimenyeshwa, naho iya 22 y'iryo Tegeko igashyiraho irengayobora (exception) yerekeranye n'igihe umwe mu bashyingiranywe atabonetse.
- [16] Me Habimana avuga ko Ndahunga Jean Marie Vianney atari gusinya ku masezerano atabanje kubaza umugore w'uwo bayakoranye kandi abona ari umugabo washatse, nk'uko n'ubundi umuntu ugiye kugura akora iperereza ku mutungo agiye kugura, naho ibivugwa mu ngingo ya 17 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryakomeje kuvugwa bikaba bitakoreshwa muri uru rubanza kuko iyi ngingo igena uburyo umutungo w'abashakanye ucungwa n'uburyo bawikuraho.
- [17] Ku birebana n'ibimenyetso bicukumbuye abo baburana bavuga ko bigaragaza ko Mukakalisa Dancille yamenye amasezerano yakozwe n'umugabo we, Me Habimana Pie avuga ko ibyo bavuga nta shingiro bifite kuko byashobokaga cyane kutamenya ibyakozwe ku kibanza cyagurishijwe bitewe n'uko

aho kiri atari ho Mukakalisa Dancille atuye ; naho kuba Ndahunga Jean Marie Vianney ari we wishyura umusoro, asanga ibyo atabyitwaza kuko ibyo atari uburyo buteganyijwe bwo kwegukana umutungo (moyen d'acquisition de la propriété).

- [18] Me Habimana Pie arangiza avuga ko mu gihe amasezerano yaba asheshwe ntacyo Mukakalisa Dancille yasubiza Ndahunga Jean Marie Vianney, kuko ibintu byasubira uko byari bimeze mbere y'isinywa ry'ayo masezerano, agasanga ibyo basaba biri hanze y'ikiburanwa.
- [19] Mukakalisa Dancille wari witabiriye iburanisha yabajijwe n'Urukiko ku byerekeye uru rubanza, asobanura ko atigeze amenya ko umugabo we yagurishije inzu n'ikibanza yarimo biburanwa, kuko yamuhishaga ibintu byose ku buryo bukomeye, akaba ahubwo yari yaramubwiye ko aha hantu ahakodesha nawe arabyemera. Akomeza avuga ko koko muri icyo gihe yakoreraga hafi aho, ko ariko nta kuntu yari kumenya ko hagurishijwe, ko yabimenye mu gihe cyo kwandikisha ubutaka, ari nabwo yumvise bivugwa ko umugabo we yari yaratangiye gufata amafaranga na mbere y'umwaka wa 2002.
- [20] Ku byerekeranye no kuba hari amafaranga y'ubukode Mukakalisa Dancille yaba yarigeze asaba Ndahunga Jean Marie Vianney mu gihe umugabo we Nduwayo Nathan yari yaragiye hanze y'igihugu, avuga ko yagiye ku Murenge wa Kicukiro kubaza ukodesha ikibanza n'inzu biburanwa agasanga koko ari Ndahunga Jean Marie Vianney ndetse anahasorera, abajije umuzamu uko yamubona amubwira ko atazi iwe, ko rero nta n'uburyo yari kumwandikira atazi aho abarizwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA.

- [21] Ingingo ya 17, igika cya kabiri, y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura ryakurikizwaga ubwo Nduwayo Nathan yagiranaga amasezerano y'ubugure na Ndahunga Jean Marie Vianney, iteganya ko « Mu buryo bw'ivangamutungo rusange cyangwa ubw'ivangamutungo w'umuhahano, abashyingiranywe bumvikana ku ucunga umutungo bahuriyeho, bafite kandi ububasha bungana bwo kuwukurikirana no kuwuhagararira ».
- [22] Ingingo ya 21 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 rimaze kuvugwa, iteganya ko "Uko imicungire y'umutungo n'uburyo bawucunga byaba bimeze kose, ubwumvikane bw'abashyingiranywe ari ngombwa mu gutanga ikitimukanwa bwite n'umutungo bahuriyeho no kubitangaho ubundi burenganzira".
- [23] Ingingo ya 22 y'iryo Tegeko, igira iti "Umwe mu bashyingiranywe wagize amasezerano ku mutungo agomba ubwumvikane bwabo bombi, agomba mu gihe cyo kuyakora cyangwa mu gihe cy'amezi atandatu akurikira, gusaba uwo bashyingiranywe ko ayemera. Iryo yemera rimenyeshwa mu nyandiko uwo bagiranye amasezerano; iyo nta gisubizo yatanze nyuma y'ukwezi gukurikira umunsi yabimenyesherejweho, ukwemera kwe gufatwa nk'aho kwatanzwe mu buryo budasubirwaho. Iyo uwagombaga kubyemera atabashije kuboneka cyangwa kugaragaza igitekerezo cye abitewe n'impamvu zikomeye, amasezerano aba ntakuka iyo hashize

umwaka umwe (1) ku bintu byimukanwa n'imyaka itanu (5) ku bintu bitimukanwa".

- [24] Isesengura ry'ingingo ya 21 n'iya 22 zimaze kuvugwa, ryumvikanisha ko ari ihame ku bashyingiranywe kugirana ubwumvikane mbere yo gutanga (donation) umutungo utimukanwa bahuriyeho cyangwa kuwutangaho ubundi burenganzira (kuwutangaho ingwate, kuwugurisha...), igihe amasezerano yakozwe n'umwe muri bo, akaba agomba kuyamenyesha mugenzi we kugira ngo agaragaze ko ayemera, uwo bagiranye amasezerano akabimenyeshwa. Igihe umwe mu bashyingiranywe adashoboye kuboneka ku mpamvu iyo ari yo yose ngo agaragaze ukwemera kwe, umushingamategeko yashyizeho igihe cy'umwaka umwe (1) ku bintu byimukanwa, n'imyaka itanu (5) ku bintu bitimukanwa kugira amasezerano yakozwe umwe mu bashyingiranywe adahari agaragaze ko ayemera cyangwa atayemera, haba nta gikozwe muri icyo gihe, ayo masezerana akaba ndakuka. Iki gihe nicyo umushingamategeko yasanze gikwiye kugira ngo umwe mu bashakanye utarabashije kugaragaza ko yemera amasezerano yakozwe na mugenzi we adahari abe yasaba ko ateshwa agaciro mu gihe asanze atayemera. Ibi bikaba ari ngombwa kandi ku ruhande rw'uwaguze kugira ngo yumve atekanye mu buryo bwo gukoresha umutungo we atikanga ko igihe icyo aricyo cyose hazagira uza kuwutambamira.
- [25] Ku byerekeranye n'uru rubanza, inyandiko ziri muri dosiye zigaragaza ko ku itariki ya 08/02/2002, Nduwayo Nathan, umugabo wa Mukakalisa Dancille, yagiranye amasezerano na Ndahunga Jean Marie Vianney amugurisha inzu iri mu kibanza N° 5798 kiri mu Mudugudu w'Amajyambere, Akagari ka Gasharu, Umurenge wa Kicukiro, Akarere ka Kicukiro, mu

Mujyi wa Kigali, ku mafaranga miliyoni zirindwi n'ibihumbi magana atanu (7.500.000Frw), hari abatangabuhamya Niyonzima Fidèle, Umugwaneza Miriam, Kobusingye Penina na Uwayezu Dorothy.

Izo nyandiko zigaragaza kandi ko ku itariki ya 07/12/2012 Mukakalisa Dancille yaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge asaba gutesha agaciro amasezerano y'ubugure bw'ikibanza n° 5798 kirimo igaraje (garage) kiri mu Mudugudu w'Amajyambere, Akagari ka Gasharu, Umurenge wa Kicukiro, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali, bwabaye hagati ya Nduwayo Nathan na Ndahunga Jean Marie Vianney kubera ko uwagurishije yari umugabo we wemewe n'amategeko, akaba yaragurishije atabizi, arangije yigira i Burayi. Mu mwanzuro we wakozwe na Me Mukamisha Claudine, Mukakalisa Dancille yasobanuye ko yakomeje kwibwira ko inzu ari iyabo kuko atari varamenyeshejwe ubwo bugure kugeza ubwo kwandikisha ubutaka agahurirayo n'umugore wa Nduwayo Jean Marie Vianney nawe wari uje kwandikisha aho hantu, ndetse asobanura ko impamvu atakurikiranye uwo mutungo ari uko yibwiraga ko umugabo we ari we yari yarahakodesheje akajya afata amafaranga yaho ngo yite ku bana babo bari barajyanye.

[27] Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwemeje ko ikirego cya Mukakalisa Dancille nta shingiro gifite kubera ko hari inyubako zazamuwe kuri ubu butaka hamaze gusenywa izarimo ahari arebera ntagire icyo akora ngo akurikirane abubakaga, nyamara yari afite uburenganzira bungana n'ubw'umugabo we bwo gucunga umutungo wabo, naho iby'uko umugabo we yamubwiye ko yahakodesheje by'igihe kirekire akaba atabitangira ikimenyetso¹. Urukiko Rukuru rwo rwasanze

¹ Reba urubanza RC 0014/13/TGI/NYGE igika cya 7, Urupapuro rwa 2

amasezerano yabaye hagati ya Ndahunga Jean Marie Vianney na Nduwayo Nathan akwiye guteshwa agaciro kubera ko Mukakalisa Dancille atagaragaje ukwemera kwe nk'uko biteganywa mu ngingo ya 22 y'Itegeko ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashakanye yibukijwe haruguru ibigaragaza².

[28] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga koko mu gihe cyo gukora amasezerano, Nduwayo Nathan ataramenyesheje umugore we Mukakalisa Dancille ngo agaragaze ukwemera kwe kuko atanagaragara mu bayashyizeho umukono, nta n'ikindi kimenyetso gihari cyerekana ko nyuma yo kuyakora yabimumenyesheje kugeza ajya i Burayi mu kwezi kwa 03/2003.

rw'Ikirenga [29] Urukiko rurasanga ariko. n'ubwo Mukakalisa Dancille atamenyeshejwe n'umugabo we Nduwayo Nathan amasezerano y'ubugure yagiranye na Ndahunga Jean Marie Vianney ku mutungo bari basangiye ku mpamvu iyo ariyo yose, yari afite igihe kingana n'imyaka itanu (5) kugira ngo akurikirane umutungo we nk'uko biteganyanywa n'ingingo ya 22 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 yavuzwe haruguru, cyane cyane ko yari amaze kubona ko umugabo we avuga ko batumvikanaga agiye i Burayi, akaba yari afite ububasha bwo kuwukurikirana no kuwuhagararira ahabwa n'ingingo ya 17 y'Itegako rimaze kuvugwa. Kuba rero Mukakalisa Dancille wagombaga kugira icyo avuga ku masezerano y'ubugure yabaye hagati y'umugabo we Nduwayo Nathan na Ndahunga Jean Marie Vianney hagashira imyaka irenga itanu (5) ntacyo akoze, bivuze ko ayo maserano yabaye ndakuka bityo akaba adashobora guseswa ku mpamvu y'uko gusa atayemeye ubwo yakorwaga.

 $^{^2}$ Reba urubanza RCA 0415/13/HC/KIG, igika cya 13, urupapuro rwa 4.

- [30] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga imyumvire y'Urukiko Rukuru y'uko ingingo ya 17 y'Itegeko ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe ryibukijwe haruguru ireba gusa uburenganzira bwo gucunga umutungo abashyingiranywe basangiye (gestion du patrimoine commun) atari yo, kuko iyo ngingo ivuga neza ko bafite uburenganzira bungana bwo kuwukurikirana no kuwuhagararira, akaba ari yo yahaga Mukakalisa Dancille uburenganzira bwo gukurikirana umutungo asangiye n'umugabo we Ndahunga Nathan ubwo atari ahari, cyane cyane ko yemereye Urukiko ko aho hantu yahanyuraga ajya ku kazi, bikaba bitumvikana ukuntu atabonaga ko hari izindi nyubako ziri kubakwamo kugira ngo agire icyo akora.
- [31] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga kandi ibyo Urukiko Rukuru rwemeje mu gika cya 17 ko "nta gihe ntarengwa cyateganyijwe n'itegeko cyo kuba umwe mu bashakanye yakurikirana uburenganzira yavukijwe buteganywa mu ngingo ya 22 yavuzwe haruguru" atari byo, kuko nk'uko byagaragajwe haruguru, umushingamategeko yashyizeho igihe cy'umwaka (1) ku bintu byimukanwa n'igihe cy'imyaka itanu (5) ku mutungo utimukanwa ngo amasezerano abe ndakuka ku washyingiwe utarabashije kugaragaza ukwemera kwe ku masezerano yakozwe na mugenzi we mu gihe atabashije kuboneka cyangwa hari impamvu zikomeye zatumye atabasha kugaragaza igitekerezo cye, iki gihe kikaba giteganyijwe ngo uwumva afite uburenganzira abukurikirane.
- [32] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga rero, niba itegeko rivuga ko uwagombaga kwemera amasezerano y'ubugure yakozwe n'uwo bashakanye atabashije kuboneka cyangwa kugaragaza igitekerezo cye abitewe n'impamvu zikomeye, amasezerano aba ntakuka iyo hashize umwaka umwe (1) ku bintu byimukanwa

n'imyaka itanu (5) ku bintu bitimukanwa, bitumvikana ahubwo ukuntu Mukakalisa Dancille we uvuga ko yari ahari, yamara imyaka igera ku icumi (10) yose atarakurikirana umutungo we avuga ko wagurishijwe n'umugabo we atabizi.

- [33] Hashingiwe ku bisobanuro no ku mategeko byagaragajwe haruguru, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga amasezerano y'ubugure bw'inzu iri mu kibanza n° 5798 giherereye mu Mudugudu w'Amajyambere, Akagari ka Gasharu, Umurenge wa Kicukiro, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali, yabaye hagati ya Nduwayo Nathan na Ndahunga Jean Marie Vianney ku itariki ya 08/02/2002 atagomba guteshwa agaciro kuko Mukakalisa Dancille yatinze kuyaregera, bityo akaba agumanye agaciro kayo.
- [34] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga atari ngombwa gusuzuma ingingo irebana no kuba Mukakalisa Dancille agomba gusubiza Ndahunga Jean Marie Vianney amafaranga ahwanye n'agaciro k'ibyo yongeye ku mutungo uburanwa kubera ko amasezerano yaregeraga ko aseswa agumanye agaciro kayo.

Kumenya niba ababuranyi bakwiye guhabwa indishyi basaba.

[35] Me Habimana Pie asaba ko kuri uru rwego Mukakalisa Dancille ahabwa miliyoni imwe (1.000.000Frw) y'amafaranga y'u Rwanda ahanye n'igihembo cya Avoka n'ibihumbi magana atatu (300.000Frw) y'ikurikiranarubanza. Asaba kandi ko ahabwa miliyoni makumyabiri (20.000.000Frw) y'indishyi z'akababaro kubera agahinda aterwa n'uko atari mu mutungo we kandi ari umukecuru, akaba abayeho nabi, ndetse agasubizwa ibihumbi icumi (10.000Frw) yatanzeho igarama mu Rukiko Rwisumbuye no mu Rukiko Rukuru.

- [36] Me Rukundo Emile avuga ko ntacyo avuga kuri izi ndishyi kuko Ndahunga Jean Marie Vianney asaba ko amasezerano ahabwa agaciro, ahubwo mu mwanzuro yakoze afatanyije na Me Ndagijimana Emmanuel, basaba ko Mukakalisa Dancille na Nduwayo Nathan bategekwa kwishyura Ndahunga Jean Marie Vianney amafaranga y'ikurikiranarubanza angana na miliyoni ebyiri (2.000.000Frw) n'igihembo cya Avoka kingana na miliyoni eshanu (5.000.000Frw) hamwe n'indishyi z'akababaro zingana na miliyoni icumi (10.000.000Frw).
- [37] Ku birebana n'indishyi zisabwa na Ndahunga Jean Marie Vianney, mu nama ntegurarubanza Me Habimana Pie yavuze ko zidakwiye kuko Ndahunga Jean Marie Vianney yakoze amakosa yo kugura na Nduwayo Nathan umugore we adahari, akaba atakuririra ku makosa ye ngo agire ibyo asaba (Nul ne peut invoquer sa propre turpitude).

UKO URUKIKO RUBIBONA

[38] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga Mukakalisa Dancille nta ndishyi akwiye guhabwa kuko atsinzwe n'urubanza, ahubwo akaba agomba gufatanya na Nduwayo Nathan kwishyura Ndahunga Jean Marie Vianney amafaranga yakoresheje mu kwishyura Abavoka bamuburanira. Ariko kubera ko ayo yaka ari menshi, bakaba bagomba gufatanya kumuha miliyoni imwe (1.000.000Frw) akubiyemo igihembo Avoka cya n'ay'ikurikiranarubanza. Urukiko indishyi rurasanga z'akababaro Ndahunga Jean Marie Vianney yaka adakwiye kuzihabwa kuko atabashije kuzisobanura.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [39] Rwemeje ko ubujurire bwa Ndahunga Jean Marie Vianney bufite ishingiro ;
- [40] Rwemeje ko amasezerano y'ubugure bw'inzu iri mu kibanza n° 5798 giherereye mu Mudugudu w'Amajyambere, Akagari ka Gasharu, Umurenge wa Kicukiro, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali, yabaye hagati ya Ndahunga Jean Marie Vianney na Nduwayo Nathan ku itariki ya 08/02/2002 agumanye agaciro kayo ;
- [41] Rwemeje ko urubanza n° RCA 0415/13/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku itariki ya 15/05/2015 ruhindutse mu ngingo zarwo zose ;
- [42] Rutegetse Mukakalisa Dancille na Nduwayo Nathan guha Ndahunga Jean Marie Vianney miliyoni imwe (1.000.000 Frw) akubiyemo igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza;
- [43] Rutegetse Mukakalisa Dancille na Nduwayo Nathan gusubiza Ndahunga Jean Marie Vianney amafaranga ibihumbi ijana (100.000 Frw) y'ingwate y'amagarama yatanze muri uru Rukiko.

IMANZA Z'UBUCURUZI

HABIMANA N'UNDI v. ASIIMWE N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMAA 00031/2016/SC - RCOMAA 00036/16/CS (Nyirinkwaya, P.J., Karimunda na Ngagi, J.) 29 Kamena 2018]

Ingwate – Impaka zirebana n'igenagaciro ry'ingwate – Mu gihe habaye kutemeranya ku igenagaciro ry'ingwate hagati y'uwatanze ingwate n'ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate, ku busabe bw'ukeka ko yarenganye hakorwa irindi genagaciro.

Ingwate – Iyo ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate y'ihaye inshingano z'Umwanditsi Mukuru atabiherewe ububasha n'uwo Amabwiriza ateganya aba arengereye inshingano ze.

Ingwate — Ingaruka z'ugutesha cyamunara agaciro — Iyo cyamunara iteshejwe agaciro, ibintu bisubira uko byari bimeze mbere yuko cyamunara iba.

Incamake y'ikibazo: Asiimwe Frank yahawe inguzanyo na Bank of Kigali Ltd (BK), nawe ayiha ingwate y'inzu ye ifite agaciro ka 121.000.000Frw, yandikishwa muri RDB. Iyi nguzanyo ntiyishyuwe nk'uko bikwiye, maze uwahawe ingwate asaba Umwanditsi Mukuru muri RDB gushyiraho ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate, bityo ashyiraho Me Habimana, ari nawe wagurishije iyo ngwate muri cyamunara.

Ibibazo byatangiye kuvuka ubwo ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate yashyizeho umugenagaciro mushyashya wakoze irindi genagaciro ritandukanye n'iryakozwe mu gihe yahabwaga inguzanyo yemeza ko inzu ifite agaciro kangana na

65.197.200Frw, mu gihe yari yarahawe agaciro ka 121.000.000Frw ubwo yandikishwaga muri RDB, ibyo byatumye uwatanze ingwate yandikira *Regulatory Council for Property Valuation* asaba ko hashyirwaho abandi bagenagaciro ku nzu ye kuko atemeraga igenagaciro ryakoreshejwe n'ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate, abimenyesha Umwanditsi Mukuru n' ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate, ariko icyo kigo nticyamusubiza kugera aho cyamunara ikozwe, iyo ngwate ikagurishwa ku giciro cya 55.000.000Frw.

Ibi byatumye uwatanze ingwate aregara Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge asaba gutesha agaciro iyo cyamunara. Urwo Rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko iyo cyamunara iteshejwe agaciro ku mpamvu yuko hatubahirijwe Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru agenga ibyerekeye gukodesha, kugurisha muri cyamunara ndetse no kwegukana ingwate, rutegeka ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate, Bank of Kigali Ltd, Regulatory Council for Property Valuation n'Umwanditsi Mukuru wa RDB, buri wese kumwishyura indishyi z'akababaro n'ay'ikurikiranarubanza.

Uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate yajuririye mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi avuga ko urukiko rwatesheje agaciro cyamunara ntaho rushingiye, avuga kandi ko rwageneye uwareze indishyi zidafite aho zishingiye. Bank of Kigali Ltd nayo yajuriye inenga kuba Urukiko rwaremeje ko cyamunara iseswa, no kuba rwarategetse ko igomba gutanga indishyi rutagaragaje ikosa yakoze ryatuma izitanga, ivuga ko nta ruhare na rumwe yagize mu migendekere ya cyamunara. Uru rukiko rwemeje ko ubujurire bw' uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate nta shingiro bufite naho ubwa Bank of Kigali Ltd bufite ishingiro ku bijyanye n'uko nta ndishyi igomba gucibwa.

Uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate na Bank of Kigali Ltd ntibishimiye imikirize y'urubanza, maze buri umwe ajurira mu Rukiko rw'Ikirenga, naho uwatanze ingwate, Uwaguze inzu na Regulatory Council for Property Valuation nabo buri umwe yatanze ubujurire bwuririye ku bundi.

Mu bujurire bwe, uwashinzwe gucunga no kugurisha ingwata avuga ko inkiko zibanza zitagombaga gutesha agaciro cyamunara ku mpamvu yuko ingwate yagurishijwe ku gaciro gato kuko iyo ny'irimutungo atishimiye igenagaciro ryakozwe asaba ko hakorwa irindi genagaciro cyamunara igahagarara, ko igihe atabikoze ibyo bitabazwa ushinzwe kugurisha ingwate kuko atari we uba wakoze iryo genagaciro ngo anaryemeze kandi ko iyo bigaragaye ko agaciro kagenwe ari gato ku giciro nyakuri, icyo gihe inyandiko yemeza Amabwiriza n'icyemezo cy'Umwanditsi Mukuru cyemeza cyamunara nibyo biteshwa agaciro.

Uwatanze ingwate avuga ko nta cyari gutuma cyamunara ikomeza mu gihe ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate yabonaga ko nyir'umutungo yari yasabye Urwego rubishizwe ko habanza gukorwa irindi genagaciro kandi ko mu inkiko haburanwaga gutesha agaciro cyamunara yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kuko yari yaramaze gukorwa, ko mu byo aregwa harimo "conflit d'intérets" kuko yakoze inshingano za 'receiver' n'iz'umuhesha w'inkiko icyarimwe, asoza avuga ko adahakana ko ingwate ari iya Bank of Kigali Ltd, ariko avuga ko iyo ngwate ikwiye guhabwa agaciro kayo.

Ku ingingo yo kumenya niba kuba ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate ariwe wamenyesheje Amabwiriza y'igurisha muri cyamunara mu mwanya w'Umwanditsi Mukuru yaba impamvu yo gutesha agaciro cyamunara, uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate avuga ko Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru ateganya kugenerwa kopi kandi ko

Umwanditsi Mukuru amenyesha uko ashaka, ko kuba bikozwe na ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate ntacyo byangirije kandi ko Urukiko rwaragombaga kugaragaza icyo uwatanze ingwate yahombejwe no kuba Umwanditsi Mukuru atariwe wamushyikirije mu ntoki ze inyandiko y'Amabwiriza.

Naho uwatanze ingwate avuga ko Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru muri RDB ateganya ko Umwanditsi Mukuru ariwe ugenera kopi y'inyandiko y'amabwiriza y'igurisha uwatanze ingwate ndetse n'uwahawe ingwate bitarenze amasaha 16 y'akazi amaze kuyemeza, bityo kuba yayihawe n'ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate, nukuvuga ko yakoze inshingano z'Umuhesha w'Inkiko kandi nabwo ntiyubahiriza igihe giteganywa n'Amabwiriza kuko we yayamenyeshejwe nyuma y'iminsi itanu aho kuba amasaha 16 ateganywa n'amategeko. Akomeza asobanura ko gutesha agaciro cyamunara bidasaba ko umuntu agaragaza icyo yangirijwe, ahubwo iyo Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru atubahirijwe, cyamunara igomba guteshwa agaciro.

Kuri iyi ngingo, uwaguze inzu muri cyamunara na Bank of Kigali Ltd, bahuza n'uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate ko kuba ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate ariwe wamenyesheje uwatanze ingwate amabwiriza y'igurisha muri cyamunara mu mwanya w'Umwanditsi Mukuru Atari impamvu yo gutesha agaciro cyamunara kuko icyari kigamijwe ari ukugira ngo amenyeshwe amabwiriza kandi akaba yarayamenye, icyari kigamijwe cyagezweho.

Mu bujurire bwa Bank of Kigali Ltd ivuga ko urukiko rubanza rwitiranyije inshingano z'inzego zarebwaga na cyamunara n'iz'uwahawe uburenganzira bwo kugurisha ingwate, bituma rugera ku mwanzuro utari wo, ko rutayigeneye indishyi z'ugushyorwa mu manza ku maherere kandi rwaremeje ko nta

makosa yakoze muri cyamunara kandi ko rwafashe icyemezo cyo gusesa cyamunara ariko ntirwasobanura uko bizagenda nyuma y'aho kuri yo yari yarahawe ingwate.

Uwatanze ingwate avuga ko ibyo iyo banki ivuga nta shingiro bikwiye guhabwa kubera ko itaburanira izo nzego, zinahagarariwe mu iburanisha kandi ko atari we watumye Bank of Kigali Ltd ishorwa mu manza ahubwo byatewe n'uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate kandi ko kuvuga uko ibintu bizagenda nyuma yo gusesa cyamunara atari byo byaregewe, ndetse ko nta n'uwasabye ko urukiko rubifataho icyemezo.

Mu bujurire bwuririye ku bundi bw' uwatanze ingwate, avuga ko ashingiye ku guteza cyamunara inzu ye muburyo bunyuranyije n'amategeko hari ingaruka byamugizeho, asaba ko uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate ko yamuha indishyi zitandukanye.

Uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate avuga ko izo indishyi atazigenerwa kuko yananiwe kwishyura umwenda bituma habaho kurangiza urubanza ku ngufu akaba ariwe ugomba kwirengera ingaruka zabyo.

Uwaguze inzu, mu bujurire bwe bwuririye ku bundi avuga ko Urukiko rusanze amakosa yarakozwe n'uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate yategekwa gutanga indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka. Akomeza avuga ko rusanze cyamunara itarakurikije amategeko rwategeka Bank of Kigali Ltd gusubiza amafaranga yishyuwe muri cyamunara kandi ko yamuha amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka kuko kuba ari mu bujuririre bishingiye ku kirego yashowemo nayo.

Mu bujurire bwuririye ku bundi bwa Regulatory Council for Property Valuation, ivuga ko Urukiko rwasuzuma niba, mu rwego rw'amategeko, yarashoboraga kuregwa no gucibwa indishyi mu rubanza mu gihe atari ishyirahamwe, umuryango cyangwa Ikigo cya Leta kuko itagira umutungo, ikaba itagira uyihagarariye mu mategeko kuko ikora nka Komite gusa y'abantu baturuka hirya no hino ariko ikaba atariyo rugaga rw'abagenagaciro kuko rwo rufite ubuzima gatozi. Ntacyo abandi baburanyi bavuze kui ubu bujurire bwuririye ku bundi.

Incamake y'icyemezo : 1. Mu gihe habaye kutemeranya ku igenagaciro ry'ingwate hagati y'uwatanze ingwate n'ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate, ku busabe bw'ukeka ko yarenganye hakorwa irindi genagaciro, bitabaye ibyo abashinzwe kugurisha ingwate bakabirengaho cyamunara igakorwa, iteshwa agaciro kuko iba ikozwe mu buryo bunyuranije n'amategekoiro.

- 2. Iyo ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate y'ihaye inshingano z'Umwanditsi Mukuru atabiherewe ububasha n'uwo Amabwiriza ateganya abaarengereye inshingano ze, bityo ibyo yakoze bikaba impfabusa.
- 3. Iyo cyamunara iteshejwe agaciro, ibintu bisubira uko byari bimeze mbere yuko cyamunara iba, Bank of Kigali Ltd igasubirana ingwate yayo, ikanasubiza uwaguze ingwate amafaranga yatanze agura iyo ngwate muri cyamunara.
- 4. Indishyi z'akababaro ntizihabwa uzisaba iyo bigaragara ko ari we nyirabayazana mu kutubahiriza inshingano ze ku bushake nubwo yaba yatsinze urubanza.
- 5. Kuba uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate yarayigurishije muri cyamuna ku buryo budakurikije amategeko bigatuma uwaguze ahamagazwa mu manza kubera amakosa ye

agomba kumuha amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.

6. Kuba uwatanze ngwate yandikiye Urwego rwa Regulatory Council for Valuation Property arusaba gushyiraho abandi bahanga bakora irindi genagaciro, ariko nti rusubize, cyamunara ikarinda irangira, kandi rwari rufite iyo nshingano ruhabwa n'Itegeko, bihagije kugira ngo rube rwacibwa indishyi.

Ubujurire bw'uwari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate nta shingiro bufite;
Ubujurire bwa Bank of Kigali Ltd nta shingiro bufite;
Ubujurire bwuririye ku bundi bw'uwatanze ingwate bufite ishingiro kuri bimwe;
Ubujurire bwuririye ku bundi bw'uwaguze inzu bufite ishingiro;
Ubujurire bwuririye ku bundi bwa Regulatory Council for Property Valuation nta shingiro bufite;
Cyamunara iteshejwo agaciro;
Ingwate y'amagarama yatanzwe ihwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 22/2018 yo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 10 Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 3 Itegeko N° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'abahesha b'inkiko ingingo ya 38 Itegeko N° 13/2010 ryo ku wa 07/05/2010 rihindura kandi ryuzuza Itegeko N° 10/2009 ryo ku wa 14/05/2009

- ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa, ingingo ya 3
- Itegeko N° 17/2011 ryo ku wa 12/05/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa, ingingo ya 36
- Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru N° 03/2010/Org yo ku wa 16/11/2010 agenga ibyerekeye gukoresha, kugurisha muri cyamunara ndetse no kwegukana ingwate, ingingo ya 9,
- Itegeko Teka ryo kuwa 30/07/1888, rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Asiimwe Frank yahawe inguzanyo na *Bank of Kigali Ltd*, nawe ayiha ingwate y'inzu ye ifite agaciro ka 121.000.000Frw nk'uko byanditswe mu cyemezo cy'ingwate cyatanzwe na *Rwanda Development Board* (RDB).
- [2] Asiimwe Frank yananiwe kwishyura umwenda yahawe, bituma *Bank of Kigali Ltd* isaba Umwanditsi Mukuru muri RDB gushyiraho ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate yahawe na Asiimwe Frank, maze Umwanditsi Mukuru ashyiraho Me Habimana Vedaste, ari nawe wagurishije iyo ngwate mu cyamunara yabaye ku wa 29/04/2015.

- [3] Asiimwe Frank yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge asaba gutesha agaciro cyamunara yabaye ku wa 29/04/2015, ku mpamvu yuko Me Habimana Vedaste wari ushinzwe gucunga no kugurisha iyo ngwate yashyizeho umugenagaciro mushyashya wakoze irindi genagaciro ritandukanye n'iryakozwe mu gihe yahabwaga inguzanyo yemeza ko inzu ifite agaciro kangana na 65.197.200Frw kandi yarahawe agaciro ka 121.000.000Frw mu gihe yahabwaga inguzanyo, bituma inzu ye igurishwa ku mafaranga make cyane, kuko yagurishijwe 55.000.000Frw, kandi igurishwa mu bwiru, atabizi.
- [4] Ku wa 03/12/2015, Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwaciye urubanza RCOM 1321/15TC/NYGE, rwemeza ko cyamunara iteshejwe agaciro ku mpamvu yuko hatubahirijwe ingingo ya 9 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru N° 03/2010/Org yo ku wa 16/11/2010 agenga ibyerekeye gukodesha, kugurisha muri cyamunara ndetse no kwegukana ingwate, iteganya ko Umwanditsi Mukuru ari we wemeza inyandiko y'amabwiriza y'igurisha, akagenera kopi y'iyi nyandiko uwatanze ingwate ndetse n'uwahawe ingwate bitarenze amasaha 16 y'akazi amaze kuyemeza; mu gihe nyamara ibiteganywa n'iyi ngingo byakozwe na Me Habimana Vedaste kandi bitari mu nshingano ze.
- [5] Urwo Rukiko kandi rwashingiye ku mpamvu yuko Asiimwe Frank yandikiye *Regulatory Council for Property Valuation* asaba ko hashyirwaho abandi bagenagaciro ku nzu ye kuko atemeraga igenagaciro ryakoreshejwe na Me Habimana Vedaste, abimenyesha Umwanditsi Mukuru na Me Habimana Vedaste ubwe, ariko cyamunara irakomeza ngo hashingiwe ku ngingo ya 19 y'Itegeko ryerekeye ubugwate ku mutungo

utimukanwa ivuga ko ucunga ingwate afite inshingano yo kugurisha ingwate ku giciro gikwiye kigenwa hakurikijwe uko ibiciro bigenda bihindagurika ku isoko, mu gihe nyamara ibivugwa muri iyo ngingo bitamuha uburenganzira bwo kugurisha ingwate ku giciro kiri hasi cyangwa bwo gutesha agaciro ingwate ngo abyite ko ari cyo gicirio kiri ku isoko, kuko mu gihe ukora irindi genagaciro ritandukanye n'iryatanzwe hatangwa inguzanyo, agomba kugaragaza ibikoresho bigize ingwate byataye agaciro, atari ukwemeza agaciro kari hasi gusa nta bimenyetso byerekana icyatumye ingwate ita agaciro.

- [6] Urwo Rukiko rwategetse Me Habimana Vedaste, Bank of Kigali Ltd, *Regulatory Council for Property Valuation* n'Umwanditsi Mukuru wa RDB, buri wese kwishyura Asiimwe Frank 1.000.000Frw y'indishyi z'akababaro n'ay'ikurikiranarubanza.
- [7] Me Habimana Vedaste yajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi anenga kuba Urukiko:
 - 1. rwaratesheje agaciro cyamunara ku mpamvu yuko yamenyesheje inyandiko itanga amabwiriza y'igurisha muri cyamunara mu mwanya w'Umwanditsi Mukuru kandi ari "*Receiver*", nyamara ari inshingano z' Umuhesha w'Inkiko;
 - **2.** rwaratesheje agaciro cyamunara ngo kuko ingwate ya Asiimwe Frank yateshejwe agaciro, nyamara atari byo kuko rwibeshye kubera ko ntaho rwashingiye rwemeza ko iyo ngwate yateshejwe agaciro.
 - **3.** rwaravuze ko uburenganzira bwa Asiimwe Frank bwo gusaba irindi genagaciro butubahirijwe, rushingiye ku ngingo ya 36 y'Itegeko No 17/2011 ryo ku wa 12/05/2010

rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa, nyamara rwarakoresheje iyo ngingo nabi kuko ikirebwa muri uru rubanza ari igiciro cyatanzwe muri cyamunara, aho kuba igiciro cy'igenagaciro;

- **4.** rwarageneye Asiimwe Frank indishyi zitagira icyo zishingiyeho.
- [8] Bank of Kigali Ltd nayo yajuriye inenga kuba Urukiko rwaremeje ko:
 - 1. cyamunara yakozwe ku wa 29/04/2015, iseswa kuko uwamenyesheje iyemeza ry'amabwiriza atari abifitiye ububasha, ko ariko iyo ngingo yubahirijwe, kuko ntaho ivuga ko kugenera kopi Asiimwe Frank byari gukorwa n'Umwanditsi Mukuru muri RDB, ko ahubwo byari gukorwa n'uwo ari we wese;
 - 2. cyamunara iseswa kuko ingwate yagurishijwe ku giciro gito, ko ariko ibyo atari byo kuko igiciro ingwate izagurishirizwaho muri cyamunara kitagengwa n'igenagaciro nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 ihindura ingingo ya 19 y'Itegeko ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa:
 - **3.** Bank of Kigali Ltd igomba gutanga indishyi zingana na 1.000.000Frw rutagaragaje ikosa yakoze ryatuma izitanga, kuko nta ruhare na rumwe yagize mu migendekere ya cyamunara.
- [9] Ku wa 31/03/2016, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaciye izo manza (RCOMA 0011/16/HCC RCOMA 0035/16/HCC), rwemeza ko ubujurire bwa Me Habimana Vedaste nta shingiro bufite, naho ubujurire bwa *Bank of Kigali*

Ltd bufite ishingiro kuri bimwe, ko urubanza RCOM 1321/15/TC/NYGE ruhindutse ku bijyanye n'uko nta ndishyi Bank of Kigali Ltd igomba gucibwa. Rwategetse Me Habimana Vedaste kwishyura Asiimwe Frank 1.500.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka ku rwego rwa mbere na 1.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka mu bujurire.

- [10] Habimana Vedaste yajuririye Urukiko rw'Ikirenga, arusaba gusuzuma ibibazo bikurikira ari ibyo kumenya niba:
 - 1. cyamunara yakozwe hashyirwa mu bikorwa ibyemezo binyuranye by'ubutegetsi kandi ikemezwa n'icyemezo cy'Umwanditsi Mukuru muri RDB ishobora guteshwa agaciro hataregewe gutesha agaciro icyemezo cy'Umwanditsi Mukuru cyemeza cyamunara;
 - 2. impaka ku igenagaciro cyangwa kunenga imihango y'icyamunara ari impamvu yo gutesha agaciro cyamunara;
 - 3. iyo igenagaciro ryakozwe n'umuhanga kandi rikemezwa n'Umwanditsi Mukururitemewe na nyir'umutungo, bibazwa ushinzwe kugurisha ingwate;
 - 4. kuba nyir'umutungo ugurishwa yasabye urwego rubishinzwe gushyiraho abandi bahanga bagena agaciro bihagarika cyamunara;
 - **5.** isesengura Urukiko rwakoze ariryo ku ngingo ya 19 y'itegeko rigenga ingwate n'ingingo ya 36 y'itegeko N°17/2010 ryo ku wa 12/05 /2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa:

- 6. amabwiriza N°03/2010/ORG atarubahirijwe, ingaruka byagira n'uwo byaryozwa;
- 7. Urukiko rutarivuguruje;
- 8. atahabwa amafaranga y'ikurikiranarubanza hamwe n'igihembo cya Avoka hamwe n'ibisabwa urukiko.
- [11] Bank of Kigali Ltd nayo yajuriye ivuga ko Urukiko:
 - 1. rutayigeneye indishyi kandi rwaremeje ko nta makosa yakoze muri cyamunara, bityo ikaba yarashowe mu manza ku maherere;
 - 2. rwitiranyije inshingano z'inzego zarebwaga na cyamunara n'iz'uwahawe uburenganzira bwo kugurisha ingwate, bituma rugera ku mwanzuro utari wo;
 - 3. rwafashe icyemezo cyo gusesa cyamunara yo ku wa 29/04/2015, ariko nti rwasobanura uko bizagenda nyuma y'aho kuri Bank of Kigali Ltd yari yarahawe ingwate.
- [12] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 27/02/2018, Me Habimana Vedaste ahagarariwe na Me Nkurunziza François-Xavier, Bank of Kigali Ltd ihagarariwe na Me Rutembesa Phocas, Asiimwe Frank yunganiwe na Me Rwigema Vincent, Me Kayihura Didas na Me Munyentwari Charles, *Regulatory Council for Property Valuation* ihagarariwe na Me Ntarugira Nicolas, Musinguzi Hannington ahagarariwe na Me Nsengiyumva Niyondora, naho Umwanditsi Mukuru muri RDB atitabye ariko yarasinyiye itariki y'iburanisha.
- [13] Nyuma yo kumva icyo ababuranyi bavuga ku kutitaba k'Umwanditsi Mukuru,Urukiko rumaze gusesengura ibitegenywa n'ingingo ya 59 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa

14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, rwemeje ko urubanza rubanishwa Umwanditsi Mukuru adahari hakazitabwa ku myanzuro ye, habanza gusuzumwa inzitizi y'iburabubasha ry'uru Rukiko yatanzwe na Asiimwe Frank, ariko rusanga iyo nzitizi nta shingiro ifite, urubanza ruburanishwa mu ruhame hasuzumwa imizi yarwo ku wa 29/05/2018, na none Umwanditsi Mukuru atitabye, ariko yaramenyeshejwe uru rubanza, Bank of Kigali Ltd iburanirwa na Me Buzayire Angèle, abandi baburanyi bahagarariwe nka mbere.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

A. Ubujurire bwa Me Habimana Vedaste

[14] Mu bujurire bwe Me Habimana Vedaste yatanze ingingo zigeze ku munani, ariko zishobora kubumbirwa muri ebyiri zijyanye no kumenya niba cyamunara yo ku wa 29/04/2015 yaragamboga guteshwa agaciro n'ingaruka zabyo hasuzumwa ingingo zose ziyikubiyemo nk'uko zagiye zitangwa na Me Nkurunziza François-Xavier, ikindi ni ukumenya niba hari indishyi zatangwa muri urubanza.

- 1. Kumenya niba cyamunara yo ku wa 29/04/2015 yaragamboga guteshwa agaciro n'ingaruka zabyo
- a. Kumenya niba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutaragombaga gutesha agaciro cyamunara ku mpamvu zuko ingwate yagurishijwe ku gaciro gato
- [15] Me Nkurunziza François-Xavier, uburanira Me Habimana Vedaste, avuga ko icyo banenga imikirize y'urubanza RCOMA 0011/16/HCC &RCOMA 035/16/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 31/03/2016, ari uko rwatesheje agaciro cyamunara rushingiye kuko ingwate yagurishijwe ku gaciro gato ugendeye ku igenagaciro ryakozwe hatangwa inguzanyo.
- [16] Akomeza avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutagombaga gutesha agaciro cyamunara yakozwe ku wa 19/04/2015 ku mpamvu yuko ingwate yagurishijwe ku gaciro gato kuko iyo ny'irimutungo atishimiye igenagaciro ryakozwe asaba ko hakorwa irindi genagaciro cyamunara igahagarara, ko igihe atabikoze ibyo bitabazwa ushinzwe kugurisha ingwate (Habimana Vedaste) kuko atari we uba wakoze iryo genagaciro ngo anaryemeze.
- [17] Asoza avuga ko impaka ku igenagaciro zikemurwa hakurikijwe ibiteganyijwe n'ingingo ya 36 y'Itegeko N° 17/2010 ryo ku wa 12/05/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa, ko iyo icyemezo gifashwe n'urwo rwego cyangwa kigaragaje ko agaciro kagenwe ari gato ku giciro nyakuri, icyo gihe inyandiko yemeza Amabwiriza n'icyemezo cy'Umwanditsi Mukuru cyemeza cyamunara biteshwa agaciro.

- [18] Asiimwe Frank avuga ko, uretse inyungu Me Habimana Vedaste we bwite yari afite yo gukomeza cyamunara mu gihe yabonaga ko nyir'umutungo yari yasabye ko habanza gukorwa irindi genagaciro, nta cyari gutuma cyamunara ikomeza kandi ko ari byo byaregewe, ko haburanwaga gutesha agaciro cyamunara yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko yari yaramaze gukorwa, bityo akaba asanga Me Habimana Vedaste ashaka kongera kuburana ku bintu yamaze kuburanaho akanabitsindirwa ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri. Avuga ko ibyo avuga ko atakoresheje irindi genagaciro (contre expertise) atari kuyikoresha kandi yari yandikiye Urwego rubishizwe. Akomeza avuga ko mu mwaka umwe n'igice umutungo wavanywe ku giciro cya 140.500.00Frw ushyirwa ku giciro cya 65.197.200Frw nacyo cyagezweho bitewe nuko inzu yahimbiwe ibikoresho bitayubatse hagamijwe kuyitesha agaciro n'umugenagaciro washyizweho na Me Habimana Vedaste nk'uko byasobanuwe mu icibwa ry'urubanza RCOM 1321/15/TC/NYGE, ko mu byo Me Habimana Vedaste aregwa harimo "conflit d'intérets", kuko yakoze inshingano za "receiver", n'iz'umuhesha w'inkiko icyarimwe. Asoza avuga ko adahakana ko ingwate ari iya Bank of Kigali Ltd, ariko avuga ko iyo ngwate ikwiye guhabwa agaciro kayo.
- [19] Me Kayihura Didace, wunganira Asiimwe Frank, asobanura ko impamvu y'ingingo ya 7 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru ari ukugira ngo ukoresha igenagaciro (expertise) agereranye n'agaciro ingwate yandikiweho, ko iyo harimo ikinyuranyo gikabije, nawe ashyira mu gaciro akirinda kugurisha ingwate. Avuga ko iyo ingingo z'Amabwiriza zubahirizwa umutungo wa Asiimwe Frank utari guteshwa agaciro ngo ugurishwe ku gaciro gato cyane.

- [20] Me Munyentwari Charles, wunganira Asiimwe Frank, avuga ko icyo basaba uru Rukiko ari ukwemeza ko inkiko zabanje zari zifite ukuri zemeza ko cyamunara iteshejwe agaciro.
- [21] Me Rwigema Vincent, nawe wunganira Asiimwe Frank, avuga ko Itegeko riha ububasha ugurisha ingwate kugurisha ku giciro gikwiye hagendewe kw'ihindagurika ry'ibiciro.
- [22] Me Ntarugira Nicolas, uburanira *Regulatory Council for Property Valuation*, avuga ko ikirego cyashyikirijwe urukiko atari ikirego cy'igenagacagiro ko ahubwo ari icyo gutesha agaciro cyamunara.
- [23] Me Niyondora Nsengiyumva, uburanira Musinguzi Hannington, avuga ko uwo aburanira yazanywe mu rukiko kuko urubanza rumufiteho ingaruka nk'uwaguze muri cyamunara.
- [24] Me Buzayire Angèle, uburanira *Bank of Kigali Ltd*, avuga ko kuba cyamunara yakurwaho kubera ingwate yaba yaragurishijwe ku gaciro gato bidakuraho ko *Bank of Kigali Ltd* yagumana ingwate yayo.
- [25] Umwanditsi Mukuru muri RDB ntacyo yavuze kuri iyi ngingo kuko nta myanzuro ye igaragara kandi nta nubwo yitabiriye inama ntegurarubanza n'amaburanisha kandi yaramenyeshejwe mu buryo bukurikije amategeko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[26] Ingingo ya 3 y'Itegeko N° 13/2010 ryo ku wa 07/05/2010 rihindura kandi ryuzuza Itegeko N° 10/2009 ryo ku wa 14/05/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa, mu

gika cyayo cya mbere, iteganya ko "Ucunga ingwate afite inshingano yo kugurisha ingwate ku giciro gikwiye kiri ku isoko, amaze kubimenyesha impande zombi". Naho igika cya kabiri giteganya ko "Igiciro gikwiye kigenwa hakurijwe uko ibiciro bigenda bihindagurika ku isoko. Igurisha ryose rikurikiza inzira y'icyamunara",.

- [27] Ingingo ya 36 y'Itegeko N° 17/2011 ryo ku wa 12/05/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa iteganya ko "Mu gihe habayeho kutemeranya ku igenagaciro ry'umutungo utimukanwa, ukeka ko yarenganye ashyikiriza ikirego Urwego, icyo gihe Urwego rushyiraho abandi bagenagaciro bemewe bagakoresha uburyo bushya bw'igenagaciro, iyo impaka zidakemutse, ikirego gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha",.
- [28] Ingingo ya 11 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru N° 03/2010/Org yo ku wa 16/11/2010 agenga ibyerekeye gukoresha, kugurisha muri cyamunara ndetse no kwegukana ingwate ivuga ko "Uwahawe ububasha bwo guteza cyamunara ingwate afite inshingano zo kugurisha ku giciro gikwiye hakurikijwe ihindagurika ry'ibiciro ku soko ndetse no ku igenagaciro ry'umutungo ryagaragajwe mu nyandiko y'Amabwiriza y'igurisha",.
- [29] Dosiye y'urubanza igaragaza ko ku wa 02/03/2015, Umwanditsi Mukuru muri RDB yashyize umukono ku nyandiko yitwa "Permit to sale the mortgaged property",, Me Habimana Vedaste, Bank of Kigali Ltd na Asiimwe Frank bahabwa kopi yayo. Muri iyo nyandiko hagaragaramo ko agaciro k'ingwate igihe yandikishwaga ari 121.000.000Frw, ko umwenda wishyurwa Bank of Kigali Ltd ungana na 70.850.000Frw, igihe cyamunara izatangirira n'igihe izasozwa.

- [30] Dosiye igaragaza ko igihe ingwate yajyaga kugurishwa, Me Habimana Vedaste yakoresheje igenagaciro ku wa 07/03/2015 ryerekana ko iyo ngwate ifite agaciro ka 65.197.200Frw. Dosiye igaragaza ko Asiimwe Frank abonye atishimiye iryo genagaciro, ku wa 16/03/2015, yandikiye Regulatory Council for Property Valuation asaba ko hashyirwaho bagenagaciro bo gukora irindi genagaciro abandi (contreexpertise) k'iyari yakoreshejwe na Me Habimana Vedaste, Asiimwe Frank abimenyesha Umwanditsi Mukuru muri RDB, Me Habimana Vedaste na Banki ya Kigali, ariko iryo genagaciro (contre-expertise) ntabwo ryakozwe kuko Asiimwe Frank atigeze abona igisubizo, ahubwo cyamunara yarakomeje kugeze ingwate igurishijwe 55.000.000Frw.
- [31] Urukiko rurasanga, kuva Asiimwe Frank agaragaje ko atemeranya n'igenagaciro ryasabwe na Me Habimana Vedaste wari ushinzwe gucunga no kugurisha ingwate, akandikira Regulatory Council for Property Valuation ayisaba ko hakorwa irindi genagaciro ry'ingwate yari yahaye Banki ya Kigali Ltd, ndetse akanagenera kopi Umwanditsi Mukuru muri RDB, Me Habimana Vedaste na Bank of Kigali Ltd, ariko Me Habimana Vedaste wari uzi neza ko ingingo ya 36 y'Itegeko Nº 17/2011 ryo ku wa 12/05/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa iteganya uko bigenda iyo hatabaye kwemeranya ku igenagaciro akabirengaho inzu ikagurishwa ku giciro cya 55.000.000Frw, ibi bigaragaza ko cyamunara yakozwe mu buryo butubahirije amategeko.
- [32] Urukiko rurasanga na none kuba Asiimwe Frank yaranditse asaba ko haba irindi genagaciro ariko ntihagire ubyitaho yaba uwandikiwe cyangwa abagenewe kopi kugeza inzu igurishijwe kuri kimwe cya kabiri (1/2) cy'agaciro yari

yarahawe ubwo ingwate yandikwagwa muri RDB Ltd nyuma y'imyaka ibiri gusa, ibi bigaragaza ko ntaho Me Habimana Vedaste yashingira avuga ko atatesheje agaciro ingwate, kuko igihe yirengangije ko hakorwa irindi genagaciro nk'uko byari byasabwe na nyir'umutungo,kugira ngo rigaragaze uko ibiciro bihagaze ku isoko hanyuma ingwate ikagurishwa ku gaciro kari hasi cyane y'ako yari ifite, byumvikana ko Me Habimimana Vedaste atubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko No 13/2010 ryo ku wa 07/05/2010 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Nº 10/2009 ryo ku wa 14/05/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa, mu gika cyayo cya mbere, ndetse n'ingingo ya 11 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru Nº 03/2010/Org yo ku wa 16/11/2010 agenga ibyerekeye gukoresha, kugurisha muri cyamunara ndetse no kwegukana ingwate ziteganya ko "Ucunga ingwate afite inshingano yo kugurisha ingwate ku giciro gikwiye kiri ku isoko, amaze kubimenyesha impande zombi".

- [33] Urukiko rurasanga nk'uko inkiko zabanje zabibonye, kuba Asiimwe Frank yari yaranenze igenagaciro ryakozwe n'Umugenagaciro washyizweho na Me Habimana Vedaste, haragombaga gukoreshwa irindi genagaciro kuko ari uko amategeko abiteganya, bityo cyamunara yakozwe ku wa 29/04/2015 ikaba igomba guteshwa agaciro.
- b. Kumenya niba ku kuba Me Habimana Vedaste ariwe wamenyesheje Amabwiriza y'igurisha muri cyamunara mu mwanya w'Umwanditsi Mukuru yaba impamvu yo gutesha agaciro cyamunara
- [34] Me Nkurunziza François-Xavier, uhagarariye Me Habimana Vedaste, avuga ko kuba yarashyizweho nk'ushinzwe kugurisha ingwate n'icyemezo cy'Umwanditsi Mukuru muri

RDB, agafata icyemezo cyo kumuha amabwiriza ndetse n'icyemezo cyemeza ko ibyo yashyiriweho yabikoze uko amategeko abiteganya, bivuze ko nyir'umutungo wagurishijwe adashobora kurega asaba gutesha agaciro cyamunara atabanje gutesha agaciro ibyemezo binyuranye byafashwe n'urwego rw'ubutegetsi, yishyingikirije ko atemera igenagaciro ry'umutungo we, cyangwa ko n'imihango yo kugurisha ayinenga.

- [35] Me Nkurunziza François Xavier, uburanira Me Habimana Vedaste, avuga ko Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru ateganya kugenerwa kopi aho kubakumenyeshwa kandi ko Umwanditsi Mukuru amenyesha uko ashaka, ko kuba bikozwe na "Receiver" ntacyo byangirije, akaba asanga Urukiko rwaragombaga kugaragaza icyo Asiimwe Frank yahombejwe no kuba Umwanditsi Mukuru atariwe wamushyikirije mu ntoki ze inyandiko y'Amabwiriza; ko, uretse nibyo, Urukiko rwivuguruje aho ku rupapuro rwa 9, agace ka 26, rwavuze ko kugenera kopi ari inshingano z'Umwanditsi Mukuru, kandi ko ari we ubibazwa iyo kumenyesha bidakurikije amategeko, naho ku rupapuro rwa 14, agace ka 53, rukavuga ko Habimana Vedaste atagaragaje ubushishozi n'ubwitonzi no kwirinda kubogama, ko rero yakoze ikosa ryagize ingaruka kuri Asiimwe Frank.
- [36] Asiimwe Frank avuga ko ingingo ya 9 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru muri RDB iteganya ko Umwanditsi Mukuru ariwe ugenera kopi y'inyandiko y'amabwiriza y'igurisha uwatanze ingwate ndetse n'uwahawe ingwate bitarenze amasaha 16 y'akazi amaze kuyemeza. Avuga ko Me Habimana Vedaste nka *Receiver* yakoze inshingano z'Umuhesha w'Inkiko kandi nabwo ntiyubahiriza igihe giteganywa n'Amabwiriza kuko Amabwiriza yo ku wa 25/03/2015

yayamenyeshejwe ku wa 30/03/2015, bivuze nyuma y'iminsi itanu aho kuba amasaha 16 ateganywa n'amategeko.

- [37] Me Kayihura Didace, Me Munyentwari Charles na Me Rwigema Vincent, bose bunganira Asiimwe Frank bavuga ko ingingo ya 9 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru muri RDB iteganya ko iyo Umwanditsi Mukuru amaze kwemeza amabwiriza y'igurisha, agenera kopi uwatanze ingwate, bavuga ko uwo bunganira atamenyeshejwe n'Umwanditsi Mukuru, kandi ingingo z'Amabwiriza zarashyizweho hagamijwe guca akajagari kagaragara muri cyamunara, ko gutesha agaciro cyamunara bidasaba ko umuntu agaragaza icyo yangirijwe, ko ahubwo iyo Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru atubahirijwe, cyamunara igomba guteshwa agaciro, ko kuba imigenzo (procédures) itarubahirijwe ari impamvu yo gutesha agaciro kuko iyo migenzo ari ndemyagihugu.
- [38] Me Niyondora Nsengiyumva, avuga ko ku bijyanye n'ibiteganywa n'ingingo ya 9 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru, iyi ngingo ivuga ko iyo Umwanditsi Mukuru amaze kwemeza amabwiriza agenderwaho abimenyesha uwatanze ingwate bitarenze amasaha 16, ko kuba inkiko zaravuze ko kutabyubahiriza yaba impamvu yo gutesha agaciro cyamunara, abona ntacyo amabwiriza yateganyije mu gihe bitubahirijwe, abona ko niba icyari kigamijwe ari ukugira ngo Asiimwe Frank amenyeshwe amabwiriza kandi akaba yarayamenye, iyo itaba impamvu yo gutesha agaciro cyamunara kuko icyari kigamijwe cyagezweho. Ku byerekeye kumenya niba imigenzo iteganywa n'Amabwiriza y'Umwandatsi Mukuru RDB indemyagihugu avuga ko atari ndemyagihugu (d'ordre public) kuko itajyanye n'imiburanishirize y'imanza (procedure judiciaire).

- [39] Me Buzayire Angèle, uburanira *Bank of Kigali Ltd*, avuga ko kuba Asiimwe Frank ataramenyeshwe inyandiko y'amabwiriza y'igurisha, iyo itaba impamvu yo gutesha agaciro cyamunara. Akomeza avuga ko imigenzo iteganywa n'Amabwiriza atari indemyagihugu, ko rero bitavuze ko kuba hari imigenzo itarubahirijwe muri cyamunara, ibyo byatuma cyamunara iteshwa agaciro.
- [40] Uhagarariye Regulatory Council for Property Valuation ndetse n'Umwanditsi Mukuru ntacyo bavuga kuri iyi ngingo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [41] Ingingo ya 9 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru yibukijwe haruguru iteganya ibikurikira: "Umwanditsi Mukuru niwe wemeza inyandiko y'amabwiriza y'igurisha. Umwanditsi Mukuru agenera kopi y'iyi nyandiko uwatanze ingwate ndetse n'uwahawe ingwate bitarenze amasaha 16 y'akazi amaze kuyemeza".
- [42] Dosiye igaragaza ko ku wa 10/03/2015, Me Habimana Vedaste yoherereje Umwanditsi Mukuru muri RDB Amabwiriza y'igurisha ry'ingwate ya Asiimwe Frank amusaba kuyemeza, agenera kopi Umuyobozi Mukuru wa Bank of Kigali Ltd na Asiimwe Frank, ariko uyu akaba yarayakiriye ku wa 15/03/2015. Dosiye igaragaza ko ku wa 25/03/2015, Umwanditsi Mukuru muri RDB yandikiye Me Habimana Vedaste amumenyesha ko yemeje amabwiriza y'igurisha ry'ingwate ya Asiimwe Frank agenera kopi Bank of Kigali Ltd na Asiimwe Frank. Ku wa 30/03/2015, Me Habimana Vedaste nibwo yashyikirije Asiimwe Frank inyandiko y'amabwiriza y'igurisha ayisigiye umukozi we Jesika.

- [43] Urukiko rurasanga ingingo ya 9 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru iteganya gusa ko Umwanditsi Mukuru agenera kopi y'inyandiko y'amabwiriza uwatanze ingwate n'uwahawe ingwate bitarenze amasaha 16 y'akazi amaze kuyemeza. Ikigaragara nuko Umwanditsi Mukuru yageneye kopi Asiimwe Frank, ariko uyu ayishyikirizwa na Me Habimana Vedaste ku wa 30/03/2015. Isesengura ry'iyi ngingo ryerekana ko ivuga gusa ibyo kugena kopi ariko ntivuga uburyo iyo kopi ishyikirizwa uwo yagenewe, nta nubwo ivuga ko Umwanditsi Mukuru ariwe uyishyikiriza uwatanze ingwate. Nubwo iyi ngingo itavuga ko Umwanditsi Mukuru ariwe utanga iyi nyandiko, ariko ikigaragara nuko afite ishingano yo kumenya no guteganya uburyo iyi nyandiko yagera k'uwo yagenewe mu masaha yateganyijwe n'Amabwiriza.
- [44] Urukiko rurasanga nta hantu na hamwe muri dosiye hagaragaza ko Me Habimana Vedaste yaba yarahawe inshingano n'Umwanditsi Mukuru yo gushyikiriza Asiimwe Frank kopi y'inyandiko y'amabwiriza. Rurasanga nk'uko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabibonye kuba Me Habimana Vedaste yarihaye inshingano z'Umwanditsi Mukuru atabiherewe ububasha n'uwo Amabwiriza ateganya, ari ukurengera ku nshingano ze kuko nubwo yaba ari Umuhesha w'Inkiko w'umwuga, yagombye kubanza gukorana amasezerano yanditse n'uwamwiyambaje nk'uko biteganywa n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nº 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'abahesha b'inkiko ivuga ko mbere yo kurangiza ibyemezo, Umuhesha w'Inkiko w'umwuga abanza kugirana amasezerano yanditse n'uwamwiyambaje. Urukiko rurasanga kuba nta kigaragaza ko Umwanditsi Mukuru muri RDB yaba yariyambaje Me Habimana Vedaste nk'Umuhesha w'inkiko, bivuze ko ibyo yakoze byose yabikoze atabyemerewe n'ubufitiye ububasha, bivuze ko atubahirije

ibiteganywa n'amategeko, bityo ibyo yakoze bikaba ari impfabusa.

- [45] Urukiko rurasanga imvugo y'ababuranira Habimana Vedaste, Bank of Kigali Ltd na Musinguzi Hannington ko kuba Asiimwe Frank yarashyikirijwe kopi y'inyandiko y'amabwiriza na Me Habimana Vedaste ntacyo byamwangirije, ikaba itaba impamvu yo gutesha agaciro cyamunara, cyane cyane ko imigenzo ya cyamunara atari indemyagihugu, itahabwa ishingiro, kuko muri rurasange amabwirizwa yashyiriweho kugira ngo uburenganzira bwa buri ruhande cyamunara ireba bwubahirizwe kandi ibintu bikorwe kuri gahunda, kuba bitarubahirijwe birahagije kugira ngo Asiimwe Frank asabe ko bikorwa mu buryo bwateganyijwe bitabaye ngombwa ko atanga ibimenyetso y'ibyangirijwe. Urukiko rurasanga na none ikigamijwe atari ukumenya niba imigendekere iteganywa n'amabwiriza ari amategeko ndemyagihugu cyangwa niba atari yo ngo cyamunara ibone guteshwa agaciro, kuko gutesha agaciro cyamunara itubahirije ibiteganywa n'amategeko bidasaba byanze bikunze ko ayo mategeko aba ari amategeko ndemyagihugu, igihe cyose uwo amategeko agamije kurengera akoresheje ubwo bubasha bwe asaba ko ibyakozwe mu buryo butubahirije amategeko kandi bimubangamiye byateshwa agaciro.
- [46] Urukiko rurasanga n'iyo Me Habimana Vedaste yari kuba yemerewe n'amategeko gushyikiriza kopi y'inyandiko y'amabwiriza Asiimwe Frank, na none amasaha 16 ateganywa n'Amabwiriza ntabwo yari kuba yubahirijwe, kuko nk'uko byibukijwe haruguru, inyandiko yakozwe ku wa 25/05/2015 igera kwa Asiimwe Frank ku wa 30/03/2015, iyi nayo ikaba yari kuba impamvu yihagije yo gutuma cyamunara iteshwa agaciro.

[47] Hashingiwe ku ngingo z'amategeko, Amabwiriza n'ibisobanuro byavuzwe haruguru, Urukiko rurasanga nk'uko inkiko zabanje zabibonye, cyamunara yabaye ku wa 29/04/2015 hagurishwa ingwate Asiimwe Frank yahaye *Bank of Kigali Ltd* igomba guteshwa agaciro kuko yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, bityo ibintu bikaba bigomba gusubira uko byari bimeze mbere ya cyamunara.

B. Ubujurire bwa BANK OF KIGALI Ltd

Kumenya niba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaritiranyije inshingano z'inzego zarebwaga na cyamunara n'iz'uwahawe uburenganzira bwo kugurisha ingwate

- [48] Me Rutembesa Phocas, mu myanzuro ye, avuga ko Urukiko Rukururw'Ubucuruzi rwitiranyije inshingano z'inzego zarebwaga na cyamunara n'iz'uwahawe uburenganzira bwo kugurisha ingwate, bituma rugera ku mwanzuro utari wo.
- [49] Asiimwe Frank avuga ko kuba *Bank of Kigali Ltd* itagaragaza ikimenyetso ko ihagarariye izo nzego irimo kuvugira muri uru rubanza, ibyo ivuga nta shingiro bikwiye guhabwa kubera ko *Bank of Kigali Ltd* itaburanira izo nzego, dore ko zari zinahagarariwe mu iburanisha.
- [50] Me Niyondora Nsengiyumva, uburanira Musinguzi Hannington, avuga ko iyi ngingo y'ubujurire itareba Musinguzi Hannington kubera ko we yitabiriye cyamunara kandi kubahiriza imihango ibanziriza cyamunara bikaba biri mu nshingano z'Umwanditsi Mukuru na "Receiver".

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [51] Ingingo ya 3 y'Itegeko Nº 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko : "Buri muburanyi agomba kugaragaza ukuri kw'ibyo aburana".
- [52] Kuri iyi ngingo y'ubujurire, usibye kuba *Bank of Kigali Ltd* yivugira gusa ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwitiranyije inshingano z'inzego zarebwaga na cyamunara n'iz'uwahawe uburenganzira bwo kugurisha ingwate, bituma rugera ku mwanzuro utari wo, Urukiko rurasanga itagaragaza uburyo Urukiko rwaba rwaritiranyije izo nshingano, kandi nta nubwo igaragaza umwanzuro utari wo Urukiko rwagezeho n'icyo byaba byarayangirije, kuko rwasobanuye neza inshingano za buri rwego, runagaragaza ko Me Habimana Vedaste yakoze inshingano atahawe n'Umwanditsi Mukuru, bityo iyi ngingo y'ubujurire ikaba nta shingiro yahabwa.

Kumenya niba Bank of Kigali Ltd yaragombaga kugenerwa indishyi zo kuba yarashowe mu manza nta mpamvu

- [53] Me Rutembesa Phocas, uhagarariye Bank of Kigali Ltd, mu myanzuro ye avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutageneye uwo ahagarariye indishyi kandi rwaremeje ko nta makosa yakoze muri cyamunara, bityo ikaba yarashowe mu manza ku maherere.
- [54] Asiimwe Frank avuga ko iyi mpamvu nta shingiro yahabwa, kubera ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwagaragaje ko atari we watumye Bank of Kigali Ltd ishorwa mu manza, ko ahubwo byatewe na Me Habimana Vedaste, ibyo rukaba rwarabisobanuye neza mu gika cya 58, ku rupapuro rwa 15,

cy'urubanza rujuririrwa, bityo ko izo ndishyi Bank of Kigali Ltd izishakira k'utagomba kuzitanga, ikaba idakwiye kuzihabwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

Urukiko rurasanga kuba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaravuze ko Bank of Kigali Ltd itagombaga gucibwa indishyi kubera ko atariyo yakoze amakosa yatumye cyamunara iteshwa agaciro bidashatse kuvuga ko yagombaga kugenerwa indishyi na Asiimwe Frank. Rurasanga ahubwo mu gihe bigaragaye ko Asiimwe Frank ariwe wari utsinze urubanza kubera ko ingwate yatanze yagurishijwe mu cyamunara ku buryo budakurikije amategeko bigatuma iyo cyamunara iteshwa byumvikana ko atari we wari guha Bank of Kigali Ltd indishyi kuko atari we watumye Bank of Kigali Ltd ishorwa mu manza, ahubwo byatewe na Me Habimana Vedaste wagurishije ingwate yatanzwe na Asiimwe Frank mu buryo budakurikije amategeko, akaba ari nawe Bank of Kigali Ltd yagombaga gusaba izo ndishyi, kuba itarabikoze rero igomba kwirengera izo ngaruka, bityo nk'uko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabibonye nta ndishyi Bank of Kigali yagombaga kugenerwa.

Kumenya niba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwari rufite inshingano yo gusobanura uko bizagenda nyuma yo gusesa cyamunara kuri Bank of Kigali Ltd yari yarahawe ingwate

- [56] Ababuranira *Bank of Kigali Ltd* bavuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwafashe icyemezo cyo gusesa cyamunara yo ku wa 29/04/2015, nyamara ntirwasobanura uko bizagenda nyuma y'aho kuri *Bank of Kigali Ltd* yari yarahawe ingwate.
- [57] Asiimwe Frank avuga ko iyi mpamvu nta shingiro yahabwa kubera ko kuvuga uko ibintu bizagenda nyuma yo

gusesa cyamunara atari byo byaregewe, ndetse ko nta n'uwasabye ko urukiko rubifataho icyemezo, bityo urukiko rukaba rutari guca urubanza kukitasabwe kuko byaba binyuranyije n'ibiteganywa n'ingingo ya 7 y'Itegeko N° 21/2012 yo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko: "Umucamanza aca urubanza ku cyasabwe cyose kandi kuri icyo cyonyine".

[58] Me Niyondora Nsengiyumva avuga ko kuri iyi ngingo Urukiko rwabivuga ku buryo bweruye cyangwa buteruye, ikizwi iyo cyamunara iteshejwe agaciro ibintu bisubira uko byari bimeze. Akomeza avuga ko inzu ikomeza kuba ingwate ya *Bank of Kigali Ltd* kugeza umwenda wishyuwe ku neza cyangwa hagakorwa cyamunara mu buryo bukurikije amategeko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [59] Ingingo ya 10 y'Itegeko N° 22/2018 yo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko "Umucamanza aca urubanza ku cyasabwe cyose kandi kuri icyo cyonyine".
- [60] Dosiye igaragaza ko mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, *Bank of Kigali Ltd* yajuriye inenga kuba Urukiko rwaremeje ko cyamunara yakozwe ku wa 29/04/2015 iseswa kuko uwamenyesheje iyemeza ry'Amabwiriza atari abifitiye ububasha, n'ingwate ikaba yaragurishijwe ku giciro gito no kuba rwarategetse *Bank of Kigali Ltd* gutanga indishyi zingana na 1.000.000Frw itagaragaje ikosa yakoze.

[61] Urukiko rurasanga, mu gihe Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwari rumaze kwemeza ko cyamunara yo ku wa 29/04/2015 iteshejwe agaciro bitari ngombwa kuvuga uko ibintu bizagenda kuri *Bank of Kigali*, kuko nk'uko uburanira Musinguzi Hannington abivuga, Urukiko rwabivuga ku buryo bweruye cyangwa buteruye, ikizwi iyo cyamunara iteshejwe agaciro, ibintu bisubira uko byari bimeze.

C. Ubujurire bwuririye ku bundi n'imyiregurire kuri bwo

C.1. Ubujurire bwuririye ku bundi bwa Asiimwe Frank

Kumenya niba hari indishyi Asiimwe Frank akwiye kugenerwa

[62] Asiimwe Frank avuga ko ashingiye ku kuba inzu ye yaratejwe cyamunara muburyo bunyuranyije n'amategeko ku wa 29/04/2015, akavutswa uburenganzira bwo kubona ibimutunga n'umuryango we, akavutswa uburenganzira bwo kuba mu gice cy'iyo nzu kitakodeshwaga, no kuvutswa uburenganzira bwo gukorera ahari hagenewe"bureau" yakoreragamo, kandi kuva icyo gihe iyo nzu ikaba yaragiye mu maboko y'uwayiguze kandi kugeza ubu cyamunara ikaba yarateshejwe agaciro ndetse bamwe mu bagize uruhare muri iryo gurisha bakaba baremeye imikirize y'urubanza, ariko iyo nzu ikaba ikomeje gukorerwamo ubucuruzi bayibyaza inyungu mu buryo butandukanye, arasaba ko Me Habimana Vedaste wagurishije inzu ye mu buryo bunyuranyije n'amategeko, akamuteza ibihombo, agatuma umuryango we indishyi z'akababaro yacibwa zingana wangara na

- 55.802.800Frw, zikomoka ku kinyuranyo cy'agaciro inzu yari yanditsweho muri RDB ka 121.000.000Frw n'agaciro kahawe inzu ka 65.197.200Frw,amafaranga y'ikurikiranarubanza angana na 2.000.000Frw n'igihembo cy'avoka kingana na 5.000.000Frw kubera gukomeza kumusiragiza mu manza nta mpamvu abizi neza ko ubujurire bwa kabiri yatanze bunyuranyije n'amategeko, ahubwo agamije gukingira ikibaba uwo yagurishije inzu mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ariwe Musinguzi Hannington ngo akomeze kuyibyaza umusaruro, ibyo kandi akaba abisaba ashingiye ku ngingo ya 258 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano n'amabwiriza ashyiraho ibihembombonera by'abavoka.
- [63] Me Nkurunziza François Xavier avuga ko indishyi zisabwa na Asiimwe Frank nta shingiro zifite kuko yananiwe kwishyura umwenda wa *Bank of Kigali Ltd* bituma habaho kurangiza urubanza ku ngufu akaba ariwe ugomba kwirengera ingaruka zabyo. Naho ku bijyanye n'igihembo cya Avoka avuga ko abirekera ubushishozi bw'Urukiko uzatsinda akayagenerwa.
- [64] Me Buzayire Angèle, uburanira Bank of Kigali Ltd, avuga ko indishyi Asiimwe Frank asaba atazihabwa kuko ariwe wakoze amakosa, kuko *Bank of Kigali Ltd* nta nzu ikodesha Musinguzi Hannington, ahubwo yaramugurishije kugira ngo igabanye ingano y'umwenda Asiimwe Frank ayibereyemo. Avuga ko ahubwo Asiimwe Frank ariwe ukwiye gusubiza Bank of Kigali Ltd ayo yishyuye Avoka.
- [65] Kuri ubu bujurire, uhagarariye Musinguzi Hannington n'uhagarariye *Regulatory Council for Property Valuation* bashubije ko iyi ngingo itabareba.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[66] Urukiko rurasanga indishyi z'akababaro Asiimwe Frank asaba guhabwa atazigenerwa kuko nubwo cyamunara yateshejwe agaciro kubera ko hari imigenzo itarubahirijwe, nawe atakwirengangiza ko ariwe nyirabayazana wa cyamunara kuko atashoboye kuzuza inshingano ze ku bushake, bigatuma biba ngombwa ko habaho cyamunara. Urukiko rurasanga ariko Me Habimana Vedaste akwiye guha Asiimwe Frank amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza kuko kuba atarubahirije amategeko aricyo cyatumye Asiimwe aregera inkiko, akaba rero mu bushishozi bw'Urukiko agenewe 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka na 300.000Frw y'ikurikiranarubanza, kuko 2.000.000Frw asaba atayatangira ibimenyetso ko ari yo yagiye kuri uru rubanza.

C.2. Ubujurire bwuririye ku bundi bwa Musinguzi Hannington

Kumenya niba Musinguzi Hannington ashobora gusubizwa 55.000.000Frw yatanze agura inzu ya Asiimwe Frank akaba yagenerwa n'indishyi

- [67] Musinguzi Hannington avuga ko amaze kuzanwa mu manza ku nzego eshatu (3) kandi nta kosa yakoze; ko Urukiko rusanze amakosa yarakozwe na Me Habimana Vedaste maze bigatuma cyamunara iteshwa agaciro, Me Habimana Vedaste yategekwa gutanga indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka zingana na 2.000.000Frw.
- [68] Avuga ko yazanywe mu rubanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ndetse no mu Rukiko rw'Ikirenga nyamara ntacyo

Bank of Kigali Ltd imurega kugeza ubu kuko nta kosa yakoze, ko Urukiko rusanze cyamunara itarakurikije amategeko, basaba ko rwategeka Bank of Kigali Ltd gusubiza amafaranga angana na 55.000.000Frw yishyuwe muri cyamunara kuko nta mpamvu yayagumana kandi cyamunara itagifite agaciro. Asaba kandi urukiko gutegeka *Bank of Kigali Ltd* kumugenera 2.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka kuko kuba ari mu bujuririre mu Rukiko rw'Ikirenga bishingiye ku kirego yashowemo na Bank of Kigali Ltd.

[69] Asiimwe Frank avuga iko ibyo Musinguzi Hannington avuga nta gaciro byahabwa kuko binyuranyije n'ibyo yivugiye mu myanzuro ye.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [70] Ingingo ya 258 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano iteganya ko: "Igikorwa cyose cyangirije undi gitegeka nyirigukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse".
- [71] Urukiko rurasanga kuba Habimana Vedaste yagurishije ingwate muri cyamuna ku buryo budakurikije amategeko bigatuma Asiimwe Frank aregera inkiko asaba ko iyo cyamunara yateshwa agaciro, inkiko zikayitesha agaciro, kandi akaba n'uru Rukiko ariko rubibona, byaratumye koko Musinguzi Hannington waguze muri cyamunara ahamagazwa mu manza kubera amakosa ya Habimana Vedaste, kandi biba ngombwa ko yiyambaza Avoka wo kumuburanira, biba na ngombwa ko anakurikirana urubunza, akaba rero amafaranga asaba ayakwiye, ariko kubera ko ayo asaba atagaragaza ibimenyetso by'uko ariyo yagiye kuri uru rubanza, mu bushishozi bw'urukiko, rumugeneye

500.000Frw y'igihembo cya Avoka na 300.000Frw y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba 800.000Frw.

[72] Urukiko rurasanga, nk'uko byibikijwe haruguru, kuba cyamunara iteshejweagaciro, ibintu bigomba gusubira uko byari bimeze mbere yuko cyamunara iba, Bank of Kigali Ltd igasubirana ingwate yayo, ikanasubiza Muzinguzi Hannington 55.000.000Frw yatanze agura inzu mu cyamunara. Urukiko rurasanga ariko 2.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka Musinguzi Hannington asaba Bank of Kigali Ltd ntayo akwiye guhabwa kuko nta kosa Bank of Kigali Ltd yamukoreye.

C.3. Ubujurire bwuririye ku bundi bwa regulatory council for property valuation

[73] Regulatory Council for Property Valuation ivuga ko Urukiko rwasuzuma niba, mu rwego rw'amategeko, yarashoboraga kuregwa no gucibwa indishyi mu rubanza mu gihe atari ishyirahamwe, umuryango cyangwa Ikigo cya Leta; ko rusanze bitari bikwiye, hakurwaho indishyi za 1.000.000Frw zategetswe kuko Regulatory Council itagira umutungo, ikaba itagira uyihagarariye mu mategeko ku buryo tubona nta n'uburyo icyo cyemezo cyashyirwa mu bikorwa kuri yo kuko ikora nka Komite gusa y'abantu baturuka hirya no hino ariko ikaba atariyo rugaga rw'abagenagaciro kuko rwo rufite ubuzima gatozi.

[74] Ntacyo abandi baburanyi bavuze kuri ubu bujurire bwa Regulatory Council for Property Valuation.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [75] Ingingo ya 3, igika cya 3, y'Itegeko N° 17/2010 ryo ku wa 12/05/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda iteganya ko Urugaga rufite ubuzimagatozi kandi rwigenga. Naho ingingo ya 9 y'iryo Tegeko ikaba ari yo ishyiraho Urwego rutunganya imikorere y'abagenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda, kandi igateganya ko urwo rwego rutangira gukora mu minsi itarenze 90 nyuma yuko itegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.
- [76] Dosiye igaragaza ko ku wa 16/03/2015, Asiimwe Frank yandikiye *Regulatory Council for Property Valuation* arusaba gushyiraho abandi bahanga bakora irindi genagaciro nk'uko biteganywa n'ingingo ya 36 y'Itegeko ryibukijwe mu gika kibanziriza iki, Urwego nti rwasubiza iyo baruwa bityo cyamunara irakomeza irarangira.
- [77] Urukiko rurasanga kuba Asiimwe Frank yandikiye Urwego rwa *Regulatory Council for Valuation Property* arusaba gushyiraho abandi bahanga bakora irindi genagaciro, ariko nti rusubize, cyamunara ikarinda irangira, kandi rwari rufite iyo nshingano ruhabwa n'Itegeko, bihagije kugira ngo rube rwaciwe indishyi. Urukiko rurasanga Urwego rwarahawe iminsi 90 nyuma y'aho Itegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda ngo rube rwatangiye gukora, kuba rero rwarashyizweho mu mwaka wa 2010, Asiimwe Frank akarwandikira mu mwaka wa 2015, nyuma y'imyaka itanu, imvugo y'uburanira *Regulatory Council for Valuation Property* ko nta buryo yarigushyira mu bikorwa ubusabe wa Asiimwe Frank ngo itagira umutungo, ikaba itagira uyihagarariye mu mategeko nta shingiro yahabwa kuko

ingingo ya 3, igika cya 3, y'Itegeko rimaze kwibutswa iteganya ko Urugaga rufite ubuzimagatozi kandi rwigenga, kuba rero rwaba rudakora ibyo ntabwo byabazwa Asiimwe Frank, bityo indishyi za 1.000.000Frw rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi zikaba zitagomba kuvanwaho.

D. Kumenya niba indishyi me Habimana Vedaste asaba Asiimwe Frank zifite ishingiro

- [78] Me Nkurunziza François-Xavier, uhagarariye Me Habimana Vedaste asaba uru Rukiko gutegeka Asiimwe Frank kumuha indishyi yasabye mu rwego rwa mbere n'urwa kabiri hiyongereyeho 3.000.000Frw yo muri uru rwego rw'ubujurire no gusubizwa amagarama yose yatanze.
- [79] Asiimwe Frank avuga ko amafaranga asabwa, uretse no kudatangirwa ibimenyetso nta shingiro yahabwa, kubera ko uyasaba ari we wishoye mu manza ku bushake bwe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[80] Urukiko rurasanga kuba Me Habimana Vedaste ariwe wagurishije ingwate mu cyamunara, kandi nk'uko inkiko zibanza zabibonye zigatesha agaciro cyamunara kubera yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, akaba ari ko n'uru Rukiko rubibona, rurasanga indishyi asaba atazihabwa kuko ariwe utsinzwe urubanza.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [81] Rwemeje ko ubujurire bwa Habimana Vedaste nta shingiro bufite;
- [82] Rwemeje ko ubujurire bwa Bank of Kigali Ltd nta shingiro bufite;
- [83] Rwemeje ko ubujurire bwuririye ku bundi bwa Asiimwe Frank bufite ishingiro kuri bimwe;
- [84] Rwemeje ko ubujurire bwuririye ku bundi bwa Musinguzi Hannington bufite ishingiro;
- [85] Rwemeje ko ubujurire bwuririye ku bundi bwa Regulatory Council for Property Valuation nta shingiro bufite;
- [86] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RCOMA 0011/16/2016 HCC & RCOMA 0035/16/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 31/03/2016 idahindutse, usibye ku ndishyi zagenwe kuri uru rwego no kuba Bank of Kigali Ltd igomba gusubiza Musinguzi Hannington 55.000.000Frw;
- [87] Rutegetse Me Habimana Vedaste guha Asiimwe Frank 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka na 300.000Frw y'ikurikiranarubanza yose hamwe akaba 1.300.000Frw kuri uru rwego;
- [88] Ruvuze ko cyamunara yakozwe ku wa 29/04/2015 iteshejwo agaciro;

- [89] Rutegetse Bank of Kigali Ltd gusubiza Musinguzi Hannington 55.000.000Frw yatanze agura inzu muri cyamunara, nayo ikagumana ingwate yatanzwe na Asiimwe Frank;
- [90] Ruvuze ko ingwate y'amagarama yatanzwe ihwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

MUNYANEZA N'UNDI v. ACCESS BANK Ltd

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCOMAA 00090/2018/CA (Mukanyundo P.J., Ngagi na Kanyange, J.) 26 Juillet 2019]

Amasezerano – amasezerano y'inguzanyo – Amasezerano y'ubwishingizi – Umwishingizi akomeza kuryozwa inshingano zo kwishyura umwenda kugeza habonetse impamvu mu ziteganywa n'amategeko zizimya ubwishingire.

Amasezerano – Amasezerano y'inguzanyo – Amasezerano y'ubwishingizi – Umwishingizi ntiyakwitwaza ivugururwa ry'amasezerano y'inguzanyo y'ibanze mu gihe iryo vugurura ritahinduye ishingiro ry'ubwo bwishingire.

Incamake y'ikibazo: ACCESS BANK RWANDA Ltd yahaye EXERT ENGINEERING Group Ltd inguzanyo, iyo nguzanyo yishingirwa na Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel, buri wese yishingira inshingano ziwukomokaho nk'uko bigaragara mu masezerano (personal guarantee).

Uwahawe inguzanyo yananiwe kwishyura bituma banki irega abishingizi mu Rukiko rw'ubucuruzi rwa nyarugenge isaba kwishyurwa umwenda remezo n'inyungu, inasaba indishyi zitandukanye. Uru rukiko rwemeza ko abishingizi bishyura umwenda wose.

Abishingizi ntibishimiye imikirize y'urubanza maze bajurira mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, uru rukiko rwemeza ko ubujurire nta shingiro bufite maze ruhamishaho imikirize y'urubanza rwajuririwe.

Bongeye bajurira mu Rukiko rw'Ubujurire ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwirengagije nkana ingingo z'amategeko zivuga ko ubwishingire budakekwa, kandi ko bugomba kumenyeshwa umwishingire mu buryo bweruye bavuga ko bamenyeshwa amasezerano yahinduwe aho banki yavuguruye amasezerano y'inguzanyo ku bijyanye n'icyo umwenda ugiye gukora, ariko Urukiko rwemeza ko kuba amasezerano y'inguzanyo yarahinduwe bitabuza ko bagomba kuyishingira; mu gihe kuba umuntu ari umuyobozi wa sosiyete, bitavuze ko iyo amasezerano ahinduwe akomeza byanze bikunze kuba umwishingizi, bityo, bakaba bataryozwa inguzanyo iri mu masezerano avuguruye batigeze bamenyeshwa.

Banki yiregura ivuga ko icyo abishingizi bishingiye ari umwenda atari icyo uzakora, bakaba rero bafite inshingano yo kuwishyura kuko bawishingiye kandi ko kuvuga ko abishingizi baragombaga kumenyeshwa ivugurura ry'amasezerano (amendement), bitari ngombwa kuko batagombaga kongera kwishingira icyo inguzanyo izakoreshwa (affectation) kandi barishingiye umwenda, bityo rero ko kuba amasezerano ya mbere atarahindutse, ahubwo yavuguruwe, nta mpamvu bari kubimenyeshwa.

Incamake y'icyemezo: 1. Umwishingizi akomeza kuryozwa inshingano zo kwishyura umwenda kugeza habonetse impamvu mu ziteganywa n'amategeko zizimya ubwishingire.

2. Umwishingirzi ntiyakwitwaza ivugururwa ry'amasezerano y'inguzanyo y'ibanze ngo areke kuzuza inshingano zo kwishyura umwenda, mu gihe iryo vugurura ritahinduye ishingiro ry'ubwo bwishingire.

Ubujurire nta shingiro bufite.

Amategeko yashingiweho:

Igitabo cya gatatu cy'urwenge rw'amategeko mbonezamubano (CCL III), ingingo ya 552, n'iya 573.

Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 ryerekeye amasezerano, ingingo ya 113.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

LIMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ku wa 25/09/2014, ACCESS BANK RWANDA Ltd, yagiranye na EXERT ENGINEERING Group Ltd amasezerano y'inguzanyo ingana na 2.070.000.000Frw hiyongereyeho inyungu za 16% ku mwaka; iyo nguzanyo ikaba yarimo ibice 3 ari byo:Term loan facility ingana na 410.000.000Frw ACCESS BANK RWANDA Ltd vagurive EXERT ENGINEERING GROUP Ltd muri COGEBANQUE Rwanda Ltd, Asset Finance ingana na 560.000.000Frw yo kugura amamashini yo gukoresha mu kazi EXERT ENGINEERING GROUP Ltd yari yatsindiye muri MINAGRI na Kaminuza y'U Rwanda, ishami rya finance facility Nyagatare, contract ingana na 1.100.000.000Frw yo gukoreshwa mu kurangiza amasezerano amaze kuvugwa, EXERT ENGINEERING GROUP Ltd yari ifitanye na MINAGRI hamwe na Kaminuza y'URwanda. Mbere y'uko uyu mwenda utangwa, Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel, buri wese yari yishingiye inshingano ziwukomokaho

nk'uko bigaragara mu masezerano (personal guarantee) bagiranye na ACCESS BANK RWANDA Ltd ku wa 20/05/2014.

- [2] EXERT ENGINEERING GROUP Ltd yananiwe kwishyura umwenda, bituma ACCESS BANK RWANDA Ltd irega Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel bayishingiye, isaba ko bayishyura umwenda ungana na 2.556.352.640Frw wabazwe kugeza ku wa 01/11/2016 kandi uzakomeza kubarwa kugeza igihe wose uzishyurirwa, bakanayiha indishyi zitandukanye.
- [3] Urubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel bemera ko koko amasezerano yo ku wa 20/05/2014 yabayeho, ariko ko umwenda bishingiye wamaze kwishyurwa kuko 1.100.000.000Frw ya *Guarantee Line* EXERT ENGINEERING GROUP Ltd itigeze iyahabwa. Babwiye Urukiko ko 970.000.000Frw bemera ko bishingiye ACCESSS BANK RWANDA Ltd yayiyishyuwe igurisha inzu n'imashini bya EXERT ENGINEERING GROUP Ltd zikoreshwa mu bwubatsi byari byatanzweho ingwate.
- [4] Ku wa 13/10/2017, Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwaciye urubanza, rwemeza ko Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel batubahirije amasezerano y'ubwishingizi bw'inguzanyo ACCESS BANK RWANDA Ltd yahaye EXERT ENGINEERING GROUP Ltd, ko ibyo bireguza ko hari ingwate zagurishijwe zikishyura umwenda nta shingiro bifite, kandi ko n'ibyo basaba ko itambamira ry'umutungo wabo ryakorewe ku mubitsi w'impapuro mpamo z'ubutaka ryakurwaho, nabyo bidakwiye guhabwa ishingiro.Uru Rukiko rwemeje ko umwenda Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel bagomba kwishyura ACCESSS BANK RWANDA Ltd ubarwa kugeza ku wa

22/12/2016 ,ubwo Urukiko rwemeje ko hatangijwe ikurikirana ry'igihombo cya EXERT ENGINEERING GROUP Ltd nk'uko bigaragara mu rubanza RCOM 0729/2016/TC/NYGE na R COM 0756/2016/TC/NYGE,rutegeka Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel kwishyura ACCESS BANK RWANDA Ltd amafaranga angana na 2.594.697.930 Frw y'umwenda wagaragaraga kuri compte ya EXERT ENGINEERING GROUP Ltd kugeza ku wa 26/05/2017 hamwe n'amafaranga 500.000 Frw y'igihembo cya avoka.

- [5] Mudenge Emmanuel na Munyaneza Félicien bajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, maze ku wa 21/06/2018, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ruca urubanza RCOMA 00723/2017/CHC/HCC, rwemeza ko ubujurire bwa Mudenge Emmanuel na Munyaneza Félicien nta shingiro bufite, ruhamishaho imikirize y'urubanza rwajuririwe, rubategeka guha ACCESS BANK RWANDA Ltd 1.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.
- Emmanuel Munyaneza Mudenge na Félicien imikirize v'urubanza, baiuririra ntibishimive Urukiko rw'Ubujurire, bavuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwirengagije nkana ingingo z'amategeko zivuga ko ubwishingire budakekwa, kandi ko bugomba kumenyeshwa umwishingire mu buryo bweruye nk'uko abahanga babiyuga, ntirwaha agaciro ubusabe bwabo bwo gukuraho itambama ryashyizwe ku mitungo yabo kuko umwenda bishingiye warangije kwishyurwa, bakaba bataryozwa inguzanyo iri mu masezerano avuguruye batigeze bamenyeshwa,basaba ko Urukiko rukuraho iri tambama.
- [7] Indi mpamvu y'ubujurire batanga, ni uko badakwiye kuryozwa umwenda wa 1,100,000,000Frw kuko nta masezerano y'ubwishingire avugurura aya mbere bagiranye na ACCESS

BANK RWANDA Ltd ngo bemeranye ku bijyanye n'icyo umwenda ugiye gukora. Bavuga ko rero nta kuntu baryozwa inguzanyo kuko amasezerano agira ingaruka ku bayagiranye.

- ruhame rwaburanishijwe mu [8] Urubanza wa 07/05/2019, Mudenge Emmanuel na Munyaneza Félicien bahagarariwe na Me Mugengangabo Jean Népomuscène, naho ACCESS BANK RWANDA Ltd ihagarariwe Bizumuremyi Isaac, wahise azamura inzitizi y'uko Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ubujurire yari afite inshingano yo gusuzuma inzitizi yo kutakira ubujurire bwa kabiri bwatanzwe na Mudenge Emmanuel na Munyaneza Félicien kuko batsinzwe mu nkiko zombi ku mpamvu zimwe, ashingiye ku ngingo ya 52 y'Itegeko Nº 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, asaba ko Urukiko rumutegeka kubisuzuma kuko atabikoze, aho kugira ngo bisuzumwe bwa mbere n'inteko iburanisha urubanza. Bitewe n'uko Me Bizumuremyi Isaac yari yashyize imyanzuro y'iyi nzitizi muri IECMS bucya iburanisha riba, Urukiko rwafashe icyemezo cyo kwimura iburanisha kugira ngo Me Mugengangabo Jean Népomuscène abashe gutegura imyanzuro yo kwiregura, iburanisha rishyirwa ku wa 14/05/2019.
- [9] Kuri iyo tariki, urubanza rwaburanishijwe mu ruhame, ababuranyi bahagarariwe nka mbere, icyo kibazo aba ari cyo cyonyine kigibwaho impaka. Ku wa 24/05/2019, Urukiko rwafashe icyemezo ko ibyo ACCESS BANK RWANDA Ltd isaba ko Umwanditsi Mukuru yakongera gusuzuma iyakirwa ry'ikirego cy'ubujurire bwa kabiri bwatanzwe na Mudenge Emmanuel na Munyaneza Félicien nta shingiro bifite, rwemeza ko iburanisha rizakomeza ku wa 24/06/2019.
- [10] Kuri iyo tariki, urubanza rwaburanishijwe mu ruhame, impande zombi zihagarariwe nka mbere, Me Bizumuremyi Isaac

avuga ko inzitizi y'iburabubasha ry'Urukiko rw'Ubujurire ishingiye y'uko abajuriye batsinzwe ku mpamvu zimwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri yari yatanze ayiretse; isomwa ry'urubanza rishyirwa ku wa 26/07/2019.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

Kumenya niba Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel bataryozwa inguzanyo iri mu masezerano avuguruye kuko batayamenyeshejwe

- [11] Me Mugengangabo Jean Népomuscène, uburanira Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel, avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwirengagije nkana ingingo z'amategeko zivuga ko ubwishingire budakekwa, kandi ko bugomba kumenyeshwa umwishingire mu buryo bweruye nk'uko abahanga babivuga, ntirwaha agaciro ubusabe bwabo bwo gukuraho itambama ryashyizwe ku mitungo yabo kuko umwenda bishingiye warangije kwishyurwa, bakaba bataryozwa inguzanyo iri mu masezerano avuguruye batigeze bamenyeshwa.
- [12] Akomeza avuga ko icyo banenga urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ari uko rwemeje ko kuba amasezerano y'inguzanyo yarahinduwe bitabuza ko Mudenge Emmanuel na Munyaneza Félicien bagomba kuyishingira; mu gihe kuba umuntu ari umuyobozi wa sosiyete, bitavuze ko iyo amasezerano ahinduwe akomeza byaze bikunze kuba umwishingizi; ko rero umwenda bishingira ari 2.070.000.000Frw hakuwemo 1.100.000.000Frw kuko yo yahinduriwe icyo yari agenewe mu masezerano ya mbere nk'uko bigaragara mu ivugurura ry'amasezerano ryo ku wa 03/06/2014. Asaba Urukiko

ko rwazasuzuma niba igihe habayeho guhindura icyo amafaranga y'umwenda yari agenewe (affectation) hagati ya banki n'uyirimo umwenda, bishyiraho inshingano yo kwishyura uwari wayishingiye mbere y'uko habaho guhindura "affectation" yawo.

- [13] Me Bizumuremyi Isaac avuga ko mu kuvugurura amasezerano, 1.100.000.000Frw yagabanyijwemo ibice bitatu, 700.000.000Frw aba aya "garantie", 300.000.000Frw aba discount naho 100.000.000Frw aba aya overdraft, bivuze ko iyo baba baburana ibyo kuba 1.100.000.000Frw, yarahinduriwe icyo yari yagenewe (affectation), baba baburana 400.000.000Frw kuko 700.000.000Frw yo icyo yari agenewe kitahindutse, kuko yakomeje kuba aya garantie. Avuga ko icyo Mudenge Emmanuel na Munyaneza Félicien bishingiye ari umwenda atari icyo uzakora, bakaba rero bafite inshingano yo kuwishyura kuko bawishingiye, bakaba batazabazwa ibyavuye mu masezerano, ko ibi biteganyijwe mu ngingo ya mbere, agace ka "a", k'amasezerano ya "personal guarantee".
- [14] Akomeza avuga ko ku bijyanye no kuba abishingizi baragombaga kumenyeshwa ivugurura ry'amasezerano (amendement), ibi bitari ngombwa kuko batagombaga kongera kwishingira icyo inguzanyo izakoreshwa (affectation) kandi barishingiye umwenda, bityo rero ko kuba amasezerano ya mbere atarahindutse, ahubwo yavuguruwe, nta mpamvu bari kumenyeshwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[15] Ingingo ya 552 y'Igitabo cya gatatu cy'urwenge rw'amategeko mbonezamubano iteganya ko: "Uwishingiye undi aba yiyemeje imbere y'ugomba kwishyurwa kuzamwishyura mu

igihe ugomba kwishyura azaba atabikoze". Ingingo ya 573 y'itegeko rimaze kwibutswa iteganya ko: "Inshingano ikomoka ku bwishingire izima kubera impamvu zimwe n'izizimya izindi nshingano.

- [16] Dosiye y'urubanza igaragaza ko ku wa 29/05/2014, ACCESS BANK RWANDA Ltd yakoranye na EXERT ENGINEERING GROUP Ltd amasezerano y'inguzanyo afite No 5855/HCC/LH/TN14 arimo ibyiciro bitatu bigizwe na "Term loan facility" ingana na 410.000.000Frw, ACCESS BANK RWANDA Ltd yaguriye EXERT ENGINEERING GROUP Ltd muri COGEBANQUE RWANDA Ltd, "Asset Finance" ingana na 560.000.000Frw yo kugura amamashini yo gukoresha mu kazi EXERT ENGINEERING GROUP Ltd yari yatsindiye muri MINAGRI na Kaminuza y'u Rwanda, ishami rya Nyagatare, na "contract finance facility" ingana na 1.100.000.000Frw vo gukoresha mu kurangiza amasezerano amaze kuvugwa, Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel bakaba bari bishingiye iyo nguzanyo ya 2.070.000.000Frw yo ku wa 20/05/2014, nk'uko bigaragazwa n'amasezerano y'ubwishingire vasinyiwe imbere va noteri ku wa 02/06/2014.
- [17] Muri dosiye harimo na none inyandiko yitwa "Amendment N° 1 to the Principle Loan Agreement N° 5855/HCC/LH/TN/14 of May 30, 2014" yo ku wa 03/06/2014 yashyizweho umukono na Munyaneza Félicien nka Managing Director wa EXERT ENGINEERING GROUP Ltd. Mu iriburiro (preambule) ry'ayo masezerano havugwamo ko banki na

nyir'ukugurizwa bemeranyije ko ayo masezerano ari igice cy'amasezerano y'ibanze kandi ko ari amwe mu biyagize¹.

[18] Urukiko rurasanga mu gihe EXERT ENGINEERING GROUP Ltd yahawe inguzanyo inaniwe kwishyura nk'uko bigaragara mu rubanza RCOM 0729/2016/TC/ NYGE na RCOM 0756/2016/TC/NYGE rwemeje itangira ry'ikurikiranwa ry'igihombo cya EXERT ENGINEERING GROUP Ltd, nta cyabuza ACCESS BANK RWANDA Ltd gusaba ko Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel baryozwa umwenda bishingiye, nk'uko ingingo ya 552 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano yibukijwe haruguru ibiteganya.

[19] Urukiko rurasanga amasezerano yo ku wa 03/06/2014 adasimbura ay'ibanze yo ku wa 29/04/2014, ari nayo arimo umwenda wa 2.070.000.000Frw, Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel bishingiye, buri wese akishingira inguzanyo yose, ahubwo agize kimwe mu gice cy'ay'ibanze, kandi muri ayo masezerano ibyahinduwe mu bwumvikane bw'impande zombi bikaba bitareba ingingo y'ubwishingire, bivuze ko mu gihe umwenda Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel bishingiye utarishyurwa, kandi no mu masezerano avugurura aya mbere akaba ntaho bigaragara ko bahinduye ingingo ijyanye n'ubwishingizi bwabo, bakomeze kuryozwa umwenda bishingiye kugeza habonetse impamvu mu zitengwanywa n'amategeko zizimya ubwishingire² nk'uko ingingo ya 573

-

¹ The Bank and the Borrower hereby agree that the present addendum agreement constitute part of the principle agreement and forms an integral part of it.

² Ingingo za 98-108 y'Itegeko Nº 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 ryerekeye amasezerano iteganya impamvu zatuma inshingano zivanwaho nko: gusaba ingurane cyangwa isimbura; gusiba inyandiko, kuyica cyangwa kuyisubiza ufite inshingano, kwemera kuvanaho inshingano z'urundi ruhande; guhara

y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano cyavuzwe haruguru ibiteganya.

[20] Urukiko rurasanga ibyo Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel bavuga ko bataryozwa inguzanyo iri mu masezerano avuguruye batigeze bamenyeshwa, nta shingiro byahabwa kuko nk'uko byibukijwe haruguru, ingingo ijyanye n'ubwishingire itigeze ivugururwa, bivuze ko yagumanye agaciro kayo, cyane cyane ko ariya masezerano yiswe "Amendment No 1 to the Principle Loan Agreement N°5855/HCC/LH/TN/14 of May 30, ataie asimbura amasezerano y'ibanze, varashvizweho umukono na Munyaneza Félicien nka Managing Director wa EXERT ENGINEERING GROUP Ltd.

[21] Urukiko rurasanga na none ibyo bavuga ko kuba affectation ya 1.100.000.000Frw harahinduwe bataryozwa aya mafaranga, nabyo nta shingiro byahabwa kuko icyo bishingiye ari umwenda wose, n'aya 1.100.000.000Frw arimo. Naho kuba baragombaga kumenyeshwa ivugururwa ry'amasezerano, Urukiko rurasanga mu gihe byari bigaragaye ko izindi ngingo z'amasezerano y'ibanze zigumanye agaciro kazo, harimo n'ubwishingire, bitari ngombwa ko bamenyeshwa, ariko kandi rukaba runasanga Munyaneza Félicien wari Managing Director wa EXERT ENGINEERING GROUP Ltd washyize umukono kuri ayo masezerano avugurura aya mbere atasubira inyuma ngo avuge ko batigeze bamenyeshwa ko ishingano zabo zo kwishingira umwenda wa sosiyete zikomezanya n'umwenda iyo sosiyete ifitiye banki.

umwenda; ibisimbura ibisabwa gukorwa, amasezerano asimbura andi, ubwishyu bwumvikanyweho, ubwumvikane bwo gusesa amasezerano; uguharira umwenda n'ihwanya ry'imyenda.

- [22] Hashingiwe ku ngingo z'amategeko zibukijwe no ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel ari abishingizi ba EXERT ENGINEERING GROUP Ltd, bakaba bagomba kuryozwa umwenda iyo sosiyete ibereyemo ACCESS BANK RWANDA Ltd.
- 2. Kumenya niba amasezerano y'ubugure bw'ingwate yagumana agaciro kayo ku buryo yaherwaho mu kugabanya umwenda Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel bishyuzwa.
- [23] Me Mugengangabo Jean Népomuscène, uburanira Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel, avuga ko amasezerano y'ubugure bw'ingwate y'inzu ku bushake ya EXERT ENGINEERING GROUP Ltd bitabaye ngombwa ko binyura mu cyamunara atagombaga guteshwa agaciro, ko kandi banki yakoze amakosa ubwo yashingiraga ku ibaruwa ya liquidateur yavugaga ko ayo masezerano nta gaciro afite bigatuma isubiza ULTRA INVESTMENT 1.500.000.000Frw yari yatanze igura iyo inzu, ikaba yaraje kongera kugurishwa amafaranga make bigatuma umwenda wa EXERT ENGINEERING GROUP Ltd utagabanyuka cyane.
- [24] Me Bizumuremyi Isaac avuga ko iyi ngwate yagurishijwe na Munyaneza Félicien, kandi nta ruhare ACCESS BANK RWANDA Ltd yabigizemo, usibye gusa kuba yari umuhamya muri ayo masezerano. Akomeza avuga ko liquidateur washyizweho n'Urukiko yandikiye ACCESS BANK RWANDA Ltd ayimenyesha ko ingwate yagurishijwe n'umuntu utabifitiye ububasha, bituma banki isubiza ULTRA INVESTMENT 1.500.000.000Frw yari yaguze iyo inzu, yaje kugurishwa 300.000.000Frw mu buryo bwemewe n'amategeko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [25] Ingingo ya 113, igika cya mbere, y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 ryerekeye amasezerano iteganya ko: "Amasezerano agira inkurikizi ku bayagiranye (...)".
- [26] Urukiko rurasanga amasezerano yo kugurisha ingwate yatanzwe na EXERT ENGINEERING GROUP Ltd yarabaye hagati ya ULTRA INVESTMENT na Munyaneza Félicien, akaba ntaho areba ACCESS BANK RWANDA Ltd, usibye gusa kuba yaravuyemo ubwishyu bwayo nk'uko bwari kuva n'ahandi. Kuba rero uwari ushinzwe gucunga igihombo cya EXERT ENGINEERING GROUP Ltd yarandikiye banki ayisaba gusubiza amafaranga yavuye mu igurisha ry'ingwate, koko banki ikayasubiza, nta kosa banki yakoze kuko itari kugumana ubwishyu buturutse ku igurisha ryateshejwe agaciro.
- [27] Urukiko rurasanga na none n'ubwo ingwate yaje kugurishwa ku mafaranga make cyane, ugereranyije n'aya mbere, nta ruhare banki yabigizemo kuko nta nyungu yari ifite yo gusubiza ubwishyu yari yamaze kwakira cyangwa se yo kwakira ubwishyu buri hasi y'ubwo yari yakiriye mbere.
- [28] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga ubujurire bwa Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel kuri iyi ngingo budafite ishingiro kuko ntaho rwahera ruvuga ko amasezerano y'ubugure yateshejwe agaciro kubera ko atujuje ibisabwa n'amategeko yagumaho, n'ubwishyu buyakomokaho ngo nabwo bugumane agaciro.

3. Kumenya ishingiro ry'indishyi zisabwa muri uru rubanza

- [29] Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel basaba Urukiko gutegeka ko indishyi baciwe (550.000Frw mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge na 2.000.000Frw mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi) zikurwaho kuko ACCESS BANK RWANDA Ltd ari yo yabakuruye mu manza ibaryoza umwenda batishingiye, basaba ko ahubwo ariyo ibaha indishyi zingana na 8.000.000Frw kuri buri wese, y'igihembo cya Avoka wababuraniye kuva mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge kugera mu Rukiko rw'Ubujurire. Basaba kandi ko Urukiko ruyitegeka kubishyura 100.000 Frw y'amagarama y'urubanza batanze bajuririra urubanza RCOM 00120/2017/TC/NYGE na 150.000Frw batanze bajuririra RCOMA 00723/2017/CHC/HCC, bakanabasubiza 2,000, 000Frw y'ikurikiranarubanza.
- [30] Ku birebana n'izi ndishyi, Me Bizumuremyi Isaac avuga ko Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel badakwiye gukurirwaho amafaranga baciwe cyangwa guhabwa igihembo cya avoka n'amafaranga y'ikurikiranarubanza basaba, cyeretse mu gihe baba batsinze urubanza.
- [31] ACCESS BANK RWANDA Ltd yo isaba gusubizwa igihembo cya Avoka kingana na 1.000.000Frw kuri buri urega kugira ngo isubizwe ibyo yatanze kuri uru rwego, na 10.000.000Frw y'ikurikiranarubanza kubera ko imaze igihe cy'imyaka irenga ibiri (kuva ku wa 10/01/2017) iburana uru rubanza.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- Ingingo ya 111 y'Itegeko $N^022/2018$ ryo ku wa [32] imiburanishirize 29/04/2018 ryerekeye v'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko: "Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza ari ikirego gishamikira ku kirego cy'iremezo kigamije kwishyuza ibyakoreshejwe rubanza. Ikirego cv'amafaranga mu y'ikurikiranarubanza kiburanishirizwa rimwe n'ikirego cy'iremezo. Gishobora kandi kwakirwa kikanaburanishwa n'iyo ikirego cy'iremezo cyaba kitakiriwe".
- [33] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel badakwiye guhabwa indishyi basaba kubera ko ari bo batubahirije amasezerano bagiranye na ACCESS BANK RWANDA Ltd, bityo rero bakaba batagomba gusaba gusubizwa ibyo baba baratakaje kubera uru rubanza.
- [34] Urukiko rurasanga ACCESS BANK RWANDA Ltd yarashatse umunyamategeko uyiburanira uru rubanza kuri uru rwego, bikaba byumvikana ko yamuhaye ikiguzi kugira ngo akore uwo murimo, bityo rero rukaba rusanga Munyaneza Félicien na Mudenge Emmanuel bagomba kuyiha amafaranga 700.000Frw y'igihembo cya Avoka agenwe mu bushishozi bwarwo kuko rusanga ari mu rugero rukwiye.
- [35] Rurasanga kandi bakwiye kuyiha amafaranga y'ikurikiranarubanza kuri uru rwego kuko ayasabwe ari ikirenga kandi ACCESS BANK RWANDA Ltd ikaba itagaragaza ibimenyetso yahereyeho iyabara, akaba atanagenwa haherewe igihe urubanza rwatangiriye mu mwaka wa 2017 kuko hari ayo bagenewe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, bityo bakaba bagomba kuyiha amafaranga ibihumbi magana atatu (300.000Frw) kuri uru rwego, hakurikijwe igihe urubanza rumaze muri uru Rukiko n'imirimo yarukozweho. Urukiko

rurasanga ibirebana n'uko ACCESS BANK RWANDA Ltd imaze igihe cy'imyaka ibiri iburana uru rubanza bitashingirwaho mu kuyiha indishyi, kuko Mudenge Emmanuel na Munyaneza Félicien bari bafite uburenganzira bwo kujurira mu gihe batishimiye ibyemezo byafashwe n'inkiko zabanje.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [36] Rwemeje ko ubujurire bwa Mudenge Emmanuel na Munyaneza Félicien nta shingiro bufite;
- [37] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RCOMA 00723/2017/CHC/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 21/06/2018, idahindutse;
- [38] Rutegetse Mudenge Emmanuel na Munyaneza Félicien guha ACCESS BANK RWANDA Ltd amafaranga ibihumbi magana arindwi (700.000Frw) y'igihembo cya Avoka n'ibihumbi magana atatu (300.000Frw) y'ikurikiranarubanza kuri uru rwego;
- [39] Ruvuze ko amagarama yatanzwe ahwanye n'imirimo yakozwe muri uru rubanza.

URUBANZA RW'UBUTEGETSI

UMUJYI WA KIGALI v. MACO MUSONI

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RADA 00005/2018/CA (Mukanyundo, P.J., Mukandamage na Kanyange J.) 05 Ukwakira 2018]

Amasezerano — Amasezerano y'ubugure —Umutungo utimukanwa — Ugushikiriza (délivrance) — Gutanga ibintu byimukanwa byagurishijwe bikajya mu bubasha no mu butunzi bw'umuguzi (délivrance) biba iyo habaye itangwa nyakuri ry'ikintu, cyangwa hatanzwe imfunguzo z'inyubako birimo, cyangwa se hakurikijwe ukwemera kw'abagiranye amasezerano, iyo ugutangwa kw'ikintu kudashobora kuba umunsi w'igurisha cyangwa se niba ugura yari asanzwe agifite ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose

Amategeko agenga inshingano – Uburyozwe – Uburangare – Ushinzwe kurinda n'ukwita ku bintu aryozwa ibyangijwe nibyo ashizwe kwitaho mugihe biba byatewe n'uburangare bwe.

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – Kwiregura – Uwireguza impamvu itunguranye kandi idashobora kwirindwa (cas de force majeure) – Uwireguza impamvu itunguranye kandi idashobora kwirindwa (cas de force majeure) agomba kugaragaza ko ingaruka zayo zidashoboraga kwirindwa.

Incamake y'ikibazo: Nyuma yaho igiti kiri ku muhanda Remera – Gishushu cyigwiriye imodoka minibus Hiace RAA 089 K ikangirika, nyirayo yareze Umujyi wa Kigali mu Rukiko Rukuru asaba indishyi zikubiyemo yo gukoresha imodoka amafaranga

iyo modoka yingizaga buri munsi mu gihe cyose yamaze ihagaze n'amafaranga y'ikurikiranarubanza. Urwo Rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko igiti cyawo cyagwiriye iyo modoka ikangirika, bityo, ukaba ugomba kuryozwa ibyangiritse kuri iyo modoka, rumugenera n'amafaranga iyo modoka yagombaga kuba yarinjije iyo iza kuba ikora.

Umujyi wa Kigali wajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw 'Ikirenga, nyuma yivugurura ry'inkiko rwimurirwa mu Rukiko rw'Ubujurire. Aho uvuga ko ubujurire bwayo bushingiye ku mpanvu ko Urukiko rubanza rutasuzumye niba imodoka asabira indishyi ari iy'uwareze cyangwa ari iy'undi muntu, ko rutasesenguye impamvu y'iyo mpanuka ngo rubone ko udakwiye kuryozwa impanuka yatewe n 'impamvu itunguranye kandi itawuturutseho (cas de force majeure) kandi ko rwagennye indishyi nyinshi zidakwiye.

Mu kwiregura nyiri modoka avuga ko yatanze ibimenyetso bigaragaza ko ariwe nyiri imodoka ko kandi nta wundi muntu uyikurikiranye, igiti cyagwiriye iyo modoka ari icy'Umujyi wa Kigali, cyaguye ku uburangare bwa nyiracyo kuko cyari gishaje kandi kititabwagaho, ko kandi indishyi zagenwe n'Urukiko rubanza zikwiye kongerwa kubera ko n'ubu imodoka itarakorwa.

Incamake y'icyemezo:1.Gutanga ibintu byimukanwa byagurishijwe bikajya mu bubasha no mu butunzi bw'umuguzi (délivrance) biba iyo habaye itangwa nyakuri ry'ikintu, cyangwa hatanzwe imfunguzo z'inyubako birimo, cyangwa se hakurikijwe ukwemera kw'abagiranye amasezerano, iyo ugutangwa kw'ikintu kudashobora kuba umunsi w'igurisha cyangwa se niba ugura yari asanzwe agifite ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose, bityo n'ubwo mu guhererekanya imodoka yagize impanuka hagati y'abayiguze mu bihe bitandukanye, "carte jaune" yayo

itaragiye ihindurirwa amazina ngo yandikweho uguze, bigaragara ko iyo modoka ari iyo uregwa, kuko yayiguze, ikaba yaragize impanuka ariwe uyitunze n'ibyangombwa byayo..

- 2. Ushinzwe kurinda n'ukwita ku bintu aryozwa ibyangijwe n'ibyo ashizwe kwitaho mugihe biba byatewe n'uburangare bwe, bityo Umujyi wa Kigali ugomba kwishyura amafaranga yo gukoresha imodoka yangiritse kubera impanuka yatewe n'igiti cyayo cyo ku muhanda n'indishyi z'akababaro.
- 3. Uwireguza impamvu itunguranye kandi idashobora kwirindwa agomba kugaragaza ko ingaruka zayo zitashoboraga kwirindwa.

Ubujurire bufite ishingiro kuri bimwe. Ubujurire bwuririye ku bundi bufite ishingiro kuri bimwe. Amagarama y'urubanza aherereye k'Umujyi wa Kigali.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 12,152

Itegeko Nº 15/2004 ryo ku wa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 2.

Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano (CCLIII), ingingo ya 260, igika cya 1

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Maco Musoni Oscar Léonce yareze Umujyi wa Kigali mu Rukiko Rukuru asaba indishyi zingana na 24.450.000 Frw, zikubiyemo 3.304.000 Frw yo gukoresha imodoka ye minibus Hiace RAA 089 K yagize impanuka ku wa 09/09/2010 itewe n'igiti cyo ku muhanda Remera Gishushu cyayigwiriye ikangirika, 30.000 Frw ku munsi iyo modoka yakoreraga mu gihe cyose yamaze ihagaze kuva ku itariki ya 10/09/2010 kugeza urubanza ruciwe, n'amafaranga y'ikurikiranarubanza.
- [2] Ku wa 19/04/2013, Urukiko Rukuru rwaciye urubanza n° RAD 0108/11/HC/KIG Umujyi wa Kigali udahari, rwemeza ko igiti cyawo cyagwiriye imodoka ya Maco Musoni Oscar Léonce ikangirika cyane nk'uko bigaragazwa n'inyandikomvugo y'impanuka (procès verbal d'accident) yo ku wa 17/09/2010 na "devis de réparation", bityo ukaba ugomba kuryozwa ibyangiritse kuri iyo modoka hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 260 y'Itegeko ryo ku wa 30/07/1888 ryerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano (CCLIII), maze ukamuha 14.025.000 Frw imodoka yagombaga kuba yarinjije iyo iza kuba ikora, agenwe mu bushishozi, abariwe kuri 15.000Frw ku munsi mu gihe cy'iminsi 935, amafaranga angana na 3.304.000 Frw yo kuyikoresha n'indishyi z'akababaro zingana na 200.000 Frw zo kubura imodoka muri icyo gihe cyose, nazo zigenwe mu bushishozi.
- [3] Umujyi wa Kigali wajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga ruhabwa n^o RADA 0001/14/SC, nyuma rwimurirwa

mu Rukiko rw'Ubujurire hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 105 y'Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, maze ruhabwa n° RADA 00005/2018/CA.

- [4] Mu bujurire bwawo, Umujyi wa Kigali uvuga ko Urukiko Rukuru rwageneye indishyi Maco Musoni Oscar Léonce rudasuzumye niba imodoka asabira indishyi ari iye cyangwa ari iy'undi muntu, ko rutasesenguye impamvu y'iyo mpanuka ngo rubone ko udakwiye kuryozwa impanuka yatewe n'impamvu itunguranye kandi itawuturutseho (cas de force majeure), ko ndetse rwagennye indishyi nyinshi zidakwiye, naho MACO MUSONI Oscar Léonce akavuga ko yatanze ibimenyetso bigaragaza ko ariwe nyiri imodoka ko kandi nta wundi muntu uyikurikiranye, ko igiti cyayigwiriye ari icy'Umujyi wa Kigali kubera uburangare wagize kuko cyari gishaje, ko kandi indishyi zagenwe n'Urukiko Rukuru zikwiye kongerwa kubera ko n'ubu imodoka itarakorwa.
- [5] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 12/09/2018, Umujyi wa Kigali uhagarariwe na Me Kayiranga Rukumbi Bernard, naho Maco Musoni Oscar Léonce ahagarariwe na Me Bizimana Shoshi Jean Claude.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

A. Ubujurire bw'Umujyi wa Kigali

- a. Kumenya niba Maco Musoni Oscar Léonce yararegeye indishyi zikomoka ku mpanuka y 'imodoka mu Rukiko Rukuru kandi adafite ububasha bwo kuziregera.
- [6] Me Kayiranga Rukumbi Bernard, uburanira Umujyi wa Kigali, avuga ko ikirego gisaba indishyi cyatanzwe na Maco Musoni Oscar Léonce mu Rukiko Rukuru kitagombaga kwakirwa, ko hagombaga kubanza gusuzumwa niba koko imodoka azisabira ari iye. Akomeza avuga ko mu nyandikomvugo y'impanuka (procès-verbaL d'accident) ku rupapuro rwa 4 hagaragaramo ko nyiri imodoka yitwa Ntare Mathias, ko icyari kugaragaza nyirayo ari "carte jaune", ko ariko Maco Musoni Oscar Léonce ntayo yatanze muri urwo Urukiko, hakaba rero nta kigaragaza ukuntu iyo modoka yanditse kuri Ntare Mathias yabaye iya Twagirimana Emmanuel mu buryo bwemewe n'amategeko, ku buryo nawe yashoboraga kuyigurisha maco Musoni Oscar Léonce nk'uko biri mu masezerano y'ubugure.
- [7] Asanga rero mu gihe icyo kimenyetso kiranga imodoka kitagaragajwe, hashobora kuba uburiganya, Maco Musoni Oscar Léonce akiyitirira imodoka y'undi muntu, kuko hari n'igihe umutungo ushobora kubaho udafite nyirawo (bien abandonné), hakaba rero hadakwiye gushingirwa ku ihame ry'uko ufite umutungo wimukanwa ari we nyirawo.

- [8] Me Bizimana Shoshi Jean Claude, uhagarariye Maco Musoni Oscar Léonce, avuga ko muri dosiye harimo amasezerano agaragaza ko yaguze imodoka na Twagirimana Emmanuel ku wa 24/07/2010, ko ndetse Ntare Mathias ugaragara kuri "carte jaune" ko ari nyirayo yiyemereye mu nyandiko ye yo ku wa 09/01/2018 ko iyo modoka itakibarizwa mu mutungo we, kuko yayigurishije na Niyonzima Théogène, waje nawe kuyigurisha na Twagirimana Emmanuel, ko kandi bisanzwe ko umuntu yagura imodoka yanditse ku wundi akayitunga nta nkomyi. Asanga rero imodoka yakoze impanuka ari iya Maco Musoni Oscar Léonce, ko kandi ari Ntare Mathias cyangwa Twagirimana Emmanuel ntawigeze aza kuyiburana ngo habe hariho impaka.
- [9] Akomeza avuga ko "carte jaune" atari cyo kimenyetso kiranga nyiri imodoka n'ubwo ishobora kwifashishwa, ko ariko mu gihe habayeho ubugure, ugura n'ugurisha bakumvikana ku giciro no ku kigurwa, amasezerano y'ubugure aba yuzuye, ko rero guhinduza imodoka muri Rwanda Revenue Authority ari umuhango gusa utuma hamenyekana uzatanga umusoro w'imodoka.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[10] Ingingo ya 2 y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko "ikimenyetso cyo mu rubanza ni uburyo bukoreshwa kugira ngo ukuri kw'ibyabaye kugaragare ". Naho ingingo ya 12, igika cya 1, y'Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko "Urega agomba agomba

kugaragaza ibimenyetso by'ibyo aregera. Iyo abibuze, uwarezwe aratsinda".

- [11] Ku byerekeye inshingano z'umugurisha, ingingo ya 283 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano (CCLIII) iteganya ko gutanga ibintu byimukanwa byagurishijwe bikajya mu bubasha no mu butunzi bw'umuguzi (délivrance) biba iyo habaye itangwa nyakuri ry'ikintu, cyangwa hatanzwe imfunguzo z'inyubako birimo, cyangwa se hakurikijwe ukwemera kw'abagiranye amasezerano, iyo ugutangwa kw'ikintu kudashobora kuba umunsi w'igurisha cyangwa se niba ugura yari asanzwe agifite ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose.
- [12] Nk'uko bigaragara mu nyandiko ziri muri dosiye, imodoka minibus Toyota Hiace RAA 089 K yakoze impanuka ku wa 09/09/2010 yanditse kuri Ntare Mathias, uyu akaba yaranditse hamwe n'umugore we Dusabimana Hawa bavuga ko iyo modoka itakiri mu mutungo wabo kuko bayigurishije Niyonzima Théogène, nawe aza kuyigurisha Twagirimana Emmanuel nk'uko amasezerano bagiranye ku wa 30/09/2005 abisobanura, nyuma igurwa na Maco Musoni Oscar Léonce nk'uko amasezerano yo ku wa 24/07/2010 abigaragaza, ikaba rero yarakoze impanuka ayimaranye hafi amezi abiri.
- [13] Urukiko rurasanga n'ubwo mu guhererekanya imodoka minibus Toyota Hiace RAA 089 K hagati y'abayiguze mu bihe bitandukanye, "carte jaune" yayo itaragiye ihindurirwa amazina ngo yandikweho uguze, ibimenyetso Maco Musoni Oscar Léonce yatanze bigaragaza ko ari iye, kuko yayiguze, ikaba yaragize impanuka ariwe uyitunze n'ibyangombwa byayo.

- [14] Urukiko rurasanga kandi, Umujyi wa Kigali nta kimenyetso watanze kigaragaza ko, ubwo iyo modoka yagiraga impanuka, yari idafite nyirayo ku buryo Maco Musoni Oscar Léonce yayiyitiriye.
- [15] Hashingiwe rero ku ngingo z'amategeko zavuzwe haruguru no ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga ntacyari kubuza Maco Musoni Oscar Léonce kuregera indishyi zikomoka ku mpanuka y'imodoka minibus Toyota Hiace RAA 089 K nk'uko yabikoze, ngo anazihabwe mu gihe zaba zifite ishingiro.

b. Kumenya niba Umujyi wa Kigali utagomba kuryozwa indishyi z'impanuka yatewe n'igiti cyangije imodoka ya Maco Musoni Oscar Léonce

- [16] Me Kayiranga Rukumbi Bernard, uburanira Umujyi wa Kigali, avuga ko Urukiko Rukuru rwageneye indishyi Maco Musoni Oscar Léonce rudasesenguye neza impamvu yateje impanuka, ngo rwumve niba koko Umujyi wa Kigali waryozwa impanuka yatewe n'imvura yaguye irimo umuyaga mwinshi igatuma igiti cyo ku muhanda kigwa.
- [17] Akomeza avuga ko adahakana ko igiti cyagwiriye imodoka ari icy'Umujyi wa Kigali, ko ariko uburyozwe bwawo bwabaho ari uko hagaragaye ko utacunze neza ibiti byawo, ko rero icyabaye atari ukutabyitaho, ahubwo impanuka yatewe n'impamvu Umujyi wa Kigali utashoboraga guteganya cyangwa kwirinda (cas de force majeure), ko rero hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 46 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano (CCLIII) yakurikizwaga icyo gihe, Umujyi wa Kigali udakwiye kuryozwa indishyi izo arizo zose.

[18] Me Bizimana Shoshi Jean Claude, uhagarariye Maco Musoni Oscar Léonce, avuga ko uburyozwe bw'Umujyi wa Kigali bushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 260 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano (CCLIII), kubera ko igiti cyagwiriye imodoka ye ari icyawo, kikaba cyaraguye kubera uburangare bwawo ndetse no kutacyitaho (manque d'entretien). Asobanura ko umunsi impanuka iba hari haguye imvura irimo n'umuyaga, ko ariko nta kiza cyabayeho, kuko ibiti byose mu mujyi bitaguye, cyangwa se ngo hagire ikintu cyangirika kidasanzwe, ko haguye gusa ibiti bikuze bitasazuwe, ko ndetse nyuma y'iyo mpanuka ibiti byari bisigaye byatemwe bvose hasigara gusa ibikiri bito. Asanga rero uwo muyaga usanzwe wabayeho icyo gihe utabarirwa mu mpamvu zitunguranye kandi zitashoboraga kwirindwa (cas de force majeure) nk'uko bisobanurwa n'umuhanga mu mategeko O. De Grandcourt¹.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[19] Ingingo ya 260, igika cya 1, y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano (CCLIII) iteganya ko Umuntu ntaryozwa gusa ibyangiritse kubera ibikorwa bye bwite, ahubwo anaryozwa ibyangijwe n'ibikorwa by'abantu yishingiye cyangwa n'ibintu ashinzwe kurinda.

[20] 20. Nk'uko bigaragara mu miburanire yabo, ababuranyi bemeranya ko igiti cyagwiriye imodoka minibus Toyota Hiace RAA 089 K ya Maco Musoni Oscar Léonce nk'uko byasobanuwe haruguru, ari icy'Umujyi wa Kigali, ko kandi umunsi impanuka

_

¹ O. De Grandcourt, La responsabilité du propriétaire d'arbres, in Revue Forestière Française.

iba hari haguye imvura irimo umuyaga. Icyo batumvikanaho ni ukumenya niba umuyaga wagushije icyo giti wafatwa nk'impamvu itunguranye kandi itarashoboraga kwirindwa (cas de force majeure) yatuma Umujyi wa Kigali utaryozwa indishyi izo ari zo zose zikomoka kuri iyo mpanuka.

[21] Abahanga mategeko, basobanura ko mu (catastrophe naturelle) gitandukanye n'impamvu itunguranye kandi idashobora kwirindwa (cas de force majeure), ko kuba hari n'icyemezo cy'ubuyobozi kigaragaza ko habayeho imvura idasanzwe, bidasobanuye byanze bikunze ko habayeho impamvu itunguranye kandi idashobora kwirindwa, ko ariko byombi bigira ingaruka zimwe². Bakomeza basobanura ko umuyaga ushobora kuba impamvu itunguranye kandi idashobora kwirindwa iyo hatashobove kwirindwa ingaruka zawo kandi bitarashobokaga guteganya ko uri bubeho. Ugomba kuba ari umuyaga ukomeye cyane mu gace wabayemo cyangwa se ingaruka zawo zitashoboraga kwirindwa³.

² Philippe Le Tourneau, Cyril Bloch, Jérôme Julien, Christophe Guettier, Didier Krajeski, André Giudicelli et Matthieu Poumarède, Droit de la responsabilité et des contrats, Régimes d'indemnisation, Dalloz, Février 2014, p.749..... "Néanmoins, il n'y a pas d'identité entre l'état de catastrophe naturelle et la force majeure ; ainsi, la décision administrative de classement de pluies dans la première catégorie ne vaut pas ipso facto reconnaissance d'un cas de force majeure ; mais les effets d'une catastrophe naturelle sont les mêmes que ceux qui résultent d'une circonstance de force majeure".

³ Op, cit. p. 750... "Le vent sera un cas de force majeure, à la condition qu'il n'ait pas été possible d'en éviter les conséquences, et qu'il n'ait pas été prévisible. Le vent ne sera donc un cas de force majeure que s'il est établi que sa violence a présenté une intensité insolite dans la région considérée ou si les inconvénients en résultant ne pouvaient pas être conjurés. Un vent de 112 km/h est un cas de force majeure exonérant le constructeur d'un camion de l'accident survenu à celui-ci".

- [22] Ku bijyanye n'uru rubanza, Urukiko rurasanga, uretse kuvuga gusa ko ku wa 09/09/2010 haguye imvura irimo umuyaga watumye igiti cyo ku muhanda kigwira imodoka, Umujyi wa Kigali nta kimenyetso utanga kigaragaza ko habaye umuyaga udasanzwe, ko sevisi z'iteganyagihe zitashoboraga kuwuteganya kugira ngo hirindwe ingaruka zawo, cyangwa se ko usibye icyo giti hari n'ibindi bintu byaba byarangiritse mu gace impanuka yabereyemo.
- [23] 23. Hashingiwe rero ku ngingo ya 260, igika cya 1, y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano (CCLIII) yavuzwe haruguru, no ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga, nk'uko n'Urukiko Rukuru rwabyemeje, Umujyi wa Kigali ugomba kuryozwa indishyi zikomoka ku mpanuka y'imodoka minibus Toyota Hiace RAA 089 K yatejwe n'igiti cyo ku muhanda yari ishinzwe kurinda, bityo impamvu yayo y'ubujurire kuri iyi ngingo ikaba nta shingiro ifite.

c. Kumenya niba Urukiko Rukuru rwarageneye MACO MUSONI Oscar Léonce indishyi zidakwiye

- [24] Me Kayiranga Rukumbi Bernard, uburanira Umujyi wa Kigali, avuga ko Urukiko Rukuru rwageneye Maco Musoni Oscar Léonce indishyi nyinshi zidakwiye, kubera ko imodoka yari yarayiguze 1.400.000 Frw, ikaba rero itakwangirika ngo ikoreshwe ku mafaranga 3.304.000 Frw, ni ukuvuga inshuro zirenze ebyiri agaciro kayo. Asanga ahubwo hari kubaho kuyivana mu muhanda (déclassement), maze akishyurwa gusa agaciro kayo havuyemo ubusaze bwayo (amortissement).
- [25] Ku byerekeye indishyi zo gusana imodoka Maco Musoni Oscar Léonce yagenewe n'Urukiko, Me Kayiranga rukumbi

Bernard avuga ko niba imodoka yarashoboraga gusanwa, nyirayo nk'umucuruzi aba yarayikoresheje, ko rero Umujyi wa Kigali utari kuryozwa izo ndishyi zo kuyisana. Naho ku ndishyi z'igihombo yagenewe n'Urukiko, asanga kuba zarabariwe kuri 15.000 Frw ku munsi nayo ari menshi ukurikije ko hari ubwo taxis nyinshi zirirwa zihagaze zabuze abagenzi, izindi zapfuye zikajyanwa mu ma garaji, ko ndetse no ku mafaranga y'inyungu zikorera havamo umusoro, kuzikoresha (entretien) n'ibindi.

- [26] Me Bizimana Shoshi Jean Claude, uburanira Maco Musoni Oscar Léonce, avuga ko ibyo uhagarariye Umujyi wa Kigali avuga ko taxis nyinshi zirirwa zihagaze, ari amagambo gusa, kuko nta nyigo wabikoreye, ko rero asanga indishyi zagenwe n'Urukiko Rukuru zifite ishingiro, kandi uru rukiko rukwiye kongera izo ndishyi zikabarwa kugeza igihe uru rubanza ruciwe, kuko kugeza ubu imodoka ikiri mu igaraji kubera ko habuze amafaranga yo kuyikoresha, maze Maco Musoni Oscar Léonce akagenerwa izingana na 15.000 Frw x iminsi 2.666 = 39.990.000 Frw.
- [27] Ku byerekeye amafaranga yo gukoresha imodoka, Me Bizimana Shoshi Jean Claude avuga ko nta buriganya bwabayeho mu kugena agaciro ko kuyisana, kuko hari igaraji ryatanze "devis de reparation" yemewe n'amategeko, kandi ko nta gitangaza kirimo ko imodoka yakoreshwa ku mafaranga arenze ayo yaguzwe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[28] Nk'uko byasobanuwe haruguru kandi hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 260, igika cya 1, y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano (CCLIII),

Umujyi wa Kigali ugomba kuryozwa indishyi zikomoka ku mpanuka yavuzwe haruguru.

[29] Urukiko rurasanga 3.304.000 Frw y'indishyi zo gukoresha imodoka Urukiko Rukuru rwageneye Maco Musoni Oscar Léonce mu rubanza rwajuririwe ariyo akwiye kugumaho, kubera ko Umujyi wa Kigali, umaze kubona ibaruwa ye yo ku wa 28/12/2010 yanditse asaba kwishyurwa ibyangiritse ku modoka ye n'iyo ku wa 14/03/2011 yibutsa iyo ya mbere, ntacyo wamusubije cyangwa se ngo ukoreshe "contre-expertise" igaragaza ko iyo modoka igomba kuvanwa ku muhanda, maze akishyurwa agaciro kayo havuyemo "amortissement" nk'uko ubiburanisha, ndetse no mu rukiko rwabanje ndetse n'ubu, ntugaragaza uko ibyo uburanisha bigomba gukorwa, uretse kuvuga gusa ko ayo mafaranga ari menshi.

[30] Ku byerekeye amafaranga y'igihombo Maco Musoni Oscar Léonce avuga ko imodoka ye iba yarakoreye kugeza ubu, Urukiko rurasanga 14.025.000 Frw yagenwe n'Urukiko Rukuru ko ariyo imodoka yagombaga kuba yinjiza iyo iza kuba ikora, yaragenwe mu bushishozi gusa, akaba rero mu by'ukuri ntaho ashingiye, kuko uyasaba atagaragaje urwunguko yari asanzwe agira mu buryo bw'ibaruramari ngo hamenyekane icyo yatakaje, bityo rero, ayo mafaranga ntiyagombaga gutangwa, n'ubu kandi ntiyatangwa cyangwa se ngo yongerwe nk'uko abisaba, ahubwo agomba kuvanwaho kuko Maco Musoni Oscar Léonce atayagaragarije ibimenyetso nk'uko abisabwa n'ingingo ya 12 y'Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru.

B. Ubujurire bwuririye ku bundi bwa Maco Musoni

- [31] Me Bizimana Shoshi Jean Claude uburanira Maco Musoni Oscar Léonce avuga ko indishyi z'akababaro zingana na 200.000 Frw yagenewe n'Urukiko Rukuru ari nkeya, ko uru rukiko rwamuha izingana na 15.000.000 Frw kubera ko Umujyi wa Kigali wamushoye mu manza nta mpamvu, akabaho nabi n'umuryango we kandi yari yariteganyirije, hakiyongereyeho 2.500.000 Frw yo gukurikirana urubanza n'igihembo cy'Avoka.
- [32] Me Kayiranga Rukumbi Bernard, uhagarariye Umujyi wa Kigali, avuga ko indishyi z'akababaro zisabwa na Maco Musoni Oscar Léonce nta shingiro zifite, kuko ari uburenganzira bw'umuburanyi kujurira, kandi Umujyi wa Kigali ntukwiye kuryozwa indishyi nk'uko byasobanuwe haruguru. Ku byerekeye amafaranga y'igihembo cy'Avoka, avuga ko asabwa ari menshi, ko bibaye ngombwa ko atangwa yahabwa 500.000 Frw nk'uko biteganywa n'amabwiriza y'Urugaga rw'Abavoka.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [33] Ingingo ya 152 y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko uregwa mu rukiko rujuririrwa ashobora na we kugira ibyo asaba yiregura (...).
- [34] Urukiko rurasanga indishyi z'akababaro Maco Musoni Oscar Léonce asaba Umujyi wa Kigali zifite ishingiro, kuko kuva imodoka ye yakora impanuka, atahwemye gusiragira agira ngo Umujyi wa Kigali umwishyure ibyangiritse ku modoka ye, ariko

ntiyahabwa igisubizo biba ngombwa kwiyambaza inkiko, nabwo ntiwitaba mu rukiko rwabanje, ubu hakaba hashize imyaka 8 atarishyurwa, bikaba byaramuteye akababaro, ariko indishyi zingana na 15.000.000 Frw asaba avuga ko 200.000 Frw yagenwe n'Urukiko Rukuru ari make, ni menshi, mu bushisozi bwarwo akaba agenewe1.000.000 Frw.

[35] Ku byerekeye 2.500.000 Frw yo gukurikirana urubanza n'igihembo cy'Avoka, Maco Musoni Oscar Léonce asaba Umujyi wa Kigali, Urukiko rurasanga atayagenerwa, kuko buri ruhande rufite icyo rutsindiye muri uru rubanza ku byo rwasabaga.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [36] Rwemeje ko ubujurire bw'Umujyi wa Kigali bufite ishingiro kuri bimwe.
- [37] Rwemeje ko ubujurire bwuririye ku bundi bwa Maco Musoni Oscar Léonce bufite ishingiro kuri bimwe.
- [38] Rutegetse Umujyi wa Kigali kwishyura Maco Musoni Oscar Léonce 3.304.000 Frw y'indishyi zo gukoresha imodoka ye minibus Toyota Hiace RAA 089 K yangiritse kubera impanuka yatewe n'igiti cyo ku muhanda na 1.000.000 Frw y'indishyi z'akababaro yose hamwe akaba 4.304.000 Frw.
- [39] Rutegetse Umujyi wa Kigali kwishyura 100.000Frw y'amagarama y'urubanza.

RWANDA LAW REPORTS

ENGLISH VERSION



TABLE OF CONTENTS

TEAM OF EDITORS	iii
MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE	iv
PREFACE	vii
SCOPE OF THE REPORTS	viii
CITATION	viii
LIST OF STATUTES AND STATUTORY INS	
LIST OF CASES CONSIDERED	xi
SUBJECT INDEX	xii
MT LAW OFFICE Ltd v. PELLA RWANDA RES	
MUKAGIFUNDU ET.AL v. UWAMARIYA ET.A	L11
NDEREYEHE V. NYIRAMAHINGURA ET AL	23
PROSECUTION v. DUSENGIMANA	35
PROSECUTION v. MUKARUYANGE	47
KIGALI CITY v. MACO MUSONI	73
NDAHUNGA v. MUKAKALISA ET AL	91
HABIMANA ET AL v. ASIIMWE ET AL	109
MUNYANEZA N'UNDI v. ACCESS BANK Ltd	145

TEAM OF EDITORS

LAW REPORTING TEAM

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

NINAHAZWA Roselyne

MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse: President of the Committee,

Judge of the Court of Appeal

Dr. MUHIRE G. Yves : Vice President of the

Committee,

Lecturer in the School

of Law/UR

BUKUBA Claire : Secretary of the Committee,

Inspector of Courts

Dr. KARIMUNDA M. Aimé : President of Court of Appeal

RUKUNDAKUVUGA F. Regis : Judge at Supreme

Court

NDAHAYO Xavier : President of High Court

RUTAZANA Angeline : Inspector General

of Courts

KALIWABO Charles : Judge of the

Court of Appeal

Dr. KAYIHURA Didas : Rector of ILPD

BWIZA N. Blanche : Inspector of Courts

KIBUKA Jean Luc : Judge at Commercial

High Court

HABARUREMA Jean Pierre : Prosecutor at National

Level

BUNYOYE Grace : Prosecutor at National

Level

KABIBI Specioza : State Attorney

MUREREREHE Saouda : Judge at High Court

Lt. col. MADUDU A. Charles : Judge at Military

Court

UWANTEGE Yvette : Chief registrar at

Court of appeal

GIRANEZA Clémentine : Judge of the

Intermediate Court

BAGABO Faustin : Advocate at Rwanda

Bar Association

PREFACE

Dear Readers,

The Rwandan judiciary is pleased to publish the third volume of Rwanda Report for the year 2020. We reiterate our thanks to you for regularly providing us with your ideas and showing us the areas of improvement. This helps us to publish a more enhanced Law Report, useful to those who face legal challenges in their profession.

This volume of Rwanda Law Reports, contains nine (9) cases, containing four (4) cases in merit: one (1) administrative case, one (1) civil case, two (2) commercial cases, while the remaining five (5) are procedural cases.

We are also pleased to remind you that published cases can also be accessed on the website of the judiciary http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do.

We still encourage all legal practitioners and others who regularly deal with the law in their work to use these Law Reports.

Dr NTEZILYAYO Faustin
President of the Supreme Court and
President of the High Council of Judiciary.

SCOPE OF THE REPORTS

These reports cover cases decided by the Supreme Court and the Court of appeal cited under the heading below:

CITATION

The Reports in this volume are cited thus: [2020] 3 RLR

LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED

Law N° 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure,
Article 10
Law N° 76/2013 of 11/09/2013 determining the mission, powers, organization and functioning of the Office of the Ombudsman, article 15
Law N° 12/2013 of 22/03/2013 governing the bailiff function, article 38116
Law N° 45/2011 of 25/11/2011 regulating contract, article
law N° 17/2011 of 12/05/2010 establishing and organizing the real property valuation profession, article 36117
Law $N^{\circ}13/2010$ of $07/05/2010$ modifying and complementing Law $N^{\circ}10/2009$ of $14/05/2009$ on mortgages, article 3117
Law N° 15/2004 of 12/06/2004 relating to evidence and its production,
Article 4,65 and 11939
article 108 and 11953
article 3
Instructions of the Registrar General N° 03/2010/org of 16/11/2010 on modalities of lease, sale, public auction and mortgage, article 9117

Organic Law N° 03/2012/OL of 13/06/2012 determining organization, functioning and jurisdiction of the Supreme Court, articles 28, (2), 7° and (4)
Organic Law N°01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the penal code, article 326 and 57352
Law No 21/2012 of 14/06/2012 relating to civil, commercial, labor and administrative procedure,
Article 7116
article 176176
artcle 32053
Law N° 22/99 of 12/11/1999 to supplement book I of the civil code and to institute part five regarding matrimonial regimes, liberalities and successions article 17,21 and 2294
Decree-Law of 30/07/1888 relating to contracts or obligations,
(abrogated by the law N° 020/2019 of 22/08/2019 abrogating all
laws established before the independence),
Article 258117
Article 552, n'iya 573149.
Article 260, paragraph 177

LIST OF CASES CONSIDERED

Murorunkwere v. Utamuriza, RCAA 0075/09/CS rende Supreme Court on 20/05/2011	-
Nzamubara v. Ntawukuriryayo, RCAA 0097/10/CS re the Supreme Court on 06/05/2011	•
Prosecution v. Nyawera Céléstin, RPA 0033/11/CS re. 14/9/2012 by the Supreme Court	

SUBJECT INDEX

 Auction – When the auction is nullified, everything has to be in the status they were in before the auction. HABIMANA ET AL v. ASIIMWE ET AL111
2. Civil procedure law – Application for review of judgment on grounds of injustice – Parties – All parties to the case whose judgment is to be reviewed due to injustice must be summoned regardless of whether they applied for that review to the competent organ or not. MUKAGIFUNDU ET.AL v. UWAMARIYA ET.AL.
Third party opposition – Interests – Interests of a party who files a third party opposition claim, must be different from those of the parties to the case whose judgment is subject to the opposition. NDEREYEHE V. NYIRAMAHINGURA ET AL25
Ground of defence – Force majeure – The party which invokes the force majeure as a defence has the burden to prove it. KIGALI CITY v. MACO MUSONI
B. Contract – Contract of sale –Movable property – Delivery. – Delivery of movable property (merx) is effected when there is real handover of the goods or the keys of the building in which they are stored or basing on the consent of the parties in case the merx (sold property) cannot be delivered at the time of sale or if the buyer already had it in possession in any other way. KIGALI CITY v. MACO MUSONI

Personal guarantee – The guarantor continues to be under the obligations to repay the credit unless those obligations are extinguished on the grounds provided by the law. MUNYANEZA ET. AL. v. ACCESS BANK Ltd147 Loan contract – Personal guarantee – A personal guarantor cannot renege on his promise of repaying the loan in case the principal debtor fails to repay it on the pretext that the principal loan contract was restructured in case the restructuring did not change the basis of the personal guarantee. MUNYANEZA N'UNDI v. ACCESS BANK Ltd147
 4. Criminal Procedure law – Proof beyond a reasonable doubt – A person can only be convicted if the Prosecution has proved beyond any reasonable doubt that the accused is guilty. PROSECUTION v. DUSENGIMANA
Classification of the offence – Re-classification of the offence is in the judge's duties in case, the judge finds that the acts for which the accused is charged, are not given the right classification – As long as the decision of the Court has not acquired the status of res judicata the offence can be re-classified and the accused's right to defense be respected. PROSECUTION v. MUKARUYANGE
5. Family law – Family property – Management of family property – The consent of both spouses is mandatory before the sale or conveying any right on the immovable property which they jointly own. NDAHUNGA v. MUKAKALISA ET AL93

PROCEDURAL CASES

CASE RELATING TO CIVIL, COMMERCIAL, LABOUR AND ADMINISTRATIVE PROCEDURE

MT LAW OFFICE Ltd v. PELLA RWANDA RESOURCES Ltd

[Rwanda SUPREME COURT – RCAA 00003/2018/SC (Mutashya, P.J., Nyirinkwaya and Gakwaya, J.) April 13, 2018]

Jurisdiction of Courts – Jurisdiction of the court on the second appeal – Despite the fact that in the previous courts neither the damages equivalent or more than those provided by the Law were awarded and the value of the subject matter was not debated upon, the issue of the value of the subject matter can be raised for the first time at the appealante level in order to determine the pecuniary jurisdiction of that court.

Facts: MT Law Office Ltd concluded with Pella Rwanda Resources Ltd a contract of providing legal services whereby Pella Rwanda Resources Ltd greed to pay MT Law Office Ltd a legal assistance fee of USD 1,200.00. In their contract, they included a dispute resolution clause according to which any dispute between them will be settled amicably within 10 days but in case it fails, the matter will be submitted to an arbitrator.

MT Law Office Ltd sued Pella Rwanda Resources before the Commercial Court of Nyarugenge for not honouring its obligation of paying the legal fees and for refusing to settle their dispute amicably; consequently, it appointed its arbitrator and it requested the court to appoint another arbitrator for the other party so that together they can appoint a third one.

After overruling the objection of lack of jurisdiction of that Court, it found the claim with merit. It appointed the second arbitrator on the side of Pella Rwanda Resources Ltd. The latter was not

contended with that decision and appealed before the Commercial High Court, which quashed the appealed judgment on all grounds because it found that the profession of legal advocacy is not commercial activity.

MT Law Office Ltd consequently seized Gasabo Intermediate Court, Pella Rwanda Resources Ltd raised again the objection of lack of jurisdiction, but it was overruled and the Court appointed the arbitrator on the side of Pella Rwanda Resources Ltd.

